2. Resolved to fight the ideology of genocide and all its manifestations, and to eradicate ethnic and regional divisions;
3. Determined to set up democratic institutions and authorities freely elected by the people;
4. Emphasising the necessity to strengthen and to promote national unity and reconciliation which were seriously weakened by the genocide and its sequels;
5. Conscious that the peace and unity of Rwandans constitute the essential basis for economic development and social progress;

¹ We have chosen to say « Republic of Rwanda » instead of « Rwandan Republic » for the sake of harmonisation of the French text not only with Kinyarwanda and English texts (Repubulika y'u Rwanda, Republic of Rwanda) but also we followed the example of other African countries notably (République du Burundi, du Congo, du Gabon, du Mali, du Kenya, du Nigeria, etc...)

- | | | |
|---|--|---|
| <p>6. Twiyemeje gushyiraho Leta igendera ku mategeko, ishingiye ku iyubahiriza ry' uburenganzira bw'ibanze bwa Muntu, demokarasi ishingiye ku bitekerezo bya politiki binyuranye, gusaranganya ubutegetsi nta bwikanyize, ubworoherane no gukemura ibibazo biri hagati y'abantu binyuze mu mushyikirano ;</p> <p>7. Dushingiye ku mahirwe dufite yo kugira ururimi rumwe, umuco umwe n'amateka maremare dusangiye bigomba gutuma tugira imyumvire imwe y'aho tugana ;</p> | <p>6. Résolus à bâtir un Etat de droit fondé sur le respect des libertés et droits fondamentaux de la personne, la démocratie pluraliste, le partage équitable du pouvoir, la tolérance et la résolution des problèmes par le dialogue social ;</p> <p>7. Considérant que notre pays jouit de l'avantage d'avoir une même langue, une même culture et une longue histoire en partage qui doivent nous conduire à une vision commune de notre destin;</p> | <p>6. Resolved to build a State based on the rule of law that respects liberties and fundamental human rights, pluralistic democracy, equitable power sharing, tolerance and resolution of disputes through social dialogue;</p> <p>7. Considering that our country enjoys the advantage of having a common language, a common culture and a long history of sharing that must lead us to a common vision of our destiny;</p> |
| <p>8. Tumaze kubona ko ari ngombwa gushaka mu mateka yacu amaze imyaka amagana imigenzereze myiza yarangaga abakurambere bacu igomba gushingirwaho kugira ngo Igihugu kibashe kubaho no kugira ubwisanzure ;</p> | <p>8. Considérant qu'il importe de puiser dans notre histoire multiséculaire les valeurs traditionnelles positives indispensables à l'existence et à l'épanouissement de notre Nation ;</p> | <p>8. Considering that it is important to draw positive traditional values that are essential to the existence and flourishing of Rwanda from our centuries-old history;</p> |
| <p>9. Twongeye guhamya ko twiyemeje gukurikiza amahame y'uburenganzira bwa Muntu nk'uko ateganywa n'Amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye yo kuwa 26 Kamena 1945, Amasezerano Mpuzamahanga yo ku wa 9 Ukuboza 1948 yerekeye gukumira no guhana icyaha cy'itsembabwoko, Itangazo Mpuzamahanga ry'Uburenganzira bwa Muntu ryo ku wa 10 Ukuboza 1948, Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye guca burundu ivanguramoko iryo ari ryo ryose yo ku wa 21 Ukuboza 1965, Amasezerano</p> | <p>9. Réaffirmant notre attachement aux principes des droits de l'homme tels qu'ils ont été définis par la Charte des Nations Unies du 26 juin 1945, la Convention des Nations Unies du 9 Décembre 1948 relative à la prévention et à la répression du crime de génocide, la Déclaration universelle des droits de l'homme du 10 Décembre 1948, la Convention contre toutes formes de discrimination raciale du 21 Décembre 1965, le Pacte international</p> | <p>9. Reaffirming our adherence to the principles of human rights enshrined in the United Nations Charter of 26 June 1945, the International Convention on Genocide of 9 December 1948, the Universal Declaration of Human Rights of 10 December 1948, the International Convention on Elimination of All Forms of Discrimination of 21 December 1965, the International Convention</p> |

Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco yo ku wa 16 Ukuboza 1966, Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'imbonezamubano na politiki yo ku wa 16 Ukuboza 1966, Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye guca burundu ivangura iryo ari ryo ryose rikorerwa abagore yo ku wa 18 Ukuboza 1979, Amasezerano Nyafurika yerekeye Uburenganzira bwa Muntu n'ubw'Abaturage yo ku wa 27 Kamena 1981 n'Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira bw'umwana yo ku wa 20 Ugushyingo 1989 ;

10. Twiyemeje guharanira ko haba uburenganzira bungana mu Banyarwanda no hagati y'Abanyarwanda n'Abanyarwandakazi bitabangamiye amahame y'uburinganire n'ubwuzuzanye bw'abagore n'abagabo mu iterambere ;
11. Twiyemeje guharanira kongera ubumenyi n'ubushobozi bw'abakozi, kurwanya ubutamenya, guteza imbere ikorana-buhanga no guharanira amajyambere n'imibereho myiza y'Abanya-rwanda ;
12. Tumaze kubona ko nyuma y'igihe cy'inzibacyuho, u Rwanda rugomba kugengwa n'Itegeko Nshinga rigizwe n'ibitekerezo byatanzwe n'Abanyarwanda ubwabo ;

Twemeje muri referendumu iri Tegeko Nshinga kandi ni ryo tegeko ry'Igihugu risumba ayandi.

relatif aux droits économiques, sociaux et culturels du 16 Décembre 1966, le Pacte international relatif aux droits civils et politiques du 16 Décembre 1966, la Convention sur l'Élimination de toutes les formes de Discrimination à l'égard des Femmes du 18 Décembre 1979, la Charte africaine de droits de l'homme et des peuples du 27 Juin 1981 et la Convention relative aux droits de l'enfant du 20 Novembre 1989 ;

10. Engagés à assurer l'égalité des droits entre les Rwandais et entre les Rwandaises et les Rwandaises, sans porter préjudice aux principes de l'approche « gender » ;
11. Décidés à assurer le développement des ressources humaines, à lutter contre l'ignorance, à promouvoir la technologie, le progrès et le bien-être social ;
12. Considérant qu'au terme de la période de Transition, le Rwanda doit se doter d'une Constitution issue des choix exprimés par les Rwandais eux-mêmes.

Adoptons par référendum la présente Constitution qui est la loi suprême de l'Etat.

on Civil and Political Rights of 16 December 1966, the International Convention on Economic, Social and Cultural Rights of 16 December 1966, the International Convention on the Elimination of all forms of Discrimination against Women of 18 December 1979, the African Charter on Human and Peoples' Rights of 18 June 1981 and the Convention on the Rights of the Child of 20 November 1989 ;

10. Committed to ensuring equal rights between Rwandans and between Rwandan women and men without prejudice to the principles of gender;
11. Determined to build the capacity of Rwandans to fight ignorance, to promote technology and the promotion of the welfare of the Population.
12. Considering that at the end of the Transition period, Rwanda must endow itself with a Constitution stemming from choices expressed by Rwandans themselves;

Hereby adopt, by referendum, the present Constitution that is the supreme law of the Republic.

INTERURO YA I

***IBYEREKEYE LETA N'INKOMOKO
Y'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU***

UMUTWE WA I : INGINGO RUSANGE

Ingingo ya 1.

Leta y'u Rwanda ni Repubulika yigenga kandi ubutegetsi bwose niyo buturukaho, ishingiyeye kuri demokarasi, igamije guteza imbere abatwaga, kandi idashingiyeye ku idini.

Ishingiro rya Repubulika ni « ubutegetsi bwa rubanda, butangwa na rubanda kandi bukorera rubanda ».

Ingingo ya 2.

Ubutegetsi bwose bukomoka ku mbaga y'Abanyarwanda.

Nta gice cy'Abanyarwanda cyangwa se umuntu ku giti cye ushobora kwiha ubutegetsi.

Ubutegetsi bw'Igihugu ni ubw'Abanyarwanda, bukorwa n'ababagariye cyangwa na bo ubwabo muri referendum.

TITRE I

***DE L'ETAT ET DE LA SOUVERAINETE
NATIONALE***

CHAPITRE I : DISPOSITIONS GENERALES

Article 1.

L'Etat Rwandais est une République indépendante, souveraine, démocratique, sociale et laïque.

Le principe de la République est : gouvernement du peuple, par le peuple et pour le peuple.

Article 2.

Tout pouvoir émane de la Nation.

Aucune partie du peuple ni aucun individu ne peut s'en attribuer l'exercice.

La souveraineté nationale appartient au peuple qui l'exerce par ses représentants ou directement par la voie du referendum.

TITLE I

THE STATE AND NATIONAL SOVEREIGNTY

CHAPTER I : GENERAL PROVISIONS

Article 1.

The Rwandan State is an independent, sovereign, democratic and social Republic and a secular state.

The principle governing the Republic is: government of the people, by the people and for the people.

Article 2.

All the power emanates from the people.

No group of the people or individual can attribute to themselves or him or herself the exercise of political authority.

National sovereignty belongs to the people who shall exercise it through their representatives or directly by way of a referendum.

Ingingo ya 3.

Igihugu cy'u Rwanda kigabanyijemo intara n'Umujyi wa Kigali.

Intara zigabanyijemo uturere, imijyi, imirenge n'utugari.

Umujyi wa Kigali ugabanyijemo uturere, imirenge n'utugari.

Itegeko rigena umubare, imbibi n'imikorere y'Intara, Umujyi wa Kigali, Uturere n'imijyi.

Ingingo ya 4.

Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda ni Kigali. Ushobora kwimurirwa ahandi mu Rwanda byemejwe n' itegeko.

Ingingo ya 5.

Ururimi rw' Igihugu ni Ikinyarwanda. Indimi zikoreshwa mu butegezi ni: ikinyarwanda, igifaransa n'icyongereza.

Ingingo ya 6.

Ibirango by'Igihugu cy'u Rwanda ni: ibendera, ikimenyetso mpamo cy'inyandiko za Leta, intego n'indirimo y'Igihugu.

Ibendera ry'Igihugu rigizwe n'amabara atatu : icyatsi kibisi, umuhondo, n'ubururu.

Article 3.

Le territoire national est divisé en Provinces et la Ville de Kigali.

Les provinces sont subdivisées en districts, villes, secteurs et cellules.

La Ville de Kigali est subdivisée en districts, secteurs et cellules.

La loi fixe le nombre, les limites, l'organisation et le fonctionnement des provinces, de la Ville de Kigali, des districts et des villes.

Article 4.

La capitale de la République du Rwanda est Kigali. Elle ne peut être transférée ailleurs sur le territoire national qu'en vertu d'une loi.

Article 5.

La langue nationale est le Kinyarwanda. Les langues officielles sont le Kinyarwanda, le Français et l'Anglais.

Article 6.

Les symboles nationaux sont : le drapeau, le sceau, la devise et l'hymne national.

Le drapeau national est formé de trois couleurs: le vert, le jaune, le bleu.

Article 3.

The territory of Rwanda is divided into provinces and the City of Kigali.

These provinces are divided into districts and towns, sectors and cells.

The Kigali city is divided into districts, sectors and cells.

The law determines the number, boundaries, organization and the functioning of Provinces, Kigali city, districts and towns.

Article 4.

The capital of the Republic of Rwanda is Kigali. It can only be transferred elsewhere on the national territory after a law has been enacted to that effect.

Article 5.

The national language is Kinyarwanda. The official languages are Kinyarwanda, French and English.

Article 6.

The national symbols are: the flag, the seal, the motto and the national anthem.

The national flag is made up of three colours: green, yellow, and blue.

Ibendera rigizwe n'amabara akurikira uvuye hasi uzamuka: habanza ibara ry'icyatsi kibisi, rikurikirwa n'ibara ry'umuhondo, kandi ayo mabara yombi yihariye icya kabiri cy'ibendera ryose. Igice cya kabiri cyo hejuru kigizwe n'ibara ry'ubururu rishushanyijwemo izuba n'imirase yaryo y'ibara ry'umuhondo wa zahabu riri ku ruhande rw'iburyo. Iryo zuba n'imirase yaryo bitandukanyijwe n'uruziga rw'ibara ry'ubururu.

Ibindi byose byerekeye ibendera biteganywa n'itegeko.

Ikimenyetso mpamo cy'innyandiko za Leta kigizwe n'uruziga rw'icyatsi kibisi n'ipfundo ry'umuguzi w'iryo bara upfunditse hasi, ahagana hejuru hakabamo innyandiko « REPUBLICA Y'U RWANDA ». Muri y'ipfundo handitse amagambo agize intego ya Repubulika « UBUMWE, UMURIMO, GUKUNDA IGIHUGU ». Izo nyandiko zose zanditse mu nyuguti z'umukara ku ibara ry'umuhondo.

Ikimenyetso mpamo cy'innyandiko za Leta kigizwe kandi n'amashusho akurikira : izuba, imirase yaryo, ishaka n'ikawa, agaseke, uruziga rw'ubururu rufite amenyo n'ingabo ebyiri, imwe iri iburyo indi iri ibumoso.

Ibindi byerekeye ikimenyetso mpamo cy'innyandiko za Leta biteganywa n'itegeko.

Intego ya Repubulika ni : UBUMWE, UMURIMO, GUKUNDA IGIHUGU.

Indirimbo y'Igihugu ni : RWANDA NZIZA.

Le drapeau est constitué, de bas en haut, d'une bande de couleur verte, suivie d'une bande de couleur jaune qui couvrent la moitié du drapeau.

La moitié supérieure est de couleur bleue portant dans sa partie droite l'image d'un soleil avec ses rayons de couleur jaune dorée. Le soleil et ses rayons sont séparés par un anneau bleu.

La loi précise les autres détails du drapeau.

Le sceau de l'Etat est formé d'une corde verte en cercle de même couleur avec un nœud vers le bas et portant , à sa partie supérieure, les mentions « **REPUBLICA Y'U RWANDA** ». En bas du nœud se trouvent les mentions de la devise de la République « **UBUMWE, UMURIMO, GUKUNDA IGIHUGU** ». Toutes ces mentions sont écrites en noir sur un fond jaune.

Le sceau porte également les idéogrammes suivants : le soleil avec ses rayons, une tige de sorgho et une branche de caféier, un panier, une roue dentée de couleur bleue et deux boucliers l'un à droite, l'autre à gauche.

Les autres détails du sceau sont précisés par la loi.

La devise de la République est : UNITE, TRAVAIL, PATRIOTISME.

L'hymne national est : RWANDA NZIZA.

From the bottom to the top, the flag is made of, a green strip, followed by a yellow strip that covers half the flag. The upper half is blue, bearing on the right side the image of the sun with its rays of golden yellow. A blue ring separates the sun and its rays.

The law specifies the other details of the flag.

The seal of the state is made up of a circular green rope and a green knot at the base, bearing on its upper part, « **REPUBLICA Y'U RWANDA** ». At the bottom of the knot is the motto of the Republic: « **UBUMWE, UMURIMO, GUKUNDA IGIHUGU** ». All these words are written in black against a yellow background.

The seal also bears the following ideograms : the sun with its rays, a stem of sorghum a branch of a coffee tree, a basket, a blue toothed-wheel and two shields one on the right and one on the left.

The law specifies the other details.

The Motto of Republic is : UNITY, WORK, PATRIOTISM.

The national anthem is RWANDA NZIZA.

Ibindi byerekeye indirimbo y'Igihugu biteganwa n'itegeko.

Ingingo ya 7.

Buri muntu afite uburenganzira ku bwenegihugu.

Ubwenegihugu burenze bumwe buremewe.

Nta wushobora kwamburwa ubwenegihugu nyarwanda bw'inkomoko.
Nta wushobora kuvutswa ubwenegihugu bwe cyangwa uburenganzira bwo guhindura ubwenegihugu, ku buryo bunyuranyije n'amategeko.

Abanyarwanda cyangwa ababakomokaho bambuwe ubwenegihugu bw'u Rwanda hagati y'itariki ya 1 Ugushyngiro 1959 n'ya 31 ukuboza 1994 kubera guhabwa ubwenegihugu bw'amahanga basubirana bataagombye kubisaba ubwenegihugu iyo bagarutseguturira mu Rwanda, hatitawe mategeko abanziriza iri Tegeko Nshinga anyuranyije n'iyi ingingo.

Abantu bose batotezwa mu bihugu by'amahanga bazira ko bakomoka mu Rwanda bafite uburenganzira bwo guhabwa ubwenegihugu bw'u Rwanda.

Itegeko ngenga rigena ibigomba gushingirwaho mu guhabwa, kugumana, gukoresha no gutakaza ubwenegihugu bw'u Rwanda.

Les autres détails de l'hymne national sont déterminés par la loi .

Article 7.

Toute personne a droit à la nationalité.

La double nationalité est permise.

La nationalité rwandaise d'origine ne peut être retirée.
Nul ne peut être arbitrairement privé de sa nationalité ni du droit de changer de nationalité.

Les rwandais ou leurs descendants qui, entre le 1^{er} Novembre 1959 et le 31 Décembre 1994, ont perdu la nationalité rwandaise suite à l'acquisition d'une nationalité étrangère sont d'office réintégrés dans la nationalité rwandaise, nonobstant toute disposition légale antérieure contraire, s'ils reviennent s'installer au Rwanda.

Les personnes persécutées à l'extérieur du pays à cause de leur origine rwandaise ont le droit d'acquérir la nationalité rwandaise.

Une loi organique définit les conditions d'acquisition, de conservation, de jouissance et de perte de la nationalité rwandaise.

Other details of the National Anthem are specified by law.

Article 7.

Every person has a right to Nationality.

Dual nationality is permitted.

No person may be deprived of Rwandan nationality of origin.
No person shall be arbitrarily deprived of his or her nationality or of the right to change nationality.

Rwandans or their descendants who lost their nationality between 1st November 1959 and 31 December 1994 leading to acquisition of foreign nationalities automatically acquire the Rwandan nationality without taking into consideration other legal provisions which are contrary to this article if they decide to reside in Rwanda.

Persons outside Rwanda persecuted by reason of their Rwandan ancestry shall be entitled to Rwandan nationality.

An organic law shall specify the acquisition, keeping, enjoying and the loss of Rwandan Nationality.

Ingingo ya 8.

Gutora no gutorwa ni uburenganzira bw'abenegihugu bose ku buryo bungana.

Itora rikorwa mu buryo butaziguye kandi mu ibanga keretse iyo Itegeko Nshinga cyangwa irindi tegeko biteganywa ubundi buryo.

Abanyarwanda bose, b'ibitsina byombi, bujuje ibya ngombwa bisabwa n'amategeko bafite uburenganzira bwo gutora no gutorwa.

Itegeko ngenga rigenaibya ngombwa byerekeye amatora n'uburyo akorwa.

UMUTWE WA II : AMAHAME REMEZO

Ingingo ya 9.

Leta y' u Rwanda yiyemeje kugendera ku mahame remezo akurikira no gutuma yubahirizwa:

1. Gusaranganya ubutegetsu nta bwikanyize;
2. Gushyiraho Leta igendera ku mategeko n'ubutegetsu bwa Demokarasi ishingiye ku bitekerezo bya politiki binyuranye;
3. Kurwanya ingengabitekerezo y'itsembabwoko n'ibyo igaragariramo byose;
4. Kurandurana imizi amacakubiri ashingiye ku bwoko, akarere n'ibindi no gushyira imbere ubumwe bw'Abanyarwanda;

Article 8.

Le suffrage est universel et égal.

Il est direct et secret sauf dans les cas déterminés par la Constitution ou la loi.

Tous les citoyens rwandais des deux sexes, qui remplissent les conditions légales, ont le droit de voter et d'être élus.

Une loi organique détermine les conditions et les modalités des consultations électorales.

CHAPITRE II : PRINCIPES FONDAMENTAUX

Article 9.

L'Etat Rwandais s'engage à se conformer aux principes fondamentaux suivants et à les faire respecter :

1. Le partage équitable du pouvoir ;
2. L'instauration d'un Etat de droit et d'un régime démocratique pluraliste ;
3. La lutte contre l'idéologie du génocide et toutes ses manifestations ;
4. L'éradication des divisions ethniques, régionales et autres et la promotion de l'unité nationale ;

Article 8.

The suffrage is universal and equal.

Voting is direct and secret except in cases determined by the Constitution or the law.

All Rwandan citizens of both sexes, aged 18 years and above have the equal right to vote, to stand for public office, be elected and if elected to hold office.

An organic law shall determine the conditions and modalities for the conduct of elections.

CHAPTER II : FUNDAMENTAL PRINCIPLES

Article 9.

The Rwandan State commits itself to conform to the following fundamental principles and to promote and enforce the respect thereof:

1. Equitable sharing of power;
2. Establishment of the rule of law and a democratic pluralistic system of government;
3. The fight against the ideology of genocide and all its manifestations;
4. The eradication of ethnic and regional division and the promotion of national unity;

5. Uburinganire bw'Abanyarwanda bose no hagati y'Abanyarwandakazi n'Abanyarwanda;
6. Kubaka Leta iharanira imibereho myiza y'abaturage n'uburinganire mu mibereho yabo;
7. Gushaka buri gihe umuti w'ibibazo mu nzira y'ibiganiro n'ubwumvikane busesuye.

INTERURO YA II

IBYEREKEYE UBURENGANZIRA BW'IBANZE BWA MUNTU, UBURENGANZIRA N'INSHINGANO BY'UMWENEGIHUGU

UMUTWE WA I : UBURENGANZIRA BW'IBANZE BWA MUNTU

Ingingo ya 10.

Ingingo zikubiye mu Itangazo Mpuzamahanga ryerekeye Uburenganzira bwa muntu rryemejwe n'Umuryango w'Abibumbye ku wa 10 Ukuboza 1948 n'Amasezerano y'Umuryango w'Abibumbye yo guca burundu no guhana icyaha cy'itsembabwoko yo ku wa 9 Ukuboza 1948, mu Masezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'ubukungu, imibereho myiza n'umuco yo ku wa 16 Ukuboza 1966 no mu masezerano Mpuzamahanga yerekeye uburenganzira mu by'imbenezamubano na politiki yo ku wa 16 Ukuboza 1966 zemewe nk'ingingo zigize iri Tegeko Nshinga.

5. L'égalité de tous les Rwandais et entre les Rwandaises et les Rwandais ;
6. L'édification d'un Etat voué au bien-être de la population et à la justice sociale ;
7. La recherche permanente du dialogue et du consensus social.

TITRE II

DES DROITS FONDAMENTAUX DE LA PERSONNE ET DES DROITS ET DEVOIRS DU CITOYEN

CHAPITRE I : DROITS FONDAMENTAUX DE LA PERSONNE

Article 10.

Les dispositions de la Déclaration Universelle des droits de l'homme et la Convention des Nations Unies pour la répression du crime de génocide, adoptées par l'Assemblée Générale des Nations Unies, respectivement le 10 et le 9 décembre 1948, le Pacte international relatif aux droits économiques, sociaux et culturels du 16 décembre 1966 et le Pacte international relatif aux droits civils et politiques du 16 décembre 1966 font partie intégrante de la présente Constitution.

5. Equality of all Rwandans and between Rwandan women and men;
6. The building of a State committed to the welfare of the population and social justice.
7. The constant quest for solutions through dialogue and social consensus.

TITLE II

FUNDAMENTAL HUMAN RIGHTS AND RIGHTS AND DUTIES OF THE CITIZEN

CHAPTER I : FUNDAMENTAL HUMAN RIGHTS

Article 10.

The provisions of the Universal Declaration of Human Rights and the United Nations Convention for the repression of the crime of genocide, adopted by the General Assembly of the United Nations on 10th and 9th December 1948 respectively, the International Convention on Economic, Social and Cultural Rights of 16th October 1966 and the International Convention on Civil and Political Rights of 16th October 1966 are an integral part of the present Constitution.

Leta y'u Rwanda igomba gushyiraho imigambi ikwiye kugira ngo igende ishyira mu ngiro uburenganzira mu by'ubukungu, mu mibereho myiza n'umuco, ihereye ku bushobozi ifite.

Leta y'u Rwanda igomba kurengera no guteza imbere uburenganzira bw'ibanze buvugwa muri iyi ngingo.

Ingingo ya 11.

Umuntu ni umunyagitinyiro kandi ni indahungabanywa.

Leta n'izindi nzego z'ubutegetsi zifite inshingano ndakuka zo kumwubaha no kumurengera.

Ingingo ya 12.

Abanyarwanda bose bavukana kandi bagakomeza kugira ubwisanzure, uburenganzira n'inshingano bingana.

Ivangura iryo ari ryo ryose rishingiye ku bwoko, ku muryango, ku nzu, ku gisekuru, ku ibara ry'umubiri, ku gitsina, ku karere, ku byiciro by'ubukungu, ku idini, ku kwemera, ku bitekerezo, ku mutungo, ku itandukaniro ry'umuco, ku rurimi, ku bukungu, ku bumuga bw'umubiri cyangwa ubwo mu mutwe no ku rindi vangura iryo ari ryo ryose, rirabujijwe kandi rihanwa n'amategeko.

L'Etat doit prendre des mesures appropriées en vue de la réalisation progressive des droits économiques, sociaux et culturels en fonction des ressources disponibles.

L'Etat Rwandais doit garantir et promouvoir les droits et libertés énoncés dans le présent chapitre.

Article 11.

La personne humaine est sacrée et inviolable.

L'Etat et tous les pouvoirs publics ont l'obligation absolue de la respecter et de la protéger.

Article 12.

Tous les Rwandais naissent et demeurent libres et égaux en droits et en devoirs.

Toute discrimination fondée notamment sur la race, l'ethnie, le clan, la couleur de la peau, le sexe, la région, l'origine sociale, la religion ou croyance, l'opinion, la fortune, la différence de cultures, de langue, la situation sociale, la déficience physique ou mentale ou sur toute autre forme de discrimination est prohibée et punie par la loi.

The state must take reasonable measures to achieve the progressive realisation of economic, social and cultural rights within its available resources.

The Republic of Rwanda shall guarantee and promote all the citizens' fundamental rights and liberties, expressed in this chapter.

Article 11.

The human person is sacred and inviolable.

The State and all public powers have the absolute obligation to respect and protect it.

Article 12.

All Rwandans are born and remain free and equal in rights and in duties.

Any discrimination based notably on race, ethnic origin, tribe, clan, colour, sex, region, social origin, religion, opinion, economic circumstances, culture, language, social situation, the physical or mental disability or any other form of discrimination is prohibited and is punishable by law.

Ingingo ya 13.

Umuntu wese afite uburenganzira bwo kubaho.

Nta wushobora kuvutswa ubuzima mu buryo bunyuranyije n'amategeko.

Article 13.

Toute personne a droit à la vie.

Nul ne peut être arbitrairement privé de la vie.

Article 13.

Every person has the right to life.

No person shall be arbitrarily deprived of life.

Ingingo ya 14.

Icyaha cy'itsembabwoko n'ibindi byaha byibasira inyokomuntu ntibisaza nk'uko biteganywa n'amategeko mpuzamahanga n'iri Tegeko Nshinga.

Guhakana itsembabwoko no kuripfobya bihanwa n'itegeko.

Article 14.

Le crime de génocide et les autres crimes contre l'humanité sont imprescriptibles selon le droit international et la présente Constitution.

Le révisionnisme, le négationnisme et la banalisation du génocide sont punis par la loi.

Article 14.

The crime of genocide and other crimes against humanity are not subject to prescription pursuant to international law and the present Constitution.

Revisionism, negation and trivialisation of genocide are punishable by the law.

Ingingo ya 15.

Leta igomba guteganya ibikorwa byihariye bigamije kwita ku mibereho myiza y'abasizwe iheruheru n'itsembabwoko n'itsembatsemba ryabaye mu Rwanda muri 1994, abantu bafite ubumuga, abakene nyakujya, abageze mu zabukuru n'abandi batagira kivurira.

Article 15.

L'Etat prend des mesures spéciales en faveur du bien-être des rescapés du génocide et des massacres commis au Rwanda en 1994, des personnes handicapées, des personnes sans ressources, des personnes âgées ainsi que d'autres personnes vulnérables.

Article 15.

The state, shall, within the limits of its capacity, take appropriate measures to ensure the welfare of the survivors of genocide of 1994, disabled, the destitute and the elderly, as well as other vulnerable groups.

Ingingo ya 16.

Umuntu wese afite uburenganzira bwo kudahungabanywa ku mubiri no mu mutwe.

Nta wushobora kwicwa urubozo, gukorerwa ibibabaza umubiri, cyangwa ngo akorerwe ibikorwa by' ubugome, bidakwiye umuntu cyangwa bimutesha agaciro.

Article 16.

Toute personne a droit à son intégrité physique et mentale.

Nul ne peut être l'objet de torture, de sévices, ou de traitements cruels, inhumains ou dégradants.

Article 16.

Every one has the right to his or her physical and mental integrity.

No person shall be subjected to torture, cruelty or inhuman or degrading treatment.

Nta wushobora gukorerwaho ubushakashatsi atabyiyemereye. Uko kubyemera kimwe n'ubwo bushakashatsi bigengwa n'itegeko.

Ingingo ya 17.

Abantu bose barangana imbere y'amategeko.

Itegeko rigomba kubarengera kimwe nta vangura iryo ari ryo ryose.

Ingingo ya 18.

Uburyozwacyaha ni gatozi ku wagikoze.

Kuryozwa indishyi bigenwa n'itegeko.

Nta muntu ushobora gufungirwa umwenda.

Ingingo ya 19

Uburenganzira bwa muntu bwubahirizwa na Leta.

Nta wushobora gukurikiranwa, gufatwa, gufungwa cyangwa guhanwa keretse mu gihe biteganywa n'amategeko akurikizwa mu gihe icyaha akurikiranyweho cyakorewe.

Kwiregura imbere y'inkiko, mu bihe byose by'iburanisha n'imbere y'inzego zose zifatira umuntu ibyemezo ni uburenganzira budahungabanywa.

Nul ne peut faire l'objet d'expérimentation sans son consentement. Le consentement et l'expérimentation sont régis par la loi.

Article 17.

Tous les êtres humains sont égaux devant la loi.

Ils ont droit, sans aucune distinction, à une égale protection de la loi.

Article 18.

La responsabilité pénale est personnelle.

La responsabilité civile est définie par la loi.

Nul ne peut être détenu pour non exécution d'obligations d'ordre civil.

Article 19.

La liberté de la personne est garantie par l'Etat.

Nul ne peut être poursuivi, arrêté, détenu ou condamné que dans les cas prévus par la loi en vigueur au moment de la commission de l'acte.

Le droit de la défense est un droit absolu devant toutes les juridictions, à tous les états et degrés de la procédure, et devant toutes les instances de prise de décision.

No one shall be subjected to medical or scientific experiments without their informed consent. The law governs this informed consent as well as the abovementioned experiments.

Article 17.

All human beings are equal before the law.

They shall enjoy, without any distinction, equal protection under the law.

Article 18.

Criminal liability shall be personal.

The law shall define civil liability.

No one shall be sentenced to a term of imprisonment in case of civil liability.

Article 19.

The person's liberty is guaranteed by the state. No one shall be arrested, detained, prosecuted or convicted except in accordance with stipulations of the law in force at the time of committing the act.

The right to defence is an absolute right before all jurisdictions and all organs that make decisions on people and shall apply to all degrees of procedure.

Ingingo ya 20.

Umuntu wese afatwa nk'umwera ku byaha aregwa igihe cyose ataraciribwa igihano mu buryo bukurikije amategeko mu rubanza rubereye mu ruhamu kandi rubonye, yahawe uburyo bwose ngombwa bwo kwiregura.

Nta wushobora kuvutswa ku gahato kuburanira imbere y'umucamanza itegeko rimugenera.

Ingingo ya 21.

Nta wushobora guhanirwa ibyo yakozwe cyangwa atakozwe, iyo amategeko y'igihugu cyangwa amasezerano mpuzamahanga atabifataga nk'icyaha igihe byaberaga.

Na none nta wushobora gucibwa igihano kiruta icyari giteganyijwe mu gihe yakoraga icyaha.

Ingingo ya 22.

Nta wushobora gufatwa no gufungwa keretse mu bihe no mu buryo buteganyijwe n'itegeko, kubera impamvu zishingiye ku ituze rusange ry'abatwaga cyangwa ku mutekano w' Igihugu.

Ingingo ya 23.

Imibereho bwite y'umuntu, iy'umuryango we, urugo rwe, ubutumwa yoherezanyaga n'abandi ntibishobora kuvogerwa mu buryo bunyuranyije n'amategeko; icyubahiro n'agaciro ke mu maso y'abandi bigomba kubahirizwa.

Article 20.

Toute personne accusée d'une infraction est présumée innocente jusqu'à ce que sa culpabilité ait été légalement établie dans un procès public et équitable au cours duquel toutes les garanties nécessaires à sa défense lui auront été accordées.

Nul ne peut être distrait, contre son gré, du juge que la loi lui assigne.

Article 21.

Nul ne sera condamné pour des actions ou omissions qui ne constituaient pas une infraction d'après le droit national ou international au moment où elles ont été commises.

De même, il ne sera infligé aucune peine plus forte que celle qui était applicable au moment où l'infraction a été commise.

Article 22.

Nul ne peut être soumis à des mesures de sûreté que dans les cas et selon les formes prévus par la loi, pour des raisons d'ordre public ou de sécurité de l'Etat.

Article 23.

Nul ne peut faire l'objet d'immixtion arbitraire dans sa vie privée, sa famille, son domicile ou sa correspondance ni d'atteinte à son honneur et à sa réputation.

Article 20.

Every person accused of a crime shall be presumed innocent until his or her guilt has been legally established in a public and fair hearing where all the necessary guarantees of defence will have been granted to him or her.

Nobody may be refused against his or her wish, to appear before a judge competent to hear his case.

Article 21.

No person shall be condemned for acts or omissions that did not constitute an offence under national or international law at the time of commission or omission.

No penalty shall be imposed that is more severe in degree or description than that prescribed at the time the said offence was committed.

Article 22.

No person shall be subjected to security measures except as provided by the law, for reasons of public order and state security.

Article 23.

No person shall be subjected to arbitrary interference with his or her private life, family, home or correspondence or to unlawful attacks on his or her honour and reputation.

Urugo rw'umuntu ntiruvogerwa.

Ntihazobora gukorwa isakwa mu rugo cyangwa kurwinjiramo kurukoramo igenzura nyirarwo atabyemeye, keretse mu bihe no mu buryo biteganyijwe n'amategeko.

Ibanga ry'amabaruwa n'iry'itumanaho ntirishobora kuzitirwa keretse mu bihe no mu buryo biteganywa n'amategeko.

Ingingo ya 24.

Buri munyarwanda afite uburenganzira bwo kujya aho ashaka hose no gutura aho ariho hose mu Rwanda.

Afite uburenganzira bwo kuva mu gihugu n'ubwo kukigarukamo.

Ubwo burenganzira buzitirwa gusa n'itegeko ku mpamvu z'ituzwe rusange ry'abaturage n'umutekano w'igihugu, kugira ngo icyahungabanya abatwaga gikumirwe cyangwa abari mu kaga barengerwe.

Ingingo ya 25.

Nta munyarwanda ushobora gucibwa mu gihugu.

Ingingo ya 26.

Uburenganzira bwo guhabwa ubuhungiro bwemewe mu buryo buteganyijwe n'amategeko.

Le domicile est inviolable.

Il ne peut être ordonné de perquisition ou de visite domiciliaires que dans les cas et selon les formes prévus par la loi.

Le secret de la correspondance et de communication ne peut faire l'objet de dérogation que dans les cas et les formes prévus par la loi.

Article 24.

Tout citoyen rwandais a le droit de se déplacer et de se fixer librement sur le territoire national.

Il a le droit de quitter librement son pays et d'y revenir.

L'exercice de ce droit ne peut être limité que par la loi pour des raisons d'ordre public ou de sécurité de l'Etat, pour parer à un danger public ou pour protéger des personnes en péril.

Article 25.

Aucun citoyen rwandais ne peut être contraint à l'exil.

Article 26.

Le droit d'asile est reconnu dans les conditions définies par la loi.

The home is inviolable.

No search or entry into a home may be ordered except in circumstances and in accordance with procedures prescribed by the law.

The confidentiality of correspondence and communication shall not be subject to waiver except in circumstances and in accordance with procedures prescribed by the law.

Article 24.

All Rwandan citizens have the right to move and to settle freely on the national territory.

Everyone has the right to leave and enter the republic.

The exercise of this right shall not be restricted except by the law for reasons of public order or of state security, in order to deal with a public menace or to protect persons in danger.

Article 25.

No Rwandan citizen shall be forced into exile.

Article 26.

The right to asylum is recognized under conditions prescribed by the law.

Koherereza ikindi gihugu abanyamahanga bakoze ibyaha byemewe gusa igihe biteganywa n'itegeko cyangwa n'amasezerano mpuza-mahanga.

Ariko nta munyarwanda ushobora kohererezwa ikindi gihugu kimukurikanyeho icyaha.

Ingingo ya 27.

Ubushyingiranwe bw'umugabo umwe n'umugore umwe bukorewe mu butegetsi bwa Leta ni bwo bwonyine bwemewe.

Umuntu wese yaba uw'igitsinagore cyangwa uw'igitsinagabo, ntashobora gushyingirwa atabyemeye ku bushake bwe.

Abashyingiranwe bafite uburenganzira n'inshingano bingana mu gihe cyo gushyingiranwa, igihe babana n'igihe cyo gutandukana.

Ababanye igihe kirekire nk'umugabo n'umugore batarashyingiranywe nk'uko biteganywa n'amategeko bafatwa nk'abashyingiranywe imbere y'amategeko iyo nta n'umwe muri bo ufite andi masezerano y'ubushyingiranwe; igihe bagomba kuba bamaranye kigenwa n'itegeko.

Ibigomba gukurikizwa, uburyo n'ingaruka z'ubushyingiranwe bigengwa n'itegeko.

L'extradition des étrangers n'est autorisée que dans les limites prévues par la loi ou les conventions internationales.

Toutefois, aucun Rwandais ne peut être extradé.

Article 27.

Seul le mariage monogamique civil est reconnu.

Toute personne de sexe féminin ou masculin, ne peut contracter le mariage que de son libre consentement.

Les époux ont les mêmes droits et les mêmes devoirs pendant le mariage et lors de sa dissolution.

Un homme et une femme qui cohabitent comme mari et femme pendant une durée qui sera déterminée par la loi sont considérées comme mariées pour autant qu'ils ne soient pas liés par un autre mariage.

Les conditions, les formes et les effets du mariage sont définis par la loi.

The extradition of foreigners shall be allowed only within the limits provided for by law and international conventions.

No Rwandan citizen shall be extradited.

Article 27.

Only civil monogamic marriage is recognised.

Every person, female or male, may not undertake the contract of marriage unless he or she has freely consented.

The spouses have the same rights and duties during the period of marriage, and at the time of divorce.

A man and a woman who cohabit, as husband and wife for the duration determined by law shall be considered as married before the law provided they are not bound by another marriage.

The law shall provide for the conditions, the forms and effects of the marriage.

Ingingo ya 28.

Umuryango, ari wo shingiro kamere ry'imbaga y'Abanyarwanda, urengerwa na Leta.

Ababyeyi bombi bafite uburenganzira n'inshingano zo kurera abana babo.

Leta ishyiraho amategeko n'inzego zikwiye zishinzwe kurengera umuryango, umwana na nyina kugira ngo bagire ubwisanzure.

Ingingo ya 29.

Umwana wese afite uburenganzira bwo kurengerwa ku buryo bwihariye n'umuryango we, abandi banyarwanda na Leta bitewe n'ikigero arimo nk'uko biteganywa n'amategeko y'u Rwanda ndetse n'amase-zerano mpuzamahanga.

Ingingo ya 30.

Buri muntu afite uburenganzira ku mutungo we bwite cyangwa no ku mutungo afatanyije n'abandi.

Umutungo bwite, uw'umuntu ku giti cye cyangwa uwo asangiye n'abandi ntuvogerwa.

Ntushobora guhungabanywa keretse ku mpamvu z'inyungu rusange mu bihe no mu buryo buteganywa n'amategeko kandi habanje gutangwa indishyi ikwiye.

Article 28.

La famille, base naturelle de la société rwandaise, est protégée par l'Etat.

Les deux parents ont le droit et le devoir d'élever leurs enfants.

L'Etat assure la protection de la famille pour son libre épanouissement ainsi que celle de l'enfant et de sa mère par une législation et par des institutions sociales appropriées.

Article 29.

Tout enfant a droit, de la part de sa famille, de la société et de l'Etat, aux mesures spéciales de protection qu'exige sa condition conformément aux droits national et international.

Article 30.

Toute personne a droit à la propriété privée, individuelle ou collective.

La propriété privée, individuelle ou collective, est inviolable.

Il ne peut y être porté atteinte que pour cause d'utilité publique, dans les cas et de la manière établis par la loi, et moyennant une juste et préalable indemnité.

Article 28.

The family is the natural foundation of Rwandan society; it is protected by the State.

Both parents have the right and duty to bring up their children.

The state shall protect the family for its free self-fulfilment and that of the mother and child by legislation and through appropriate social institutions.

Article 29.

Every child is entitled to special measures of protection by his or her family, society and the state, that are necessary by virtue of his or her status in conformity with the national and international law.

Article 30.

Every person has a right to private, individual or collective property.

The private, individual or collective property is inviolable.

The right to property may not be deprived except in cases of public interest or for public purpose, subject to the law of compensation.

Ingingo ya 31.

Umutungo bwite w'ubutaka n'ubundi burenganzira ku butaka bitangwa na Leta bikoze n'umubitsi w'inyandiko mpamo z'ubutaka.

Kugira uwo mutungo w'ubutaka bigaragazwa n'inyandiko mpamo mu buryo bwemewe n'amategeko n'icyemezo gihamya iyandikwa ry'uwo mutungo w'ubutaka cyemewe cyangwa gitangwa na Leta.

Itegeko ryihariye rigena uburyo bwo kubuherekeranya rikanateganya ibyangombwa bituma bukoreshwa neza ndetse n'uburyo bwo kurinda igabagabana rikabije ry'ubutaka buto.

Iryo tegeko riteganywa na none uburyo butuma ubutaka busubirana hubahirizwa amategeko yo kurengera ibidukikije.

Ingingo ya 32.

Umutungo wa Leta ugizwe n'umutungo rusange w'Igihugu n'umutungo bwite wa Leta ndetse n'umutungo w'inzego z'ibanze za Leta.

Umutungo rusange w'Igihugu ntushobora kugurishwa keretse ubanje kugirwa umutungo bwite wa Leta.

Article 31.

La propriété privée du sol et d'autres droits réels grevant le sol sont concédés par l'Etat agissant par le Conservateur des titres fonciers.

Elle n'est légalement établie que par un certificat d'enregistrement du titre reconnu ou concédé par l'Etat.

Une loi particulière règle les modalités de transmission de la propriété foncière et prévoit les mesures nécessaires en vue d'une exploitation plus rationnelle du sol ainsi que les moyens d'éviter le morcellement excessif des petites propriétés agricoles.

Elle prévoit également des mesures en vue de favoriser la reconstitution des sols dans le respect des règles de protection de l'environnement.

Article 32.

La propriété publique comprend le domaine public, le domaine privé de l'Etat et des collectivités publiques décentralisées.

Le domaine public est inaliénable sauf désaffectation préalable de la propriété du domaine public en faveur du domaine privé de l'Etat.

Article 31.

Private ownership of land and other rights attaching to land is granted by the state through the Registrar of Land titles.

It is legally established by a certificate of registration of the title recognized or issued by the state.

A special law regulates the modalities of transfer of real property and prescribes the necessary measures for a more rational exploitation of land as well as the means to avoid excessive fragmentation of small agricultural properties.

It also prescribes measures to encourage soil conservation in conformity with environmental protection regulations.

Article 32.

Public property comprises public domain, state private domain and public community property.

The public domain is inalienable unless there has been prior dedication thereof in favour of private domain of the State.

Ingingo ya 33.

Buri wese agomba kubaha umutungo wa Leta.

Igikorwa cyose kigamije konona, gusenya, kurigisa, gusesagura cyangwa igikorwa cyose cyo kwangiza uwo mutungo, gihanwa n'amategeko.

Ingingo ya 34.

Ubwisanzure mu bitekerezo, mu kubigaragaza, mu mutimanama, mu guhitamo idini, mu gusenga no kubigaragaza mu ruhame burengerwa na Leta mu buryo buteganywa n'amategeko.

Kwamamaza ivangura rishingiye ku isano, ku karere, ku bwoko cyangwa kwamamaza amacakubiri ni icyaha gihanwa n'amategeko.

Ingingo ya 35.

Ubwisanzure bw'itangazamakuru n'ubwo kumenya amakuru bwemewe kandi burengerwa na Leta.

Ubwisanzure bwo kugaragaza ibitekerezo n'ubwo kumenya amakuru ntibugomba kubangamira ituze rusange rya rubanda n'imyifatire iboneye, uburenganzira bw'umwenegihugu bwo kugira icyubahiro n'agaciro mu maso y'abandi, ubwo kutagira uwivanga mu mibereho ye bwite n'iy'umuryango we; bwemerwa kandi iyo butabangamiye irengerwa ry'urubyiruko n'abana.

Uko ubwo bwisanzure bukoreshwa biteganywa n'amategeko.

Article 33.

Toute personne est tenue de respecter les biens publics.

A cet égard tout acte de sabotage, de vandalisme, de corruption, de détournement, de dilapidation ou toute atteinte au bien public est réprimé par la loi.

Article 34.

La liberté de pensée, d'opinion, de conscience, de religion, de culte et de leur manifestation publique est garantie dans les conditions définies par la loi.

Toute propagande à caractère ethnique, régionaliste, raciste ou divisionniste est punie par la loi.

Article 35.

La liberté de la presse et la liberté de l'information sont reconnues et garanties par l'Etat.

La liberté d'expression et d'information ne peuvent pas porter atteinte à l'ordre public et aux bonnes mœurs, au droit dont jouit tout citoyen à l'honneur, à la bonne réputation, à son image personnelle et à la préservation de l'intimité de sa vie personnelle et familiale ainsi qu'à la protection des jeunes et des enfants.

Les conditions de son exercice sont fixées par la loi.

Article 33.

Every person shall respect public property.

In this regard, any act of sabotage, vandalism, corruption, embezzlement, squander or any tampering with public property shall be punishable by law.

Article 34.

Freedom of thought, opinion, conscience, religion, cult and its public manifestation is guaranteed by the State in conditions prescribed by the law.

All propaganda of an ethnic, regional, racial or divisive character is punishable by law.

Article 35.

Freedom of the press and freedom of information are recognized and guaranteed by the State.

Freedom of speech and information shall be recognised provided it does not conflict with public order and morality and the right enjoyed by every citizen to honour, good reputation, personal image and the preservation of the intimacy of personal and family life as well as the protection of the youth and children.

Conditions for exercising such freedom maybe prescribed by the law.

Hashyizweho urwego rwigenga rwitwa : Inama Nkuru y'Itangazamakuru.

Itegeko riteganywa inshingano, imiterere n'imikorere byayo.

Ingingo ya 36.

Uburenganzira bwo kwishyira hamwe buremewe, kandi ntibugomba kubanza gusabirwa uruhushya.

Bukoreshwa hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko.

Ingingo ya 37.

Uburenganzira bwo guteranira mu nama z'ituzwe kandi nta ntwaro buremewe iyo bitanyuranyije n'amategeko.

Kubanza kubibonera uruhushya ntibishobora gutegekwa keretse igihe biteganyijwe n'itegeko kandi biteganywa gusa ku byerekeye amakoraniro yo hanze, ahagenewe kugerwa n'abantu bose, n'ahateranira abantu benshi nabwo kandi bitewe n'impamvu zo kurengera umutekano, ituze rusange rya rubanda cyangwa kurinda ubuzima bw'abantu.

Ingingo ya 38.

Buri muntu afite uburenganzira bwo guhitamo umurimo umunogeye.

Iyo abantu bakora umurimo umwe kandi bafite ubumenyi n'ubushobozi bumwe bagomba guhembwa kimwe nta vangura iryo ari ryo ryose.

Il est créé un organe indépendant dénommé : le Haut Conseil de la Presse.

La loi détermine ses attributions, son organisation et son fonctionnement.

Article 36.

La liberté d'association est garantie et ne peut être soumise à l'autorisation préalable.

Elle s'exerce dans les conditions prescrites par la loi.

Article 37.

La liberté de se rassembler en des réunions pacifiques et sans armes est garantie dans les limites fixées par la loi.

L'autorisation préalable ne peut être prescrite que par la loi et uniquement pour des rassemblements en plein air, sur la voie publique ou dans des lieux publics, et pour autant que des raisons de sécurité, de tranquillité ou de salubrité l'exigent.

Article 38.

Toute personne a droit au libre choix de son travail.

A compétence et capacité égales, toute personne a droit, sans aucune discrimination, à un salaire égal pour un travail égal.

It is hereby established an independent institution entitled the Supreme Press Council.

The law shall determine its attributions, organization and functioning.

Article 36.

Freedom of association is guaranteed and shall not require prior authorization.

Such freedom shall be exercised under conditions prescribed by the law.

Article 37.

Freedom of peaceful assembly without arms is guaranteed within limits fixed by the law.

Prior authorization shall only be prescribed by the law solely for assemblies held in the open air, on public highways or in public places in the interest of security, tranquillity or the public safety.

Article 38.

Every person has the right to choose his or her trade, occupation or profession.

Persons who do the same work and have the same capacity shall be entitled, without discrimination, to equal remuneration for equal work.

Ingingo ya 39.

Uburenganzira bwo gushyiraho ingaga z'abakozi, kurengera no guteza imbere inyungu z'umwuga zemewe n'amategeko buremewe.

Buri mukozi ashobora kurengera uburenganzira bwe abinyujije mu rugaga rw'umurimo uretse ko ibyaha bikozwe mu kubukoresha bihanirwa.

Buri mukoresha afite uburenganzira bwo kwinjira mu muryango w'abakoresha.

Ingaga z'umurimo z'abakozi n'amashyirahamwe y'abakoresha bifite uburenganzira bwo kugirana amasezerano rusange cyangwa yihariye agenga imikoranyire yabyo. Uburyo ayo masezerano akorwa bugenwa n'itegeko.

Ingingo ya 40.

Uburenganzira bw'abakozi bwo guhagarika imirimo buremewe kandi bukoreshwa hakurikijwe amategeko abugenga; ariko ubwo burenganzira ntibushobora guhungabanya uburenganzira bw'undi ku murimo kuko bwemerewe buri wese.

Ingingo ya 41.

Umuntu wese afite uburenganzira ku burezi.

Ubwisanzure bwo kwiga no kwigisha buremewe mu buryo buteganywa n'amategeko.

Article 39.

Le droit de former des syndicats pour la défense et la promotion des intérêts professionnels légitimes est reconnu.

Tout travailleur peut défendre ses droits par l'action syndicale dans les conditions déterminées par la loi.

Tout employeur a droit d'adhérer à une association des employeurs.

Les syndicats des travailleurs et les associations des employeurs sont libres d'avoir des conventions générales ou spécifiques régissant leurs relations de travail. Les modalités relatives à ces conventions sont définies par la loi.

Article 40.

Le droit de grève est reconnu et s'exerce dans les conditions définies par la loi ; il ne peut porter atteinte à la liberté du travail reconnue à chacun.

Article 41.

Toute personne a droit à l'éducation.

La liberté de l'enseignement est garantie dans les conditions déterminées par la loi.

Article 39.

The right to form and to join trade unions for the defence and the promotion of legitimate professional, economic and social interests is recognized.

Any worker may defend his or her rights through trade union action, provided that such action is in accordance with the law.

Every employer has the right to join an employers' organisation.

Every trade union and every employers' organisation has the right to engage in collective bargaining. The law shall regulate collective bargaining.

Article 40.

The right to strike is recognized and shall be exercised according to the provisions of the laws that regulate it. It shall not interfere with the freedom to work.

Article 41.

Every person has a right to education.

Freedom of education shall be guaranteed in conditions prescribed by the law.

Kwiga amashuri abanza ni itegeko kandi ni ubuntu mu mashuri ya Leta.

Leta ifite inshingano yo gushyiraho uburyo bwihariye bworohereza abantu bafite ubumuga kwiga.

Imiterere y' uburezi igengwa n'itegeko ngenga.

Ingingo ya 42.

Umunyamahanga wese uri mu Rwanda mu buryo bwemewe n'amategeko afite uburenganzira bwose butari umwihariko w'abenegihugu ndetse n'ubwo kurengerwa bikorerwa abantu n'umutungo nkuko biteganyijwe n'iri Tegeko Nshinga n'andi mategeko.

Ingingo ya 43.

Mu gukoresha uburenganzira n'ubwisanzure, buri wese azitirwa gusa n'itegeko rigamije kwemera no kubahiriza uburenganzira n'ubwisanzure bw'abandi ndetse n'imyitwarire iboneye, umutuzo rusange wa rubanda, n'imibereho myiza muri rusange biranga igihugu kigendera kuri demokarasi.

Ingingo ya 44.

Ubutegetsi bw'Ubucamanza ni bwo murinzi w'uburenganzira n'ubwisanzure bwa rubanda. Bwubahiriza iyo nshingano mu buryo buteganyinywa n'amategeko.

L'enseignement primaire est obligatoire. Il est gratuit dans les établissements publics.

L'Etat a l'obligation de prévoir des mesures spéciales garantissant l'enseignement des personnes handicapées.

L'organisation de l'enseignement est régie par une loi organique.

Article 42.

Tout étranger qui se trouve régulièrement sur le territoire de la République du Rwanda jouit de tous ses droits civils ainsi que de la protection accordée aux personnes et aux biens en vertu de la présente Constitution et de la loi.

Article 43.

Dans l'exercice de ses droits et dans la jouissance de ses libertés, chacun n'est soumis qu'aux limitations établies par la loi exclusivement en vue d'assurer la reconnaissance et le respect des droits et libertés d'autrui et afin de satisfaire aux justes exigences de la morale, de l'ordre public et du bien-être général, dans une société démocratique.

Article 44.

Le pouvoir judiciaire, en tant que gardien des droits et des libertés publiques, en assure le respect dans les conditions définies par la loi.

Primary education is compulsory. It is free in public schools.

The state has the duty of ensuring the provision of special measures to facilitate education for disabled people.

An organic law specifies details concerning education.

Article 42.

Every foreigner residing regularly on the territory of the Republic of Rwanda shall enjoy all his or her civil rights as well as the protection accorded to persons and property in accordance with the present Constitution and the law.

Article 43.

The rights and freedoms of every person shall be enjoyed and may only be limited in terms of law of general application to the extent that the limitation may be deemed justifiable in a democratic society based on respect to the rights and freedoms of others, public security, morals and general interest.

Article 44.

The judiciary is the guardian of public rights and freedoms and ensures their respect under conditions set by law.

**UMUTWE WA II : UBURENGANZIRA
N'INSHINGANO
BY'UMWENEGIHUGU**

Ingingo ya 45.

Abenegihugu bose bafite uburenganzira bwo kujya mu buyobozi bwose bw'igihugu baba babukoresheje ubwabo, cyangwa se babinyujije ku babahagarariye bihitiyemo nta gahato hakurikijwe amategeko.

Abenegihugu bose bafite uburenganzira bungana bwo kujya mu mirimo ya Leta hashingiwe ku bumenyi n'ubushobozi bwabo.

Ingingo ya 46.

Umwenegihugu wese afite inshingano zo kutagira uwo avangura no kugirana na bagenzi be imibanire igamije kubumbatira, guharanira no gushimangira ubwubahane, ubufatanye n'ubworoherane hagati yabo.

Ingingo ya 47.

Abaturage bose bafite inshingano zo gutanga umusanzu mu iterambere ry'igihugu bitabira umurimo no kubumbatira amahoro, demokarasi, uburinganire mu mibereho y'abaturage no kugira uruhare mu kurengera Igihugu cyabo.

Gukorera igihugu mu gisiviri cyangwa mu gisirikari bigengwa n'itegeko.

**CHAPITRE II : DROITS ET DEVOIRS
DU CITOYEN**

Article 45.

Tous les citoyens ont le droit, conformément aux règles édictées par la loi, de participer librement à la direction des affaires publiques de leur pays, soit directement, soit par l'intermédiaire de représentants librement choisis.

Tous les citoyens ont un droit égal d'accéder aux fonctions publiques de leur pays, compte tenu de leurs compétences et capacités.

Article 46.

Tout citoyen a le devoir de considérer son semblable sans discrimination aucune et d'entretenir avec lui les relations qui permettent de sauvegarder, de promouvoir et de renforcer le respect, la solidarité et la tolérance réciproques.

Article 47.

Tous les citoyens ont le devoir de contribuer par leur travail à la prospérité du pays, de sauvegarder la paix, la démocratie, la justice sociale et de participer à la défense de la patrie.

Le service national, civil ou militaire est organisé par la loi.

**CHAPTER II : CITIZEN'S RIGHTS AND
DUTIES**

Article 45.

Every citizen has the right, in conformity with regulations established by law, to participate freely in the public affairs of the country, whether directly or through freely chosen representatives.

Every citizen shall have an equal right of access to the public service of the country in accordance with his or her ability and capacity.

Article 46.

Each individual has the duty not to discriminate against any other person and to maintain relations with other people, which aim at the protecting, promoting and reinforcing of mutual respect, solidarity and tolerance.

Article 47.

All citizens have the duty to contribute, by their work, to the prosperity of the country, to safeguard peace, democracy and social justice and to participate in the defence of the nation.

The law shall organise national service, civil or military.

Ingingo ya 48.

Mu bihe ibyo ari byo byose, umwenegihugu yaba umusiviri cyangwa umusirikare, afite inshingano yo kubaha Itegeko Nshinga, andi mategeko n'amateka rrusange y'igihugu.

Afite uburenganzira bwo kudakurikiza amabwiriza ahawe n'umutegeka mu gihe ayo mabwiriza abangamiye ku buryo bukomeye kandi bugaragara iyubahirizwa ry'uburenganzira n'ubwisanzure bwa Muntu.

Ingingo ya 49.

Umwenegihugu wese afite uburenganzira bwo kuba ahantu hadafite ingaruka mbi ku buzima kandi hashimishije.

Umuntu wese afite inshingano yo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije.

Leta yishingira kurengera ibidukikije.

Igikorwa cyose kigamije kwangiza ibidukikije gihanwa n'itegeko

Ingingo ya 50.

Umwenegihugu wese afite uburenganzira ku biteza imbere umuco w'igihugu.

Hashyizweho Urwego nyarwanda rushinzwe guteza imbere ururimi n'umuco.

Itegeko riteganywa imiterere, inshingano, n'imikorere yarwo.

Article 48.

Tout citoyen civil ou militaire a le devoir de respecter la Constitution, les lois et règlements du pays.

Il est délié du devoir d'obéissance, lorsque l'ordre reçu de l'autorité supérieure constitue une atteinte grave et manifeste au respect des droits de l'homme et des libertés publiques.

Article 49.

Tout citoyen a droit à un environnement sain et satisfaisant.

Toute personne a le devoir de protéger, sauvegarder et promouvoir l'environnement.

L'Etat veille à la protection de l'environnement.

Tout acte de nature à porter atteinte à l'environnement est puni par la loi.

Article 50.

Tout citoyen a droit à la culture.

Il est créé une Académie rwandaise de langue et de culture .

La loi détermine ses attributions, son organisation et son fonctionnement.

Article 48.

Every person, whether civilian or military, has the duty to respect the Constitution as well as the laws and regulations of the Republic.

Every citizen is relieved of the duty of obedience when the order received constitutes a grave and manifest violation of human rights and public freedoms.

Article 49.

Every citizen is entitled to a healthy and satisfying.

Every one has the duty to protect and promote conservation of the environment.

The State shall protect the environment.

Any activity intended to degrade the environment is punishable by law.

Article 50.

Every citizen has the right to culture.

It is hereby established an Academy of Language and Culture.

The attributes, organisation, composition, and operations and functions of the Academy are determined by law.

Ingingo ya 51.

Leta ifite inshingano zo kurengera no guteza imbere imigenzo myiza gakondo y'igihugu, ishingiyeye ku mibereho no ku mitekerereze gakondo ndetse no ku biranga umuco w'igihugu muri rusange mu gihe bitabangamiye ituze rusange ry'abatwariye n'ibonye, no kwita ku mutungo ndangamurage w'igihugu no ku nzibutso z'itsembabwoko.

Ingingo ya 52.

Abenegihugu bose bafite uburenganzira ku buzima bwiza.

INTERURO YA III

***AMASHYAKA YA POLITIKI
N'AMASHYIRAHAMWE
YA POLITIKI***

Ingingo ya 53.

Amashyaka ya politiki menshi aremewe.

Amashyaka n'amashyirahamwe ya politiki yujuje ibyangombwa bisabwa n'amategeko, yemerewe gushingwa no gukora mu bwisanzure; agomba kubahiriza Itegeko Nshinga n'andi mategeko ndetse n'amahame ya demokarasi, kandi ntahungabanye ubumwe bw'Abanyarwanda, ubusugire n'umutekano by'igihugu.

Article 51.

L'Etat a le devoir de sauvegarder et de promouvoir les valeurs nationales de civilisation et les traditions culturelles dans la mesure où elles ne sont pas contraires à l'ordre public et aux bonnes mœurs et de veiller à la conservation du patrimoine culturel national ainsi que des monuments et sites du génocide.

Article 52.

Tous les citoyens ont droit à la santé.

TITRE III

***DES PARTIS ET FORMATIONS
POLITIQUES***

Article 53.

Le multipartisme est reconnu.

Les partis et formations politiques remplissant les conditions légales se forment et exercent librement leurs activités, à condition de respecter la Constitution et les lois ainsi que les principes démocratiques et de ne pas porter atteinte à l'unité nationale, à l'intégrité du territoire et à la sécurité de l'Etat.

Article 51

The State has the duty to safeguard and to promote national values of civilisation, whether material or spiritual, as well as cultural traditions provided they do not interfere with public order and morality. The state equally has a duty to conserve natural and cultural heritage as well as monuments and genocide sites.

Article 52.

Every citizen has a right to healthcare services.

TITLE III

***POLITICAL PARTIES AND POLITICAL
FORMATIONS***

Article 53.

The multi-party system is recognized.

Parties and political formations fulfilling the legal conditions may be formed and exercise their activities freely, provided they respect the Constitution and the law as well as democratic principles and do not undermine national unity and the integrity and security of the nation.

Amashyaka n'amashyirahamwe ya politiki bigira uruhare mu kwigisha abanyagihugu gukora politiki igendera kuri demokarasi, gutora no gutorwa akanakora ku buryo abagore n'abagabo bagera, ku buryo bungana, ku myanya n'imirimo itorerwa ya Leta.

Inzego z'ubuyobozi bw'amashyaka n'amashyirahamwe ya politiki zikorera ku rwego rw'igihugu no ku rwego rw'intara n'Umujyi wa Kigali gusa.

Ingingo ya 54.

Abanyarwanda bafite uburenganzira bwo kujya cyangwa kutajya mu mashyaka no mu mashyirahamwe ya politiki.

Nta munyarwanda ushobora gukorerwa ivangura ku mpamvu z'uko nta shyamba cyangwa ishyirahamwe rya politiki arimo.

Ingingo ya 55.

Amashyaka n'amashyirahamwe ya politiki ntashobora gushingira ku isanomuzi, ku bwoko, ku nzu, ku karere, ku gitsina, ku idini, cyangwa ku kindi kintu cyose cyatuma habaho ivangura.

Buri gihe amashyaka n'amashyirahamwe ya politiki bigomba kugaragamo ubumwe bw'Abanyarwanda, uburinganire bw'Abanyarwada kazi n'Abanyarwanda haba mu gushyamba abayoboze, gushyiraho inzego z'ubuyobozi, mu mikorere no mu bikorwa byayo.

Ils concourent à l'éducation politique démocratique du peuple ainsi qu'à l'expression du suffrage et prennent les mesures nécessaires en vue d'assurer l'égal accès des femmes et des hommes aux mandats électoraux et aux fonctions électives.

Les structures dirigeantes des partis et formations politiques s'organisent uniquement au niveau national et au niveau de la Province et de la Ville de Kigali.

Article 54.

Les Rwandais sont libres d'adhérer ou de ne pas adhérer aux partis et formations politiques.

Aucun Rwandais ne peut faire l'objet de discrimination du fait qu'il n'appartient à aucun parti ou formation politique.

Article 55.

Il est interdit aux partis et formations politiques de s'identifier à une race, une ethnie, un clan, une région, un sexe, une religion ou à tout autre élément pouvant servir de base de discrimination.

Ils doivent constamment refléter, dans le recrutement de leurs adhérents, la composition de leurs organes de direction et dans tout leur fonctionnement et leurs activités, l'unité de la nation rwandaise et la promotion du « gender ».

They have the responsibility to contribute to the political education of the people on democracy and the electoral process. They shall take the necessary measures to ensure the equal right of women and men to stand for elections and to occupy elective posts.

The leadership structures of the political parties and political formations shall be organised solely at the national level and at the provincial and Kigali city level.

Article 54.

Rwandans are free to join or not to join political parties or political formations.

No Rwandan shall be subjected to discrimination because he or she does not belong to any political party or political formation.

Article 55.

Political parties and political formations are prohibited from identifying themselves on the basis of race, ethnic group, tribe, clan, region, sex, religion or any other divisive element.

They must constantly reflect the unity of the Rwandan nation and the promotion of gender equality in the recruitment of their members and the composition of their management organs in all their operations and activities.

Ingingo ya 56.

Sena ishobora kuregera Urukiko rw'Ikirenga ishyaka rya politiki ryateshutse bikomeye ku nshingano zikubiye mu ingingo za 53, 54 na 55.

Bitewe n'uburemere bw'ikosa ry'ishyaka rya politiki ryo guteshuka ku nshingano zaryo, Urukiko rw'Ikirenga rushobora kubifatira kimwe mu bihano bikurikira, bitabangamiye ingingo zerekeye gukurikiranwa mu bucamanza :

- a) Kuryihaniza ku mugaragaro ;
- b) Guhagarika ibikorwa byaryo mu gihe kitarenze imyaka ibiri ;
- c) Guhagarika ibikorwa byaryo mu gihe cya manda yose y'abadebite;
- d) Kurisesa.

Ishyaka cyangwa ishyirahamwe rya politiki riregwa rihabwa uburyo bwose buteganyijwe n'amategeko bwo kwiregura.

Icyemezo cy'Urukiko rw'Ikirenga gitangazwa mu igazeti ya Leta.

Abagize umutwe w'abadebite batowe baturutse mu ishyaka rya politiki ryasheshwe bahita bakurwa ku mwanya w'ubudebite.

Hakoreshwa itora ryo gushyiraho ababasimbura bagomba kurangiza igice cya manda cyari gisigaye iyo kirenze umwaka umwe.

Article 56.

Le Sénat peut saisir la Cour Suprême de tout manquement sérieux d'un parti politique aux obligations contenues dans les dispositions des articles 53, 54 et 55.

Suivant la gravité du manquement, la Cour Suprême peut prononcer à l'égard du parti politique fautif l'une des sanctions suivantes sans préjudice aux poursuites judiciaires éventuelles :

- a) l'avertissement solennel ;
- b) la suspension d'activités pour une durée n'excédant pas deux ans ;
- c) la suspension d'activités pour toute la durée de la législature ;
- d) la dissolution.

Le parti politique mis en cause dispose des garanties nécessaires pour assurer sa défense.

L'arrêt de la Cour Suprême est publié au Journal Officiel.

Les membres de la Chambre des députés élus au titre du parti politique dont la dissolution est prononcée sont automatiquement déçus de leurs mandats Parlementaires.

Des élections partielles ont lieu afin d'élire leurs remplaçants qui achèvent le terme du mandat restant à courir si celui-ci est supérieur à un an.

Article 56.

The Senate shall bring before the Supreme Court any serious failure by a political party to meet its obligations contained in the provisions of article 53,54 and 55.

Depending on the gravity of the offence, the Supreme Court may, without excluding the possibility of criminal prosecution, impose any of the following penalties against any political party guilty of the offence :

- a) Formal warning;
- b) Suspension of activities for a period not exceeding two years;
- c) Suspension of activities for the whole Parliamentary session;
- d) Dissolution.

The political party charged with an offence shall have the necessary guarantees for its own defence.

The Supreme Court's decision shall be published in the Official Gazette.

Members of the Chamber of Deputies elected on the dissolved party's ticket shall automatically lose their parliamentary seats.

If the remainder of the mandate is over one year By-elections shall be held for the election of deputies to replace them and the substitutes shall finish the remainder of the term.

Ingingo ya 57.

Bitabangamiye ubwigenge bwa buri shyaka rya politiki mu mibereho no mikoranire yabyo, amashyaka ya politiki yishyira hamwe mu ihuriro ry'amashyaka ya politiki.

Iryo huriro rishinzwe cyane cyane :

- gutuma amashyaka ya politiki agira imyumvire imwe ku bibazo bya politiki biremereye Igihugu;
- gushimangira ubumwe bw'Abanyarwanda;
- gutanga inama kuri politiki y'Igihugu;
- kuba umuhuza mu bibazo bivutse hagati y'amashyaka ya politiki ;

Iryo huriro rifite ubunyamabanga buhoraho.

Perezida n'umunyamabanga nshingwabikorwa baryo batorwa n'amashyaka ya politiki arigize.

Ibyemezo by'ihuriro bifatwa buri gihe ku bwumvikane bw'amashyaka arigize.

Ingingo ya 58.

Uburyo amashyaka n'amashyirahamwe ya politiki bishyirwaho, imikorere ndetse n'amategeko ngengamikorere yayo, iy'abayobozi n'iy'abayoboze bayo kimwe n'imiterere n'imikorere y'Ihuriro ry'amashyaka n'amashyirahamwe ya politiki, bigenwa n'itegeko ngenga.

Article 57.

Sans préjudice à leur indépendance respective l'un par rapport à l'autre, les partis politiques s'organisent en forum de concertation.

Le Forum est notamment chargé de :

- harmoniser les points de vue des partis politiques sur les grands problèmes politiques du pays ;
- consolider l'unité nationale ;
- donner un avis consultatif sur la politique nationale ;
- servir de cadre de médiation entre les partis politiques ;

Le Forum dispose d'un secrétariat permanent.

Le Président et le Secrétaire Exécutif du Forum sont élus par les partis politiques membres.

Les décisions du Forum sont toujours prises par consensus.

Article 58.

Les modalités de création et de fonctionnement des partis politiques ainsi que les principes qui gouvernent leur déontologie et celle de leurs dirigeants et adhérents ainsi que l'organisation et le fonctionnement du forum des partis politiques sont réglées par une loi organique.

Article 57.

Without prejudice to their respective independence one from another, political parties may organize themselves freely in a consultative forum.

The forum is charged with :

- Harmonizing the points of view of the constituent political parties on the country's major political problems;
- Consolidating national unity;
- Providing advice on a consultative basis on national policy;
- Serving as mediators and arbitrators between political parties.

The Forum shall have a permanent secretariat.

Member political parties shall elect the Forum's President and Executive Secretary.

The Forum's decision shall always be taken by consensus.

Article 58.

The modalities of the creation and functioning of parties as well as the principles that govern their code of ethics and that of their leaders and members as well as the organisation and the functioning of the forum of political parties shall be determined by an organic law.

Ingingo ya 59.

Perezida wa Repubulika, Perezida w’umutwe w’abadepite na Minisitiri w’Intebe ntibashobora gukomoka mu ishyamba rimwe rya politiki.

Ingingo ya 60.

Abacamanza, abashinjacyaha, abasirikare, abapolisi n’abashinzwe iperereza ntibemerewe kujya mu mashyamba cyangwa amashyirahamwe ya politiki.

Abandi bakozi bo mu buyobozi bw’imirimo ya Leta, abo mu bigo bya Leta no mu bigo bishamikiye kuri Leta bashobora kujya mu mashyamba ya politiki ariko ntibemerewe kujya mu myanya y’ubuyobozi bwayo.

INTERURO YA IV

IBYEREKEYE UBUTEGETSI

Ingingo ya 61.

Leta irimo inzego eshatu z’ubutegetsi:

1. Ubutegetsi Nshingamategeko;
2. Ubutegetsi Nyubahirizategeko;
3. Ubutegetsi bw’Ubucamanza.

Buri butegetsi burigenga ariko bwose bukuzuzanya; inshingano, imiterere n’imikorere yabwo biteganywa n’iri Tegeko Nshinga.

Article 59.

Le Président de la République, la Président de la Chambre des députés et le Premier Ministre ne peuvent pas provenir d’ un même parti politique.

Article 60.

Les juges, les officiers du ministère public, les membres des forces armées et de police ainsi que les membres du service de renseignements ne peuvent pas adhérer à des partis politiques.

Les autres agents de l’Administration publique, des établissements publics et des organismes para étatiques peuvent adhérer aux partis politiques mais sans en occuper des postes de direction.

TITRE IV

DES POUVOIRS

Article 61.

Il y a trois pouvoirs dans l’Etat :

1. Le Pouvoir Législatif ;
2. Le Pouvoir Exécutif ;
3. Le Pouvoir Judiciaire.

Ils sont séparés et indépendants l’un de l’autre mais collaborent entre eux. Leurs attributions, organisation et fonctionnement sont définis dans la présente Constitution.

Article 59.

The President of the Republic, the President of Chamber of Deputies and the Prime Minister shall not belong to the same political party.

Article 60.

Judges and prosecutors as well as members of the military, police and intelligence service shall not be members of political parties or political formations.

Other state officials in the public administration, public establishments and parastatals may join political parties but not occupy leadership posts.

TITLE IV

BRANCHES OF GOVERNMENT

Article 61

There shall be three branches of government:

1. The Legislative;
2. The Executive;
3. The Judiciary.

They are separate and independent one from the other but collaborate with each other. Their attributes, organization and functioning are defined in the present Constitution.

Leta igomba gukora ku buryo imirimo yo mu Butegetsi Nshingamategeko, Nyubahirizategeko n'iyubw'Ubucamanza ikorwa n'abayifitiye ubushobozi n'ubwangamugayo bihagije kugira ngo buri wese ku bimureba abashe kuzusa inshingano zahawe ubwo butegetsi uko ari butatu.

**UMUTWE WA I : IBYEREKEYE
UBUTEGETSI
NSHINGAMATEGEKO**

**Icyiciro cya 1 : Ibyerekeye Inteko Ishinga
Amategeko**

a) Ingingo rusange

Ingingo ya 62.

Ubutegetsi Nshingamategeko bushinzwe Inteko Ishinga Amategeko igizwe n'imitwe ibiri :

1. Umutwe w'Abadepite, abayigize bakitwa « abadepite ».
2. Umutwe wa Sena, abayigize bakitwa « abasenateri ».

Inteko Ishinga Amategeko ijya impaka ku mategeko ikanayatora mu bwisanzure. Ishyiraho amategeko ikanagenzura imikorere ya Guverinoma mu buryo buteganywa n'iri Tegeko Nshinga.

L'Etat doit veiller à ce que les mandats et fonctions au sein des pouvoirs Législatif, Exécutif et Judiciaire soient exercés par des personnes ayant les capacités et l'intégrité nécessaires pour s'acquitter, dans leurs domaines respectifs, des missions conférées à ces trois Pouvoirs.

CHAPITRE I : DU POUVOIR LEGISLATIF

Section 1 : Du Parlement

a) Dispositions communes

Article 62.

Le pouvoir législatif est exercé par un Parlement composé de deux Chambres :

1. La Chambre des députés, dont les membres portent le titre de « député » ;
2. Le Sénat, dont les membres portent le titre de « sénateur ».

Le Parlement élabore et vote la loi. Il légifère et contrôle l'action du Gouvernement dans les conditions définies par la présente Constitution.

The state shall ensure that functions within the legislative, executive and judicial branches of government are exercised by people who have the ability and integrity to fulfil the missions in their respective domains conferred upon the three branches.

CHAPTER I : THE LEGISLATURE

Section 1 : Parliament

a) Common Provisions

Article 62.

Legislative power is vested in Parliament consisting of two chambers:

1. The Chamber of Deputies, whose members shall have the title of « Depute »;
2. The Senate, whose members shall have the title of « Senator ».

Parliament deliberates on and passes laws. It legislates and oversees the government's conduct of business in conditions prescribed by the present Constitution.

Ingingo ya 63.

Iyo bidashoboka rwose ko Inteko Ishinga Amategeko iterana, Perezida wa Repubulika ashiraho muri icyo gihe amategeko teka yemejwe n'Inama y'Abaminisitiri, kandi ayo mategeko teka agira agaciro k'amategeko asanzwe.

Ayo mategeko teka ahita ata agaciro iyo atemejwe n'Inteko Ishinga Amategeko mu gihe ishoboye kongera guterana mu gihembwe cyayo.

Ingingo ya 64.

Umuntu wese mu bagize Inteko Ishinga Amategeko ntabwo aba ahagarariye gusa abamutoye cyangwa abamushyizeho, cyangwa se ishyaka cyangwa ishyirahamwe rya politiki ryamutanzeho umukandida mu matora, ahubwo aba ahagarariye Igihugu cyose.

Abagize Inteko Ishinga Amategeko ntibagendera ku mabwiriza y'uwo ari we wese.

Nta n'umwe mu bagize Inteko utorerwa n'undi keretse yamutumye mu nyandiko igaragariza Perezida w'Umutwe arimo impamvu ifatika atabonetse.

Nta wushobora gutorera abantu barenze umwe.

Article 63.

Lorsque le Parlement est dans l'impossibilité absolue de siéger, le Président de la République sur décision du Conseil des Ministres prend momentanément des décrets-lois ayant valeur de lois ordinaires.

A défaut de confirmation par le Parlement à sa plus prochaine session, les décrets-lois perdent toute force obligatoire.

Article 64.

Chaque membre du Parlement représente la Nation et non uniquement ceux qui l'ont élu ou désigné, ni le parti politique qui l'a parrainé à l'élection. Tout mandat impératif est nul.

Le droit de vote des membres du Parlement est personnel.

Toutefois, la délégation de vote par écrit est permise lorsqu'un Parlementaire est absent pour cause d'empêchement provisoire dûment constaté par le Président de la Chambre.

Nul ne peut recevoir plus d'une délégation.

Article 63.

When Parliament is absolutely unable to sit, the President of the Republic may, upon the decision of the Council of Ministers, for a limited period approve decree which shall have the same effect as ordinary laws.

In case a decree is not confirmed by Parliament at its next session, it shall lose all its binding effect.

Article 64.

Every Member of Parliament shall represent the Nation and not solely those that either elected or nominated him or her or the political party that sponsored him to the election. Any imperative mandate is null and void.

A member of Parliament's right to vote is personal.

However, the delegation of the vote in writing is permitted when a parliamentarian is temporarily absent for a reason duly communicated to the President of the relevant Chamber.

No one shall receive more than one proxy.

Ingingo ya 65.

Iyo bateranye ubwa mbere mu ntangiriro za buri manda, abagize Inteko Ishinga Amategeko barahirira, bakanatora abagize biro ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko.

Abagize Inteko Ishinga Amategeko barahirira imbere ya Perezida wa Repubulika, ataboneka bakahirira imbere ya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga.

Itora ry'abagize Biro ya buri Mutwe w'Inteko riyoborwa n'urusha abandi imyaka y'amavuko mu bagize uwo Mutwe.

Mbere yo gutangira imirimo, abagize Inteko Ishinga Amategeko muri aya magambo, ariko umurongo wa nyuma ukavugwa n'ubishaka :

« Jyewe,....., ndahiriye u Rwanda ku mugaragaro :

1. ko nzakorana umurava imirimo nshinzwe ;
2. ko ntazahemukira Repubulika y'u Rwanda ;
3. ko nzakurikiza Itegeko Nshinga n'andi mategeko ;
4. ko nzihatira gushimangira ubumwe bw'Abanyarwanda ;
5. ko nzubahiriza mbikuye ku mutima inshingano yo guhagararira Abanyarwanda ntitaye ku bwoko cyangwa ku karere ;

Article 65.

A l'ouverture de chaque législature, la première séance est consacrée à la prestation de serment des Parlementaires et à l'élection du bureau de chaque Chambre.

La prestation de serment se déroule sous la présidence du Président de la République ou du Président de la Cour Suprême si le Président de la République est empêché.

L'élection du bureau de chaque chambre se déroule sous la présidence du parlementaire le plus âgé.

Avant d'entrer en fonction, les Parlementaires prêtent serment en ces termes, le dernier alinéa étant facultatif :

« Moi ,.....Je jure solennellement à la Nation :

1. de remplir fidèlement les fonctions qui me sont confiées ;
2. de garder fidélité à la République du Rwanda ;
3. d'observer la Constitution et les autres lois ;
4. d'œuvrer à la consolidation de l'Unité Nationale ;
5. de remplir consciencieusement ma charge de représentant du peuple rwandais sans aucune considération d'ordre ethnique ou régional ;

Article 65.

At the opening of every legislative term, the first sitting shall be devoted to the swearing in of the members of Parliament and the election of the bureau of each Chamber.

The swearing in is chaired by the President of the Republic or, in his or her absence, the President of the Supreme Court.

The election of the bureau of each chamber is chaired by the most senior member of parliament.

Before taking office, parliamentarians shall take oath in these terms, the last line is not obligatory :

« I,..... solemnly swear/affirm to the Nation that I shall:

1. diligently fulfil the responsibilities entrusted to me;
2. remain loyal to the Republic of Rwanda ;
3. observe the Constitution and the other laws;
4. work for national unity;
5. conscientiously fulfil my duties of representative of the Rwandan people without ethnic or regional consideration;

6. *ko ntazigera nkoresha ububasha nahawe mu nyungu zanjye bwite ;*
7. *ko nzaharanira iyubahirizwa ry'ubwigenge n'uburenganzira bw'ibanze bwa Muntu n'ibyagirira akamaro Abanyarwanda bose .*

Nintatira iyi ndahiro nzabihanirwe n'amategeko.

Ntanze Imana ho umugabo».

Ingingo ya 66.

Buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko uterana mu gihembwe kidasanzwe utumiwe na Perezida wawo abisabwe na Perezida wa Repubulika na we abisabwe na Guverinoma, cyangwa bisabwe na kimwe cya kane cy'abagize uwo Mutwe.

Inteko Ishinga Amategeko ishobora gutumizwa mu gihembwe kidasanzwe byumvikanyweho na ba Perezida b'Imitwe yombi, bisabwe na Perezida wa Repubulika cyangwa na kimwe cya kane cy'abagize buri Mutwe.

Mu gihembwe kidasanzwe higwa gusa ibibazo byatumye gitumizwa kandi bibanje kumenyeshwa abagize umutwe cyangwa Inteko yose mbere y'uko icyo gihembwe gitangira.

Icyo gihembwe gisozwa iyo Inteko cyangwa umutwe warangije gusuzuma ibyari ku murongo w'ibyigwa cyatumirijwe.

6. *de ne jamais exercer les pouvoirs qui me sont dévolus à des fins personnelles ;*
7. *de promouvoir le respect des libertés et des droits fondamentaux de la personne et de veiller aux intérêts du peuple rwandais.*

En cas de parjure, que je subisse les rigueurs de la loi.

Que Dieu soit témoin de mes propos.»

Article 66.

Chaque Chambre du Parlement se réunit en session extraordinaire sur convocation de son Président à la demande soit du Président de la République sur proposition du Gouvernement soit d'un quart de ses membres.

La session extraordinaire de tout le Parlement peut être convoquée du commun accord des Présidents des deux Chambres, à la demande du Président de la République ou du quart des membres de chaque Chambre.

La session extraordinaire traite uniquement des questions qui ont motivé sa convocation et ont été portées préalablement à la connaissance des membres de la Chambre ou du Parlement avant la session.

La clôture intervient dès que le Parlement ou la Chambre a épuisé l'ordre du jour qui a motivé sa convocation.

6. *never use the powers conferred on me for personal ends;*
7. *promote respect for the freedoms and fundamental rights of the human being and safeguard the interests of the Rwandan people.*

In case of perjury, may I face the rigours of law.

May God be witness to my oath.»

Article 66.

Each Chamber of Parliament may meet in an extraordinary session called by its President at the request of the President of the Republic on the Government's proposal of the Council of Ministers or at the request of a quarter of its members.

The extraordinary session of the entire Parliament may be convened upon a common agreement between the Presidents of both Chambers, at the request of the President of the Republic or that of one quarter of members of each Chamber.

The extraordinary session handles only the issues for which it has been convened and has been previously brought to the notice of members of the Chamber or that of members of Parliament before the session.

The session shall close as soon as the Parliament or the Chamber shall have exhausted the agenda that motivated its convocation.

Igihembwe kidasanzwe ntigishobora kurenza iminsi cumi n'itanu.

Ingingo ya 67.

Kugira ngo buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko uterane hagomba kuba hari nibura bibiri bya gatatu by'abawugize.

Amategeko asanzwe atorwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abagize buri Mutwe. Amategeko ngenga atorwa ku bwiganze bwa bitatu bya gatanu by'abagize buri Mutwe.

Inama za buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko zibera mu ruhame.

Ariko iyo bisabwe na Perezida wa Repubulika, Perezida w'Umutwe cyangwa kimwe cya kane cy'abawugize, cyangwa se na Minisitiri w'Intebe, umutwe w'Inteko ushobora kwemeza, ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abawugize, ko inama ibera mu muhezo.

Ingingo ya 68.

Imitwe y'Inteko Ishinga Amategeko iteranira mu murwa mukuru w'igihugu, keretse bibujijwe n'inzitizi ntarengwa zemejwe n'Urukiko rw'Ikirenga rubisabwe na Perezida w'Umutwe w'Inteko bireba.

Iyo inama iteranye itatumijwe, nta n'umurongo w'ibyigwa watanzwe, cyangwa yabaye mu gihe kitari icy'ibihembwe, cyangwa se yabereye ahantu hatari ahavugwa mu butumire, nta gaciro na kamwe icyemezo cy'iyi nama kigira.

La session extraordinaire ne peut dépasser une durée de quinze jours.

Article 67.

Pour siéger valablement chaque Chambre du Parlement doit compter au moins deux tiers de ses membres.

Les lois ordinaires sont votées à la majorité absolue des membres de chaque Chambre. Les lois organiques sont votées à la majorité des trois cinquièmes des membres de chaque Chambre.

Les séances de chaque Chambre du Parlement sont publiques .

Toutefois, à la demande du Président de la République, de son Président ou d'un quart de ses membres ou du Premier Ministre, la Chambre peut, à la majorité absolue de ses membres, décider de siéger à huis clos.

Article 68.

Les Chambres du Parlement siègent dans la capitale sauf cas de force majeure constatée par la cour Suprême saisie par le Président de la chambre concernée.

Est nulle de plein droit, quel qu'en soit l'objet, toute délibération prise sans convocation ni ordre du jour ou tenue hors du temps des sessions ou hors des lieux indiqués sur l'acte de convocation.

The extraordinary session shall not last for more than fifteen days.

Article 67.

The quorum required by each Chamber of Parliament to hold a session shall be two thirds of its members.

Ordinary laws shall be passed by the absolute majority of each Chamber. Organic laws shall be passed by a two-thirds majority of the members of each chamber.

The sessions of each Chamber of Parliament shall be public.

At the request of the President of the Republic, the Prime Minister, its President or a quarter of its members or a chamber may, by absolute majority of its members, decide to sit in camera.

Article 68.

Chambers of Parliament shall hold their sessions in the capital except in cases of *force majeure*. The Supreme Court shall decide whether a case of *force majeure* exists after it has been seized by the president of the concerned chamber.

Any deliberation held without either convocation or agenda, or taking place outside session time, or outside places indicated on the notice of convocation, whatever its object, is null and void.

Ingingo ya 69.

Nta muntu wemerewe kuba icyarimwe mu bagize Umutwe w'Abadepite no mu bagize Sena.

Umurimo w'ubudepite cyangwa w'ubusenateri ntushobora kubangikanywa no kuba mu bagize Guverinoma.

Indi mirimo bitabangikanywa igenwa n'itegeko ngenga.

Ingingo ya 70.

Abagize Inteko Ishinga Amategeko bafite uburenganzira bwo kudakurikiranwa keretse hakurikijwe ibiteganywa muri iyi ngingo:

Nta n'umwe mu bagize Inteko Ishinga Amategeko ushobora gukurikiranwa, gushakishwa, gufatwa, gufungwa cyangwa gucirwa urubanza azira ibitekerezo yagaragaje cyangwa uko yatoye mu gihe akora imirimo ashinzwe.

Mu gihembwe nta n'umwe mu bagize Inteko Ishinga Amategeko, ukekweho icyaha cy'ubugome cyangwa gikomeye, ushobora gukurikiranwa cyangwa gufatwa keretse bitangiwe uburenganzira n'Umutwe w'Inteko arimo.

Article 69.

Nul ne peut appartenir à la fois à la Chambre des députés et au Sénat.

La fonction de Parlementaire est incompatible avec celle de membre du Gouvernement.

Les autres incompatibilités sont déterminées par une loi organique.

Article 70.

Les membres du Parlement bénéficient de l'immunité parlementaire de la manière suivante :

Aucun membre du Parlement ne peut être poursuivi, recherché, arrêté, détenu ou jugé à l'occasion des opinions ou votes émis par lui dans l'exercice de ses fonctions.

Pendant la durée des sessions, aucun membre du Parlement ne peut être poursuivi ou arrêté, pour crime ou délit, qu'avec l'autorisation de la Chambre à laquelle il appartient.

Article 69.

No person shall simultaneously be a member of the Chamber of Deputies and of the Senate.

The office of a Parliamentarian shall be incompatible with the holding of a position in the government.

Other incompatibilities are determined by an organic law.

Article 70.

Members of Parliament shall enjoy parliamentary immunity in the following manner:

No Member of Parliament shall be prosecuted, pursued, arrested, detained or punished for any opinions or votes expressed by him or her in the exercise of his or her duties.

No Member of Parliament may be prosecuted or arrested on criminal charges during sessions without the authorisation of the Chamber to which she or he belongs.

Iyo atari mu gihembwe, nta n'umwe mu bagize Inteko Ishinga Amategeko ushobora gufatwa Umutwe w'Inteko arimo utabitangiyeye uburenganzira keretse yafatiwe mu cyuhu, Umutwe w'Inteko arimo waratanze uburenganzira bwo kumukurikirana, cyangwa yaraciriwe igihano ku buryo budasubirwaho.

Umuntu wese mu bagize Inteko Ishinga Amategeko waciriwe igihano ku buryo budasubirwaho n'urukiko kubera icyaha cy'ubugome ahita asezererwa mu Mutwe w'Inteko arimo, byemejwe n'Urukiko rw'Ikirenga.

Na none buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ushobora guteganya, mu mategeko agenga imikorere yawo, amakosa akomeye atuma umwe mu bawugize akurwa ku mirimo byemejwe n'abagize uwo mutwe. icyo gihe icyemezo cyo kumukuraho gifatwa ku bwiganze bwa bitatu bya gatanu by'abagize Umutwe w'inteko bireba.

Ingingo ya 71.

Ibihembwe bisanzwe by'imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko bibera ku matariki amwe.

Nyamara inama za buri Mutwe n'ibihembwe bidasanzwe biterana hakurikijwe amategeko agenga imikorere ya buri Mutwe w'Inteko.

Hors session, sauf en cas de flagrant délit, de poursuite déjà autorisée par une Chambre ou de condamnation définitive, aucun membre du Parlement ne peut être arrêté qu'avec l'autorisation du bureau de la Chambre à laquelle il appartient.

Tout membre du Parlement qui est condamné à une peine criminelle par une juridiction statuant en dernier ressort est d'office déchu de son mandat parlementaire par la Chambre à laquelle il appartient, sur constatation de la Cour Suprême.

De même, chaque Chambre du Parlement peut prévoir, dans son règlement intérieur, les fautes graves qui entraînent la déchéance du mandat parlementaire par la Chambre dont le Parlementaire fait partie. A cette occasion, la décision de déchéance est prise à la majorité des trois cinquièmes des membres de la Chambre concernée.

Article 71.

Les sessions ordinaires des Chambres du Parlement ont lieu aux mêmes dates.

Toutefois, les séances de chacune des deux Chambres et les sessions extraordinaires sont tenues suivant le règlement intérieur de chaque Chambre.

When Parliament is not in session, no Member of Parliament may be arrested without the authorisation of the Chamber to which he or she belongs, except when caught in the act, he or she is being prosecuted after authorisation by a chamber or in a case of final condemnation.

Any Member of Parliament convicted of a criminal offence by a court shall be automatically stripped of his or her parliamentary seat by the Chamber to which he or she belongs, after confirmation by the Supreme Court.

Similarly, each Chamber of Parliament may, in its internal regulations, make provision for any serious misconduct that may lead to the loss of a seat by a Member of Parliament. The decision of the chamber shall be taken by resolution of the Chamber to which the parliamentarian belongs with the supporting majority of three-fifths of the members of the concerned chamber.

Article 71.

Ordinary sessions of Chambers of Parliament shall take place on the same dates.

The sittings of each of the Chambers as well as the extraordinary sessions shall be held and organized according to each Chamber's internal regulations.

Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko ntishobora guteranira hamwe, keretse iyo hari ibibazo Itegeko Nshinga riyitegeka gusuzumira hamwe, cyangwa iyo hari imigenzo iteganywa n'amategeko ihuriraho cyangwa se imihango y'Igihugu igomba kwitabira.

Iyo Inteko Ishinga Amategeko isuzumira hamwe ikibazo Imitwe yombi ihari, Perezida w'Umutwe w'Abadepite ni we uyobora inama, yaba adahari ikayoborwa na Perezida wa Sena.

Ingingo ya 72.

Imitwe y'Inteko Ishinga Amategeko iterana mu bihembwe bitatu bisanzwe; buri gihembwe kimara amezi abiri.

- Igihembwe cya mbere gitangira ku itariki ya 5 Gashyantare ;
- Igihembwe cya kabiri gitangira ku itariki ya 5 Kamena ;
- Igihembwe cya gatatu gitangira ku itariki ya 5 Ukwakira .

Iyo umunsi w'itangizwa ry'igihembwe atari uw'akazi, ryimurirwa ku munsi ukurikira, bitashoboka rikimurirwa ku munsi wa mbere w'akazi ukurikira.

Ingingo ya 73.

Buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko utora itegeko ngenga rishyiraho amategeko agenga imikorere yawo.

Les deux Chambres du Parlement ne se réunissent ensemble que pour les questions où elles doivent, d'après la Constitution, délibérer en commun ou prendre part ensemble à des formalités prévues par la loi ou à des cérémonies publiques.

Lorsque le Parlement délibère les deux Chambres réunies, la présidence est assurée par le Président de la Chambre des députés et à son défaut par le Président du Sénat.

Article 72.

Les Chambres du Parlement se réunissent de plein droit en trois sessions ordinaires de deux mois chacune.

- La première session s'ouvre le 5 février ;
- La deuxième session s'ouvre le 5 juin ;
- La troisième session s'ouvre le 5 octobre.

L'ouverture de la session est reportée au lendemain si ce jour est férié ou, le cas échéant, au premier jour ouvrable qui suit.

Article 73.

Chaque Chambre du Parlement vote une loi organique portant son règlement d'ordre intérieur.

The two Chambers of Parliament only meet in joint session when deliberating on issues that so require, according to the Constitution, or when taking part in formalities as required by the law or at public ceremonies.

When Parliament meets in joint session, the meeting shall be chaired by the President of the Chamber of Deputies and in his or her absence, by the President of the Senate.

Article 72.

The Chambers of Parliament shall meet as of right in three ordinary sessions of two months each.

- The first session shall open on the 5th of February;
- The second session shall open on the 5th of June;
- The third session shall open on the 5th of October.

The opening of the session shall be postponed to the following day if the above day is a public holiday or, to the next workday, as the case may be.

Article 73.

Each Chamber of Parliament shall pass a law prescribing its internal regulations.

Mu byo iryo tegeko riteganywa hari :

- Ububasha bwa Biro ya buri Mutwe w'Inteko;
- Umubare n'uburyo bwo gushyiraho za komisiyo zihoraho, abazigize, inshingano n'ububasha bwazo, bitabangamiye uburenganzira bwa buri Mutwe bwo gushyiraho za komisiyo zihariye z'igihe gito;
- Imiterere y'inzego z'imirimo ziyoborwa na Perezida w'Umutwe w'Inteko abifashijwemo n'Umunyamabanga Mukuru ushinze Ubuyobozi muri buri Mutwe;
- Amategeko agenga imyitwarire y'abagize buri Mutwe;
- Uburyo bwose bw'amatora mu gufata icyemezo, usibye ubuteganywa n'Itegeko Nshinga ;
- Muri rusange, amategeko yose yerekeye imikorere ya buri Mutwe hakurikijwe ububasha uhabwa n'Itegeko Nshinga.

Ingingo ya 74.

Buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ugira ingengo y'imari yawo kandi ukagira ubwigenge mu micungire y'imari n'abakozi bawo.

Urwego rw'Ubugenzuzi Bukuru bw'Imari ya Leta bugenzura imikoreshereze y'ingengo y'imari ya buri mutwe.

Cette loi détermine notamment :

- Les pouvoirs et les prérogatives du Bureau de chaque Chambre ;
- Le nombre, le mode de désignation, la composition, le rôle et la compétence de ses commissions permanentes, sans préjudice du droit, pour la Chambre, de créer des commissions spéciales temporaires ;
- L'organisation des services administratifs placés sous l'autorité du Président, assisté d'un Secrétaire Général administratif ;
- Le régime disciplinaire de ses membres,
- Les différents modes de scrutin pour sa délibération, à l'exclusion de ceux prévus expressément par la Constitution ;
- D'une façon générale, toutes les règles relatives à son fonctionnement dans le cadre de sa compétence constitutionnelle.

Article 74.

Chaque Chambre du Parlement dispose de son propre Budget et jouit de l'autonomie de gestion administrative et financière.

L'Office de l'Auditeur Général contrôle l'exécution du budget de chaque Chambre.

This law shall notably determine :

- The powers and prerogatives of the President and the Vice-President of each Chamber;
- The number, mode of designation, composition, role and powers of its standing committees, without prejudice to the Chamber's right to create special temporary committees;
- The organisation of administrative services placed under the President's authority, assisted by the Secretary General in charge of administration;
- The system of disciplining its members;
- The different modes of voting for its deliberations, to the exclusion of those expressly provided for by the Constitution; and,
- Generally, all rules concerning its functioning within the framework of its constitutional powers.

Article 74.

Each chamber of Parliament shall have its own budget and shall enjoy administrative management and financial autonomy.

The office of the Auditor-General shall control each Chamber's operation of its budget.

Ingingo ya 75.

Itegeko ngenga rigena ingingo zidateganyijwe n'iri Tegeko Nshinga zerekeye uburyo abagize buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko batorwa, ibisabwa mu itora ryabo n'uko umudepite uvuye ku mwanya manda itararangira ashobora gusimburwa; rigena kandi ibibuza umuntu gutorwa, ibitabangikanywa n'umurimo w'ubudepite cyangwa w'ubusenateri, ibihembo n'ibindi agenerwa kubera umurimo akora.

b) Umutwe w'Abadepite

Ingingo ya 76.

Umutwe w'Abadepite ugizwe n'abantu 80 barimo :

- 53 batowe nk'uko biteganywa n'ingingo ya 77;
- 24 b'abagore n'abakobwa batorwa ari babiri na njyanama z'uturere n'imijyi muri buri Ntara n'Umujyi wa Kigali;
- babiri batorwa n'Inama y'Igihugu Ishinzwe Uruburako;
- umwe utorwa n'impuzamashyirahamwe y'abantu bafite ubumuga.

Mu ntangiriro ya buri manda y'abadepite, Umutwe w'abadepite utora Biro yawo.

Article 75.

Une loi organique fixe, pour chacune des Chambres, les dispositions non réglées par la présente Constitution en ce qui concerne notamment les conditions et les modalités de l'élection des Parlementaires et de la suppléance éventuelle en cas de vacance de siège, le régime des incompatibilités et inéligibilités ainsi que leurs indemnités et avantages matériels.

b) La Chambre des députés

Article 76.

La Chambre des députés est composée de 80 membres, à savoir :

- 53 élus conformément à l'article 77 ;
- 24 membres de sexe féminin élus par les Conseils de Districts et de Villes à raison de deux membres par Province et la Ville de Kigali ;
- deux membres élus par le Conseil National de la Jeunesse ;
- un membre élu par la Fédération des Associations des Handicapés.

Au début de chaque législature, la Chambre des députés élit son Bureau.

Article 75.

An organic law shall regulate, for each chamber, matters that are not covered by the present Constitution especially as concerns conditions and modalities of parliamentary elections, the filling of vacancies, eligibility and disqualifications as well as the allowances and material benefits of members.

b) The Chamber of Deputies

Article 76.

The Chamber of deputies shall be composed of 80 members of whom:

- 53 are elected in accordance with the provisions of article 77;
- 24 females elected by District and Town councils, meaning two women per Province and the City of Kigali;
- two members are elected by the National Youth Council;
- one member is elected by the Federation of the Associations of the Disabled.

At the beginning of every term, the Chamber of Deputies shall elect its bureau.

Ingingo ya 77.

Bitabangamiye ibiteganywa mu ngingo ya 76, abagize Umutwe w'Abadepite batorerwa manda y'imyaka itanu mu matora rusange ataziguye kandi mu ibanga, bagatorerwa ku ilisiti y'amazina ndakuka, mu buryo busaranganya imyanya.

Imyanya isigaye idatanzwe nyuma yo kugabanya amajwi n'umubare fatizo w'itora, isaranganywa amalisiti hakurikijwe uko umubare w'amajwi asaguka ugenda urutana.

Ilisiti ikorwa hubahirizwa ihame ry'ubumwe bw'Abanyarwanda ryavuzwe mu ngingo za 9 na 55 z'iri Tegeko Nshinga n'ihame ryo guha abagore n'abagabo amahirwe angana yo kwemererwa kugera ku buryo bungana ku myanya n'imirimo ya Leta itorerwa nk'uko byavuzwe mu ngingo ya 55 y'iri Tegeko Nshinga.

Abakandida bashobora gutangwa n'ishyaka cyangwa ishyirahamwe rya politiki cyangwa bakiyamamaza ku giti cyabo.

Ishyaka rya politiki cyangwa ilisiti y'abantu ku giti cyabo itashoboye kubona nibura kane ku ijana by'amajwi y'abatoye mu matora y'abadepite ntishobora kugira umwanya mu mutwe w'abadepite.

Article 77.

Sans préjudice aux dispositions de l'article 76, les membres de la Chambre des députés sont élus au suffrage universel direct et secret pour un mandat de cinq ans, au scrutin de liste bloquée, à la représentation proportionnelle.

Les sièges restant non attribués après division par le quotient électoral sont répartis entre les listes suivant le « système du plus fort reste ».

La liste est composée dans le respect du principe d'unité nationale énoncé aux articles 9 et 55 de la Constitution et du principe d'égal accès des femmes et des hommes aux mandats électoraux et fonctions électives dont il est question à l'article 55 de la Constitution.

Les candidats peuvent se présenter sous le parrainage d'un parti ou formation politique ou à titre d'indépendant.

Tout parti ou liste individuelle qui n'a pas pu rassembler quatre pour cent des suffrages exprimés à l'échelle nationale lors des élections législatives ne peut pas avoir de siège à la Chambre des députés.

Article 77.

Without prejudice to the provisions of article 76, the election of members of the Chamber of Deputies shall be based on universal suffrage by direct and secret ballot for a five-year term, by the use of a closed list system of proportional representation.

After allocating seats by dividing votes received by the electoral quotient, the remaining non-assigned seats shall be distributed to parties and political formations in sequence of the highest surplus.

A list shall be composed in full respect of the principle of national unity as stipulated in Articles 9 and 55 of the Constitution and the principle of equal right of women and men to stand for elections and to occupy elective posts as stipulated in Article 55 of the Constitution.

Candidates may present themselves under the sponsorship of a political party or independently.

Any political party or individual list which has not obtained at least four percent of the expressed vote at the national level during legislative elections shall not participate in the chamber of deputies.

Ingingo ya 78.

Umudepite usezeye mu ishyaka cyangwa mu ishyirahamwe rya politiki manda y'umutwe w'abadepite itararangira, arukuranywemo hubahirijwe amategeko cyangwa agiye mu rindi ahita atakaza umwanya we mu Mutwe w'abadepite.

Iyo atakaje cyangwa akuwe ku murimo we w'ubudepite, umwanya we uhabwa ukurikiraho ku ilisiti yatoreweho akarangiza igihe cya manda gisigaye iyo kirenze umwaka umwe.

Ingingo ya 79.

Buri mwaka umutwe w'abadepite utora itegeko ryemeza uko imari yakoreshejwe ukanatora ingengo y'imari ya Leta. Ushyikirizwa umushinga w'itegeko rigenga imari mbere y'itangira ry'igihembwe kigenewe kwiga ingengo y'imari.

Umutwe w'Abadepite usuzuma imikoreshereze y'ingengo y'imari y'umwaka urangiye ishingiyeye cyane cyane kuri raporo y'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta mbere y'uko itegeko rigenga imari ry'umwaka ukurikiyeho ritorwa.

Itegeko ry'ingengo y'imari rigena umutungo Leta izinjiza n'uzakoreshwa mu buryo buteganywa n'itegeko ngenga.

Mbere y'uko ingengo y'imari yemezwa burundu, Perezida w'Umutwe w'abadepite asaba Sena kugira icyo ivuga ku byerekeye isaranganywa ry'ingengo y'imari igenewe buri rwego rwa Leta.

Article 78.

Tout député qui, en cours de législature, démissionne de son parti ou change de parti sous le parrainage duquel il a été élu ou en est exclu par voie légale perd automatiquement son siège à la Chambre des députés.

En cas de perte ou de déchéance du mandat de député, le siège vacant est dévolu au suppléant qui achève le terme du mandat restant à courir si celui-ci est supérieur à un an.

Article 79.

Chaque année la Chambre des députés arrête la loi des comptes et vote le Budget de l'Etat. Elle est saisie du projet de loi de finances avant l'ouverture de la session consacrée au Budget.

La Chambre des députés examine l'exécution du Budget de l'exercice clôturé sur base notamment du Rapport de l'Auditeur Général des Finances de l'Etat avant le vote de la loi de Finances de l'exercice suivant.

La loi de finances détermine les ressources et les charges de l'Etat dans les conditions prévues par une loi organique.

Avant l'adoption définitive du Budget, le Président de la Chambre des Députés sollicite l'avis du Sénat pour que celui-ci se prononce sur la répartition des dépenses budgétaires.

Article 78.

Any deputy, who, during the Parliamentary term resigns from his or her party, or is legally expelled from it, or leaves the party that sponsored him or her to the post and joins another one, shall lose his or her seat in the Chamber of Deputies.

In case of loss of a parliamentary seat the vacant seat shall be occupied by a substitute who shall finish the remainder of the term, provided it is more than one year.

Article 79.

Every year the Chamber of Deputies shall pass the finance bill and adopt the State Budget. It shall receive the finance bill before the opening of the Budget session.

Before the final adoption of the Budget, the President of the Chamber of Deputies shall seek the opinion of the Senate so that the latter may give its opinion on the distribution of budgetary allocations.

The finance law shall determine the State revenue and expenditure in accordance with conditions laid down by an organic law.

The Chambers of Parliament shall examine the implementation of the Budget of the preceding financial year notably on the basis of the Report of the Auditor-General of State Finances before passing the Finance bill of the next financial year.

Iyo igihembwe kigenewe kwiga ingengo y'imari gisojwe ingengo y'imari itaratorwa cyangwa se yaratorwe ku buryo imari isohoka itangana n'iyinjira, umushinga w'ingengo y'imari wemezwa n'itegeko teka bitarenze iminsi umunani mbere y'uko umwaka izakoreshwamo utangira.

Iyo umushinga w'ingengo y'imari y'umwaka utatangiwe igihe kugira ngo utorwe kandi ushyirweho umukono mbere y'intangiriro z'umwaka izakoreshwamo, Minisitiri w'Intebe, abihereye ububasha n'Umutwe w'abadepite kandi binyuze mu iteka rya Perezida wa Repubulika ryemejwe n'Inama y'Abaminisitiri, asaba ko hagenda hakoreshwa by'agateganyo buri kwezi kimwe cya cumi na kabiri cy'ingengo y'imari, ashingiye ku y'umwaka urangiye, kugeza igihe ingengo y'imari yemerejwe n'Umutwe w'abadepite.

Nta musoro ku rwego rw'igihugu ushobora gushyirwaho, guhindurwa cyangwa gukurwaho bidakozwe n'itegeko.
Nta sonerwa cyangwa igabanywa ry'umusoro rishobora gukorwa mu gihe bidateganywa n'itegeko.

Nta gahazo mu rwego rw'imisoro gashobora gutangwa bidakozwe n'itegeko kandi mu gihe cyagenwe.

Ubisabwe na Guverinoma Umutwe w'Abadepite ushobora gutanga uburenganzira ko itegeko ryerekeye imisoro n'amahoro rihita rikurikizwa rimaze gusuzumwa byihutirwa no gutorwa ryose uko ryakabaye ritabanje kunyura muri za Komisiyo.

Si le Budget n'a pas été voté à la clôture de la session budgétaire ou n'a pas été voté en équilibre, le projet de budget est adopté par décret-loi au plus tard huit jours avant le début de l'année durant laquelle il doit être exécuté.

Si le projet de Budget d'un exercice donné n'a pas été déposé en temps utile pour être voté et promulgué avant le début de cet exercice, le Premier Ministre, après autorisation de la Chambre des députés, propose l'ouverture par arrêté présidentiel délibéré en Conseil des Ministres, des douzièmes provisoires sur base du Budget de l'exercice écoulé jusqu'à l'adoption du Budget par la Chambre des députés.

Aucune imposition au niveau national ne peut être établie, modifiée ou supprimée que par une loi.
Nulle exemption ou modération ne peut être accordée que dans les cas prévus par la loi.

Aucun monopole d'ordre fiscal ne peut être accordé que par la loi et pour une durée déterminée.

La Chambre des Députés, sur demande du Gouvernement, peut autoriser la mise en application immédiate de la loi proposée sur les taxes, après un examen rapide et suivant une procédure de vote bloqué.

If the Budget has not been adopted at the closing of the budgetary session or has not been balanced, the budget bill shall be adopted by decree, at the latest, by the first day of the first month of the year during which it must be implemented.

If the Budget bill of a financial year has not been transmitted in due time to be passed and promulgated before the beginning of the financial year, the Prime Minister, after authorization by the Chamber of Deputies, shall propose by presidential decree deliberated at the Council of Ministers, the release of temporary one-twelfths budgetary allocations per month based on the previous budget, until the Budget has been adopted by the Chamber of deputies.

No taxation at the national level can be imposed, modified or removed other than by law.
No exemption from or reduction of tax may be granted unless is authorised by law.

No monopoly of the fiscal domain shall be granted other than by the law and for a determinate length of time.

The Chamber of Deputies, on request from the Government, may authorise the immediate application of the taxation law after quick examination and following a procedure of a closed vote.

c) Sena

Ingingo ya 80.

Abagize Sena ni abenegihugu b'indakemwa kandi b'inararibonye bagenwa ku giti cyabo bidashingiye ku marangamutima kandi hatitawe ku mashyaka bakomokamo, bafite n'ubuhanga buhanitse mu by'ubumenyi, amategeko, ubukungu, politiki, imibanire y'abantu n'umuco; cyangwa se baba barakoze imirimo yo mu rwego rwo hejuru muri Leta cyangwa mu bikorera ku giti cyabo.

Sena igizwe n'abantu 24 hakiyongeraho abahoze ari Abakuru b'Igihugu bavugwa mu gika cya gatatu cy'iyi ngingo, ni ukuvuga:

- Umwe muri buri Ntara n'Umujyi wa Kigali utorwa mu ibanga n'abagize nnyanama z'uturere n'imijyi bigize buri Ntara n'Umujyi wa Kigali;
- Umunani bashyirwaho na Perezida wa Repubulika, 30 ku ijana bakaba ab'igitsina gore kandi muri uwo mubare Perezida wa Repubulika akita ku ihagararirwa ry'igice cy'Abanyarwanda amateka agaragaza ko basigaye inyuma;
- Babiri batorwa n'ihuriro ry'amashyaka ya politiki ;

c) Le Sénat

Article 80.

Les membres du Sénat doivent être des personnes intègres et de grande expérience « *inararibonye* » choisies objectivement à titre individuel et sans considération de leur appartenance politique parmi les nationaux possédant des qualifications de haut niveau dans les domaines scientifique, juridique, économique, politique, social et culturel ou qui sont des personnalités ayant occupé de hautes fonctions publiques ou privées.

Le Sénat est composé de 24 membres ainsi que des anciens chefs d'Etat visés à l'alinéa 3 de cet article à savoir :

- Un membre élu au scrutin secret par Province et la Ville de Kigali par les membres des Conseils de District de chaque Province et de la Ville de Kigali ;
- Huit membres désignés par le Président de la République dont 30% sont de sexe féminin. En outre, parmi les huit membres le Président de la République veillera à ce que soit assurée la représentation de la communauté nationale historiquement la plus défavorisée ;
- Deux membres élus par le Forum des partis politiques ;

c) The Senate

Article 80.

Members of the Senate shall be persons of integrity with great experience " *inararibonye* " objectively chosen on individual basis and without regard to membership of political parties or political formations. They must be Rwandan nationals with high level of skill in scientific, legal, economic, political, social or cultural fields, or they must have held senior positions in the public or private sectors.

The Senate is composed of 24 members; as well as former heads of state as provided for in the 3rd paragraph of this article. The members are:

- One member elected by secret ballot per each province and the City of Kigali, by members of the District or City Councils of each Province or of the City of Kigali;
- Eight members nominated by the President of the Republic, 30% of whom are females. Also among the eight the President of the Republic should people from the historically disadvantaged community;
- Two members elected by the Forum of political Parties;

- Umwarimu umwe wo muri kaminuza n'amashuri makuru ya Leta watowe na bagenzi be ;
- Umwarimu umwe wo mu mashuri makuru yigenga watowe na bagenzi be.

Inzego zishinzwe kugena abagomba kujya muri Sena zigomba kwita ku bumwe bw'Abanyarwanda n'hagararirwa ry'ibitsina ryombi.

Abahoze ari Abakuru b'Igihugu bajya mu bagize Sena iyo babisabye babinyujije ku Rukiko rw'Ikirenga, ariko bagomba kuba bararangije neza manda yabo cyangwa barasezeye ku bushake.

Impaka zivutse zerekeye ishyirwa mu bikorwa ry'ingingo ya 82 zikemurwa n'Urukiko rw'Ikirenga.

Ingingo ya 81.

Kugira ngo umuntu ajye muri Sena agomba :

1. Kuba yujuje ibyangombwa byavuzwe mu ingingo ya 80;
2. Kuba ari inararibonye ;
3. Kuba arangwa n'ubudakemwa mu myifatire no mu mibanire ye n'abandi;
4. Kuba atarambuwe n'inkiko uburenganzira mbonezamubano n'ubwa politiki;

- Un membre élu parmi eux par les professeurs des Universités et Instituts supérieurs Publics;
- Un membre élu parmi eux par les professeurs des Universités privées;

Les organes chargés de désigner les sénateurs sont tenus de prendre en considération, dans leurs propositions le critère de l'unité nationale et de la représentation des deux sexes.

A leur demande, qui est adressée à la Cour suprême, les anciens Chefs d'Etat deviennent de droit membres du Sénat s'ils ont normalement terminé ou volontairement résigné leur mandat.

Les contestations relatives à l'application de l'article 81 sont tranchées par la Cour suprême.

Article 81.

Pour devenir membre du Sénat, il faut :

1. Répondre aux critères de qualifications ou de personnalité définis à l'article 80 ;
2. Etre une personne de grande expérience « *Inararibonye* » ;
3. Etre de bonne moralité et d'une grande probité ;
4. Jouir de tous ses droits civiques et politiques ;

- One member elected from among the professors and lecturers of private universities;
- Two members chosen by the President of the Republic from a community that is known to have been historically disadvantaged.

The organs responsible for the nomination of senators shall take national unity and representation of both sexes into consideration.

At their own request, former Heads of State shall become members of the Senate upon voluntary resignation or normal termination of their term of office.

In case of any dispute regarding the application of article 81, the Supreme Court shall decide the matter.

Article 81.

In order to become a member of the Senate one must:

1. Meet the qualifications and personality criteria specified in article 80;
2. Be a highly experienced person "inraribonye";
3. Be of good morals and high probity;
4. Enjoy all civil and political rights;

5. Kuba afite nibura imyaka mirongo ine y'amavuko kandi atarengeje mirongo irindwi;
6. Kuba ataraciriwe ku buryo budasubirwaho igihano cy'iremezo kirengeje amezi atandatu y'igifungo kitahanaguwe n'imbabazi z'itegeko cyangwa n'ihanagurabusembwa.

Ingingo ya 82.

Uretse abahoze ari Abakuru b'Igihugu baba abasenateri hakurikijwe ingingo ya 80, abagize Sena bagira manda imwe y' imyaka umunani idashobora kongerwa.

Ingingo ya 83.

Bitabangamiye ibiteganywa mu ngingo ya 193, amazina y'abakandida muri Sena batorwa n'Inama Njyanama z'uturere n'imijyi muri buri ntara n'Umujyi wa Kigali, agomba kuba yageze ku Rukiko rw'Ikirenga bitarenze iminsi mirongo itatu mbere y'amatora.

Urukiko rw'Ikirenga rugenzura niba abakandida bujuje ibyangombwa bisabwa, rukemeza kandi rugatangaza urutonde rwabo bitarenze iminsi umunani uherye igihe inyandiko zarugereyeho. Amatora akorwa mu buryo buteganywa n'itegeko rigenga amatora.

Ku byerekeye abasenateri bashyirwaho, inzego zibashyiraho na zo zigomba kuba zagejeje amazina yabo ku Rukiko rw'Ikirenga mu gihe cyavuzwe haruguru rukagenzura niba bujuje

5. Etre âgé de quarante ans au moins et de soixante dix ans au plus;
6. Ne pas avoir été condamné en dernier ressort à une peine principale supérieure à six mois d'emprisonnement non effacée par l'amnistie ou la réhabilitation.

Article 82.

Sauf pour les anciens chefs d'Etat devenus Sénateurs en vertu de l'article 80, la durée du mandat de Sénateur est de huit ans, non renouvelable.

Article 83.

Sans préjudice à l'article 198, les candidatures des Sénateurs à élire dans chaque Province et la Ville de Kigali par les Conseils de District et villes doivent parvenir à la Cour Suprême dans le délai de trente jours avant les élections de ceux-ci.

La Cour Suprême vérifie si les candidats remplissent les conditions requises, arrête et publie la liste des candidats dans les huit jours de sa saisine. Les élections ont lieu dans les conditions fixées par la loi électorale.

Pour les sénateurs désignés, les organes chargés de leur désignation notifient dans le même délai les noms des personnes choisies à la Cour Suprême qui vérifie si elles remplissent les

5. Be aged at least forty years old and not more than seventy years old;
6. Not have been condemned to a sentence of imprisonment exceeding six months imposed by any competent court without the option of a fine and not discharged by an amnesty or rehabilitation.

Article 82.

With the exception of the former heads of state who have become senators in accordance with the provisions of article 80, the tenure of a Senator is eight years, non renewable.

Article 83.

Without prejudice to Article 193, the nominations of the Senators to be elected in each Province and in the City of Kigali by District and Town Councils must be sent to the Supreme Court within a period of thirty days before their election.

The Supreme Court shall verify if the candidates fulfil the required conditions, and shall give a ruling and publish the list of candidates within a period of eight days after the submission of the list of candidates. Elections shall take place under the conditions specified by the electoral law.

The organs responsible for the nomination of designated Senators shall forward the names of the candidates to the Supreme Court, which shall verify whether they fulfil the required

ibyangombwa bisabwa, rukemeza kandi rugatangaza urutonde rwabo bitarenze iminsi umunani.

Ariko ku basenateri bagenwa na Perezida wa Repubulika, abashyiraho izindi nzego zimaze gushyiraho abazo kugira ngo yite ku bumwe bw'Abanyarwanda.

Mu gihe hari abatemewe n'Urukiko rw'Ikirenga, inzego zibashyiraho zishobora kuzuzwa umubare uteganyijwe mu gihe kitarenze iminsi irindwi nyuma y'itangazwa ry'urutonde rw'amazina y'abemewe.

Ingingo ya 84.

Kugira ngo umuntu abe umusenateri, ku birebana n'abasenateri batorwa n'Inama Njyanama z'uturere n'imijyi, agomba kuba yatowe ku bwiganze burunduye bw'amajwi mu cyiciro cya mbere cy'amatora, cyangwa ku bwiganze busanzwe mu cyiciro cya kabiri kigomba guhita gikurikira icya mbere.

Mu gihe umusenateri watowe yeguye, apfuye, avanywe ku murimo n'icyemezo cy'urukiko cyangwa agize impamvu imubuza burundu kujya mu Nteko, asimburwa n'uwamukurikiye mu majwi iyo igihe cya manda gisigaye kingana nibura n'umwaka umwe. Na none iyo ari umusenateri washyizweho, urwego rwamushyizweho ni na rwo rugena umusimbura.

les conditions exigées, arrête et publie la liste des Sénateurs désignés dans les huit jours de sa saisine.

Toutefois, pour les Sénateurs devant être désignés par le Président de la République, celui-ci, dans le souci de garantir l'unité entre les rwandais, les désigne après les autres organes.

L'organe chargé de la désignation peut, le cas échéant, compléter le nombre autorisé dans le délai de sept jours après la publication de la liste, si certains noms n'ont pas été retenus par la Cour Suprême.

Article 84.

Pour être élu Sénateur, le candidat doit réunir la majorité absolue des membres des conseils de Districts au premier tour, ou la majorité relative au deuxième tour qui doit être organisé immédiatement après le premier tour.

Si le Sénateur élu démissionne, décède, est frappé de déchéance par décision judiciaire ou est définitivement empêché de siéger un an au moins avant la fin du mandat, il est remplacé par celui des candidats ayant réuni le plus grand nombre de voix après lui. S'il s'agit d'un Sénateur ayant fait l'objet de désignation, son remplacement est effectué par l'organe compétent.

conditions, take a decision, and publish the list of designated senators within eight days of submission of the list of names.

The senators to be nominated by the President of the Republic shall be nominated after those designated by other organs in order to ensure unity among Rwandans.

The organ responsible for the nomination may, if need be, complete the authorized number within a period of seven days after the publication of the list, if some names have not been approved by the Supreme Court.

Article 84.

In order to be elected as a Senator, a candidate must get an absolute majority vote of the members of the District Councils in the first round, or a relative majority in the second round which must be immediately organized after the first round.

If the elected Senator resigns, dies or is impeached by court decision or is perpetually absent, he or she shall be replaced by the candidate who will have got the next highest number of votes provided the remaining term is a period of at least one year. In the case of designated senators, the replacement shall be done by the competent organ.

Ingingo ya 85.

Mu ntangiriro ya buri manda, abagize Sena batora Biro yayo.

Ingingo ya 86.

Sena igenzura by'umwihariko ishyirwa mu bikorwa ry'amahame remezo avugwa mu ingingo ya 9 n'ya 55 z'iri Tegeko Nshinga.

Ingingo ya 87.

Mu birebana n'amategeko, Sena ifite ububasha bwo gutora :

- Amategeko yerekeye ivugurura ry'Itegeko Nshinga ;
- Amategeko ngenga ;
- Amategeko yerekeye ishyirwaho, ihindurwa, imikorere n'ivanwaho ry'inzego za Leta cyangwa zishamikiye kuri Leta, n'ayerekeye imiterere y'igihugu ;
- Amategeko yerekeye ubwisanzure, uburenganzira n'inshingano by'ibanze bya Muntu ;
- Amategeko mpanabyaha, ayerekeye ububasha n'imiburanyishirize y'imanza z'inshinjabyaha ;
- Amategeko yerekeye kurinda igihugu n'umutekano ;
- Amategeko areba amatora na referendumu;
- Amategeko yerekeye amasezerano mpuzamahanga.

Article 85.

Au début de chaque législature, le Sénat élit son Bureau.

Article 86.

Le Sénat veille en particulier à la mise en œuvre des principes fondamentaux énoncés aux articles 9 et 55 de la présente Constitution.

Article 87.

En matière législative, le Sénat est compétent pour voter:

- les lois relatives à la révision de la Constitution ;
- les lois organiques ;
- les lois concernant la création, la modification, le fonctionnement et la suppression des institutions étatiques ou para-étatiques et l'organisation du territoire ;
- les lois relatives aux libertés, aux droits et devoirs fondamentaux de la personne ;
- les lois pénales, les lois de compétence et de procédure pénales ;
- les lois relatives à la défense et à la sécurité ;
- les lois électorales et référendaires ;
- les lois relatives aux traités et accords internationaux.

Article 85.

At the commencement of each term of Parliament, the Senate shall elect its Bureau.

Article 86.

It shall be the particular duty of the Senate to ensure that the fundamental principles specified in Articles 9 and 55 of the present Constitution are respected.

Article 87.

In legislative matters, the Senate shall have the competence to take a vote on :

- laws relating to amendment of the Constitution;
- organic laws;
- laws governing the establishment, modification, functioning and the dissolution of state and parastatal institutions and territorial organization;
- laws regarding liberties, fundamental rights and duties of the person;
- criminal laws; laws of competence and criminal procedure;
- laws on defence and security;
- electoral laws and referenda;
- the laws regarding International agreements and treaties.

Sena ifite na none ububasha bwo :

- gutora Perezida na Visi Perezida b'Urukiko rw'Ikirenga, Umushinjacyaha Mukuru wa Repubulika n'Umushinjacyaha Mukuru wa Repubulika wungirije;
- kwemeza ishyirwaho ry'abayobora n'abagize za Komisiyo z'igihugu, Umuvunyi Mukuru n'umwungirije, Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta n'Umwungirije, Abahagarariye u Rwanda mu bihugu by'amahanga no mu miryango mpuzamahanga, Abakuru b'Intara, abayobozi b'ibigo bya Leta n'ibishamikiye kuri Leta bifite ubuzima gatozi;
- kwemeza ishyirwaho ry'abandi bakozi ba Leta igihe bibaye ngombwa, hakoreshejwe itegeko ngenga.

Ingingo ya 88.

Perezida w'Umutwe w'Abadepite ahita yoherereza Perezida wa Sena imishinga y'amategeko yemejwe burundu n'Umutwe w'abadepite yerekeye ibyavuzwe mu ngingo ya 87.

Na none Guverinoma ishyikiriza Sena amateka ashiraho abantu bavuzwe mu ngingo ya 87 kugira ngo iyemeze mbere y'uko ashirwaho umukono.

Le Sénat est également compétent pour :

- élire le Président et le Vice-Président de la Cour Suprême ; le Procureur Général de la République et le Procureur Général de la République adjoint ;
- approuver la nomination des dirigeants et membres des Commissions nationales, du Protecteur du citoyen et de son Adjoint, de l'Auditeur Général des Finances de l'Etat et de son Adjoint, des Ambassadeurs et Représentants permanents, des Préfets, des Chefs des organismes étatiques et para étatiques dotés de la personnalité juridique ;
- approuver la nomination d'autres agents de l'Etat qu'en cas de besoin une loi organique déterminera.

Article 88.

Les projets et propositions de lois définitivement adoptés par la Chambre des Députés dans les matières énumérées à l'article 87 sont immédiatement transmis par le Président de la Chambre des députés au Président du Sénat.

De même, les arrêtés de nomination, des personnes citées à l'article 87 sont transmis par le Gouvernement au Sénat pour approbation avant leur signature.

The Senate also shall have the authority to :

- approve the appointment of the President and the Vice-President of the Supreme Court, the Prosecutor General of the Republic and his or her deputy;
- approve the appointment of the Chairpersons and members of National Commissions, the Ombudsman and his or her deputy, the Auditor General of Public Finances and his or her Deputy, Ambassadors and Permanent Representatives, Provincial Governors, Heads of public institutions and parastatal companies with legal personality;
- approve the appointment of other state agents as may be required and determined by an organic law.

Article 88.

The bills and proposals in matters indicated in article 89 and finally adopted by the Chamber of Deputies in the domains enumerated in article 87 shall be immediately transmitted by the President of the Chamber of Deputies to the President of the Senate.

Similarly, the nominations of persons cited in Article 87 shall be transmitted by the Government to the Senate for approval before endorsement.

Icyiciro cya 2 : Ibyerekeye itegurwa n'iyemezwa ry'amategeko

Ingingo ya 89.

Gushoza amategeko no kuyagorora ni uburenganzira bwa buri mudepite na Guverinoma iteraniye mu Nama y'Abaminisitiri.

Ingingo ya 90.

Imishinga y'amategeko n'igorora ryayo bikozwe n'abadepite ntibyemerwa iyo bishora gutubya umutungo w'igihugu cyangwa kukibera umutwano keretse iyo berekana uburyo Leta izinjiza cyangwa izazigama umutungo ungana n'usohoka.

Ingingo ya 91.

Imishinga y'amategeko inama rusange yemeje ko ikenewe ibanza koherezwa muri komisiyo y'Umutwe w'abadepite ibishinzwe kugira ngo iyisuzume mbere yuko yemezwa mu nama rusange.

Umushinga w'ingengo y'imari y'Umutwe w'abadepite cyangwa ya Sena ntushobora gusuzumwa muri komisiyo cyangwa mu nama rusange utabanje kunyura kuri Perezida w'Umutwe w'Inteko bireba.

Section 2 : De l'élaboration et de l'adoption des lois

Article 89.

L'initiative des lois et le droit d'amendement des lois appartiennent concurremment aux Députés et au Gouvernement en Conseil des Ministres.

Article 90.

Les propositions et amendements déposés par les députés ne sont pas recevables lorsque leur adoption aurait pour conséquence soit une diminution des ressources publiques, soit la création ou l'aggravation d'une charge publique, à moins qu'ils ne soient accompagnés d'une proposition d'augmentation de recettes ou d'économies équivalentes.

Article 91.

Les projets et propositions de loi dont l'opportunité a été établie en séance plénière sont envoyés pour examen à la commission compétente de la Chambre des députés avant de revenir en séance plénière pour délibération.

Le projet du budget de la Chambre des députés ou du Sénat ne peut être examiné en commission ou en séance plénière sans avoir été soumis au préalable au Président de la Chambre concernée.

Section 2 : Initiation and adoption of laws

Article 89.

The initiative to draft laws and the right to amend them shall be the concurrent responsibility of the Deputies and the Government at Cabinet meetings.

Article 90.

The proposals and amendments presented by Deputies shall not be admissible when their adoption would result either in the reduction of public resources or in the creation or the increase of public expenditure unless they are accompanied by a proposal to increase revenues or equivalent savings.

Article 91.

The bills and proposals found appropriate at plenary session shall be forwarded to the competent committee of the Chamber of Deputies for examination, before they are debated in the plenary session.

The draft budget of the Chamber of Deputies or of the Senate cannot be examined by the committee or discussed in plenary session before it has been submitted to the President of the Chamber concerned.

Ingingo ya 92.

Nta na rimwe itegeko ngenga rivuguruza Itegeko Nshinga; nta nubwo itegeko risanzwe cyangwa Itegeko teka rivuguruza itegeko ngenga, cyangwa se ngo iteka rivuguruze itegeko.

Nta tegeko rishobora kwemezwa ritabanje gutorwa ingingo ku yindi. Batora bavuga mu ijwi riranguruye, bazamuye ukuboko cyangwa hakoreshejwe ubundi buryo bukoresha ibyuma byabigenewe.

Kwemeza itegeko ryose, iteka bicishwa mu itora, buri wese ahamagawe mu izina rye, kandi mu ijwi riranguruye.

Iyo ibisuzumwa byerekeye abantu ku giti cyabo cyangwa ibindi biteganyijwe n'amategeko ngengamikorere, itora rikorwa mu ibanga.

Ingingo ya 93.

Gusuzuma ku buryo bwihutirwa umushinga w'itegeko cyangwa ikindi kibazo bishobora gusabwa n'uri mu bagize Inteko Ishinga Amategeko cyangwa Guverinoma, bigasabwa Umutwe w'Inteko bireba.

Article 92.

Il ne peut être dérogé par une loi organique à une loi constitutionnelle ni par une loi ordinaire ou un décret-loi à une loi organique ni par un règlement ou un arrêté à une loi.

Aucune loi ne peut être adoptée qu'après avoir été votée article par article. Les votes sont émis à haute voix, à main levée ou avec les moyens techniques appropriés.

Sur l'ensemble d'une loi, il est toujours procédé à un vote par appel nominal et à haute voix.

Lorsqu'il est fait état de personnes et dans les autres cas déterminés par le règlement intérieur, le vote se fait au scrutin secret.

Article 93.

L'urgence pour l'examen d'une proposition ou d'un projet de loi ou de toute autre question, peut être demandée par un membre du Parlement ou par le Gouvernement à la Chambre concernée.

Article 92.

The Constitution may not be amended by any law. An organic law may not be amended or nullified by an ordinary law or a decree. An ordinary law may not be amended or nullified by any regulation or order.

No law shall be adopted without being voted article by article. The votes are emitted by voice and by a show of hands or by the appropriate technical means.

Concerning the vote of the entire law, it shall be adopted by a loud nominal vote.

When it concerns the state of persons and in other cases that are specified by the internal working regulations, the vote shall be by secret ballot.

Article 93.

A Member of Parliament or the Government may bring to the attention of the concerned Chamber the need to urgently examine a proposal, a bill or any other issue.

Iyo bisabwe n'uri mu bagize Inteko, umutwe w'Inteko bireba ufata icyemezo kuri ubwo bwihutirwe.

Iyo bisabwe na Guverinoma buri gihe biremerwa.

Iyo byemejwe ko umushinga w'itegeko cyangwa ikibazo byihutirwa, bisuzumwa mbere y'ibindi biri ku murongo w'ibigomba kwigwa.

Ingingo ya 94.

Imishinga y'amategeko Sena ifitiye ububasha bwo gusuzuma, iyigezwaho ibanje kwemezwa n'Umutwe w'abadepite, uretse umushinga w'itegeko ngenga rigena amategeko ngengamikorere ya Sena.

Iyo umushinga w'itegeko utemewe na Sena cyangwa iyo igorora Sena yawukozeho ritemewe n'Umutwe w'abadepite, ba Perezida b'Imitwe yombi bashyiraho komisiyo igizwe n'umubare ungana w'abadepite n'abasenateri, igatanga umwanzuro ku ngingo zikomeje kugibwaho impaka.

Iyo Mitwe yombi igomba kwemera umwanzuro wumvikanyweho.

Lorsque l'urgence est demandée par un Parlementaire, la Chambre se prononce sur cette urgence.

Lorsqu'elle est demandée par le Gouvernement elle est toujours accordée.

Dans tous les cas où l'urgence est accordée, l'examen de la loi ou de la question qui en est l'objet a priorité sur l'ordre du jour.

Article 94.

Dans les domaines de compétence du Sénat, les projets ou propositions de loi ne sont envoyés au Sénat qu'après avoir été adoptés par la Chambre des députés, exception faite de la loi organique portant règlement d'ordre intérieur du Sénat.

Lorsqu'un projet ou une proposition de loi n'a pu être adopté par le Sénat ou que celui-ci y a apporté des amendements qui ne sont pas acceptés par la Chambre des députés, les Présidents des deux Chambres réunissent une Commission paritaire mixte chargée de proposer un texte sur les dispositions restant en discussion.

Les deux Chambres sont tenues de se rallier au texte ainsi proposé.

If the urgent examination is requested by a Member of Parliament, the Chamber shall decide on the validity of the urgency.

When the request comes from the Government, it shall always be granted.

In all cases where the urgency is granted, the examination of the law or of the issue in question shall have priority on the agenda.

Article 94.

In matters within the competence of the Senate, the bills and proposals shall be forwarded to the Senate only after the Chamber of Deputies has adopted them.

If a bill or a proposal has not been adopted by the Senate or the latter has proposed amendments which are not acceptable by the Chamber of Deputies, the Presidents of both Chambers shall convene a joint commission with an equal number of members, assigned to propose an acceptable text on provisions still in dispute.

The text proposed by the joint commission shall be submitted to both chambers for adoption.

Ingingo ya 95.

Isobanurampamo ry'amategeko rikorwa n'imitwe yombi y'Inteko iteraniye hamwe, Urukiko rw'Ikirenga rumaze kubatangaho inama; buri Mutwe ufata icyemezo ku bwiganze bw'amajwi buvugwa mu ngingo ya 67 y'Itegeko Nshinga.

Iryo sobanurampamo rishobora gusabwa na Guverinoma, icya kane cy'abagize Umutwe uwo ari wo wose w'Inteko Ishinga Amategeko cyangwa Urugaga rw'Abavoka.

Umuntu wese ubifitemo inyungu ashobora gusaba isobanurampamo abinyujije ku bagize Inteko cyangwa ku bagize Urugaga rw'Abavoka.

UMUTWE WA II : IBYEREKEYE UBUTEGETSI NYUBAHIRIZATEGEKO

Ingingo ya 96.

Ubutegetsi Nyubahirizategeko bugizwe na Perezida wa Repubulika na Guverinoma.

Article 95.

L'interprétation authentique des lois appartient aux deux Chambres réunies du Parlement après avis préalable de la Cour Suprême, chaque Chambre statuant aux majorités fixées par l'article 67 de la Constitution.

Elle peut être demandée par le Gouvernement, un quart des membres de l'une ou l'autre Chambre du Parlement ou le Conseil de l'Ordre des avocats.

Toute personne intéressée peut demander l'interprétation authentique des lois en passant par l'intermédiaire des membres du Parlement ou de l'Ordre des Avocats.

CHAPITRE II : DU POUVOIR EXECUTIF

Article 96.

Le pouvoir Exécutif est exercé par le Président de la République et le Gouvernement.

Article 95.

The responsibility of authentic interpretation of laws shall be the prerogative of the two Chambers of Parliament combined, after prior advice from the Supreme Court; each chamber shall decide by majority fixed by article 67 of this Constitution.

The authentic interpretation of the laws may be requested by the Government, by a quarter of members of one of the Chamber of Parliament or by the Bar Association.

Any interested person may request the authentic interpretation of laws through the intermediary of members of parliament or of the Bar Association.

CHAPTER II : EXECUTIVE

Article 96.

The Executive authority is vested in the President of the Republic and the Council of Ministers.

Icyiciro cya 1 : Perezida wa Repubulika

Ingingo ya 97.

Perezida wa Repubulika ni we Mukuru w'Igihugu.

Ashinzwe kurinda Itegeko Nshinga no kubumbatira ubumwe bw'Abanyarwanda.

Yishingira ko Leta izakomeza kubaho, ubwigenge n'ubusugire bw'igihugu no kubahiriza amasezerano mpuzamahanga.

Perezida wa Repubulika afite ububasha bwo kubwira igihugu cyose ibitekerezo bye.

Ingingo ya 98.

Umukandida ku mwanya wa Perezida wa Repubulika agomba :

- Kuba afite ubwenegihugu bumwe nyawanda bw'inkomoko;
- Kuba indakemwa mu myifatire no mu mibanire ye n'abandi;
- Kuba atarambuwe n'inkiko uburenganzira mbonezamubano n'ubwa politiki;
- Kuba afite nibura imyaka 40 kandi atarengeje 70 y'amavuko mu gihe cyo kwiyamamariza uwo mwanya;
- Kuba ari mu Rwanda igihe asaba kwiyamamariza uwo mwanya.

Section 1 : Le Président de la République

Article 97.

Le Président de la République est le Chef de l'Etat.

Il est le gardien de la Constitution et incarne l'Unité Nationale.

Il est le garant de la continuité de l'Etat, de l'Indépendance Nationale et de l'intégrité du territoire et du respect des traités et accords internationaux.

Le Président de la République a le droit d'adresser des messages à la Nation.

Article 98.

Tout candidat à la présidence de la République doit :

- Etre exclusivement de nationalité rwandaise d'origine;
- Etre de bonne moralité et d'une grande probité ;
- Jouir de tous ses droits civiques et politiques ;
- Etre âgé de 35 ans au moins et de 70 ans au plus à la date du dépôt de sa candidature ;
- Résider sur le territoire du Rwanda au moment du dépôt de sa candidature.

Section 1 : The President of the Republic

Article 97.

The President of the Republic shall be the Head of the State.

He or she uphold, defend and respect the Constitution and promote national unity.

He or she shall be the guardian of national independence, guarantor of continuity of the State, territorial integrity and respect of international treaties and agreements.

The President of the Republic has the right to address the Nation.

Article 98.

Any candidate to the Presidency of the Republic must:

- Be exclusively Rwandans by nationality of origin;
- Be of high moral integrity;
- Enjoy all of his/her civic and political rights;
- Be at least aged 35 years old and not more than 70 years old at the date of submission of his or her candidacy; and,
- Be a resident on Rwandan Territory at the time of submission of his or her candidacy.

Ingingo ya 99.

Perezida wa Repubulika atorwa ku buryo butaziguye kandi mu ibanga. Uba Perezida ni uwarushije abandi amajwi.

Urukiko rw'Ikirenga rugenzura niba icyo gikorwa cyubahirije amategeko, rugakemura imanza zivutse, rukanatangaza ibyavuye mu itora.

Ingingo ya 100.

Perezida wa Repubulika atorerwa manda y'imyaka irindwi. Ashobora kongera gutorwa inshuro imwe.

Nta na rimwe umuntu yemererwa gutorerwa manda zirenze ebyiri ku mwanya wa Perezida wa Repubulika.

Ingingo ya 101.

Bitabangamiye ibiteganywa mu ngingo ya 192, itora rya Perezida wa Repubulika akorwa hasigaye iminsi itari muni ya mirongo itatu kandi itarenga mirongo itandatu mbere y'uko manda y'uriho irangira.

Ingingo ya 102.

Itegeko ngenga riteganywa uburyo bwo gutanga kandidatire ku mwanya wa Perezida wa Repubulika, uko itora rikorwa, ibarura ry'amajwi no gutangaza ibyavuye mu itora.

Article 99.

Le Président de la République est élu au suffrage universel direct et secret à la majorité relative des suffrages exprimés.

La Cour Suprême contrôle la régularité de ces opérations, statue sur les réclamations et proclame les résultats du scrutin.

Article 100.

Le Président de la République est élu pour un mandat de sept ans renouvelable une seule fois.

En aucun cas, nul ne peut exercer plus de deux mandats présidentiels.

Article 101.

Sans préjudice aux dispositions de l'article 197, les élections présidentielles sont fixées à trente jours au moins et soixante jours au plus avant l'expiration du mandat du Président en exercice.

Article 102.

Une loi organique détermine la procédure à suivre pour la présentation des candidatures aux élections présidentielles, le déroulement du scrutin, le dépouillement et la proclamation des résultats.

Article 99.

The election of the President of the Republic shall be by universal suffrage through a secret ballot with a simple majority of the votes cast.

The Supreme Court shall supervise the consistency of this process, rule on any disputes and declare the results of the polls.

Article 100.

The President of the Republic shall be elected for a term of seven years renewable only once.

Under no circumstances may a person hold the office of President of Republic for more than two terms.

Article 101.

Without prejudice to the provisions of Article 197, Presidential elections shall be held not less than thirty days and not more than sixty days before the expiration of the term of the incumbent President.

Article 102.

An organic law shall specify the procedure concerning the nomination for Presidential elections, the organization of elections, the counting of votes and the declarations of electoral results.

Rinateganya ibyangombwa byose kugira ngo amatora akorwe mu bwisanzure, akurikize amategeko kandi abe mu mucyo.

Ingingo ya 103.

Mbere yo gutangira imirimo, Perezida wa Repubulika arahizwa na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga imbere y'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko, akarahira muri aya magambo, ariko umurungo wa nyuma ukavugwa n'ubishaka:

" Jyewe,, ndahiriye u Rwanda ku mugaragaro:

1. Ko nzakorana umurava imirimo nshinzwe;
2. Ko ntazahemukira Repubulika y'u Rwanda;
3. Ko nzakurikiza nkanarinda Itegeko Nshinga n'andi mategeko;
4. Ko nzaharanira amahoro n'ubusugire bw'Igihugu kandi ko nzashimangira ubumwe bw'Abanyarwanda;
5. Ko nzubahiriza mbikuye ku mutima inshingano zanjye ntitaye ku bwoko cyangwa ku karere;
6. Ko ntazigera nkoresha ububasha nahawe mu nyungu zanjye bwite;
7. Ko nzaharanira iyubahirizwa ry'ubwigenge n'uburenganzira bw'ibanze bwa Muntu n'ibyagirira akamaro Abanyarwanda bose.

Nintatira iyi ndahiro nzabihanirwe n'amategeko.

Ntanze Imana ho Umugabo".

Elle prévoit toutes les dispositions nécessaires pour que les élections soient libres, régulières et transparentes.

Article 103.

Avant d'entrer en fonction, le Président de la République est investi par le Président de la Cour Suprême en présence des deux Chambres réunies du Parlement et prête serment dans les termes suivants, le dernier alinéa étant facultatif :

«Moi,.....Je jure solennellement à la Nation :

1. de remplir fidèlement les fonctions qui me sont confiées ;
2. de garder fidélité à la République du Rwanda ;
3. d'observer et défendre la Constitution et les autres lois ;
4. de préserver la paix et l'intégrité du territoire et de consolider l'Unité Nationale ;
5. de remplir consciencieusement les devoirs de ma charge sans aucune considération d'ordre ethnique ou régional ;
6. de ne jamais exercer les pouvoirs qui me sont dévolus à des fins personnelles ;
7. de garantir le respect des libertés et des droits fondamentaux de la personne et de veiller aux intérêts du peuple rwandais.

En cas de parjure, que je subisse les rigueurs de la loi.

Que Dieu soit témoin de mes propos. »

It shall specify all the provisions that are necessary for free and fair, consistent and transparent elections.

Article 103.

The President of the Republic shall before assuming the duties of office be sworn in by the President of the Supreme Court in the presence of the two combined Chambers of Parliament by taking and subscribing the oath of allegiance whereby the last sentence is not obligatory in the following words-

« I,..... solemnly swear to the Nation that I shall:

1. diligently fulfil the responsibilities entrusted to me;
2. remain loyal to the Republic of Rwanda ;
3. observe the Constitution and the other laws;
4. preserve peace, territorial integrity and consolidate national unity;
5. conscientiously fulfil my duties without ethnic or regional consideration;
6. never use the powers conferred on me for personal ends;
7. guarantee the respect of the freedoms and fundamental rights of the human being and safeguard the interests of the Rwandan people.

In case of perjury, may I face the rigours of the law.

May God be witness to my oath.»

Ingingo ya 104.

Perezida wa Repubulika uri ku butegetsi akomeza gukora kugeza igihe umusimbura atangiye imirimo.

Muri icyo gihe ariko, ntiyemerewe gukora ibi bikurikira :

- gushoza intambara;
- kwemeza ibihe bidasanze cyangwa by'amage;
- gukoresha itora rya referendumu.

Na none muri icyo gihe Itegeko Nshinga ntirishobora guhindurwa.

Mu gihe Perezida watowe apfuye, agize impamvu zimubuza burundu gukora imirimo yatorewe cyangwa adashatse kujya ku mwanya yatorewe, hategurwa andi matora.

Ingingo ya 105.

Umurimo wa Perezida wa Repubulika ntushobora kubanganywa n'undi murimo wo mu nzego za Leta zitorerwa, indi mirimo ya Leta, ya gisiviri cyangwa ya gisirikari cyangwa se n'undi murimo w'umwuga.

Article 104.

Le Président de la République en exercice reste en fonction jusqu'à l'installation de son successeur.

Toutefois, il ne peut exercer les compétences suivantes :

- déclarations de guerre ;
- déclaration de l'état d'urgence ou de siège;
- initier le référendum.

En outre, pendant cette période, la Constitution ne peut pas être modifiée.

Au cas où le Président élu décède, se trouve définitivement empêché ou renonce au bénéfice de son élection avant son entrée en fonction, il est procédé à de nouvelles élections.

Article 105.

Les fonctions de Président de la République sont incompatibles avec l'exercice de tout autre mandat électif, de tout emploi public, civil ou militaire et de toute autre activité professionnelle.

Article 104.

After the election of the new President, the incumbent President of the Republic remains in office until the installation of his or her successor.

During this period of transition the incumbent President shall not exercise the following powers :

- declaration of war;
- declaration of a state of emergency or a state of siege;
- call a referendum.

In addition, during this period, the Constitution shall not be amended.

In case the newly elected President dies, suffers permanent incapacity, resigns or otherwise ceases to hold office, fresh elections shall be organized.

Article 105.

The office of the President of the Republic is inconsistent with the holding any other elective office or public employment office, whether civil or military, and all professional activities.

Ingingo ya 106.

Iyo Perezida wa Repubulika apfuye, yeguye cyangwa agize impamvu zimubuza burundu gukomeza imirimo ye, asimburwa by'agateganyo na Perezida wa Sena, ataboneka agasimburwa na Perezida w'Umutwe w'abadepite; iyo abo bombi batabonetse, imirimo ya Perezida wa Repubulika ikorwa by'agateganyo na Minisitiri w'Intebe.

Ariko usimbuye Perezida wa Repubulika uvugwa muri iyi ngingo ntashobora gushyira abakozi mu mirimo, gukoresha itora rya referendumu cyangwa ivugurura ry'Itegeko Nshinga, gutanga imbabazi ku baciriwe urubanza n'urukiko, cyangwa gushoza intambara.

Muri icyo gihe, iyo Perezida wa Repubulika avuyeho mbere y'uko manda ye irangira, itora ryo kumusimbura rikorwa mu minsi mirongo cyenda.

Mu gihe Perezida wa Repubulika atari mu gihugu, arwaye cyangwa adashoboye by'igihe gito gukora imirimo ye, asimburwa na Minisitiri w'Intebe.

Article 106.

En cas de vacance de la Présidence de la République par décès, démission ou empêchement définitif, l'intérim des fonctions du Président de la République est exercé provisoirement par le Président du Sénat et si celui-ci est empêché, par le Président de la Chambre des députés ; lorsque les deux derniers ne sont pas disponibles, la Présidence de la République est provisoirement assurée par le Premier Ministre.

Toutefois, la personne qui exerce les fonctions de Président de la République aux termes de cet article ne peut pas procéder à des nominations, initier un référendum ou la révision de la Constitution, exercer le droit de grâce, déclarer la guerre.

En cas de vacance du poste de Président de la République avant l'échéance du mandat, les élections doivent être organisées dans un délai de quatre-vingt dix jours.

En cas d'absence du territoire, de maladie ou d'empêchement provisoire, la suppléance des fonctions du Président de la République est exercée par le Premier Ministre.

Article 106.

In case the office of the President of the Republic becomes vacant due to death, resignation, permanent incapacity or after condemnation for high treason or serious and deliberate violation of the Constitution, the interim duties of the President of the Republic shall be temporarily exercised by the President of the Senate; if the latter cannot, by the President of the Chamber of Deputies; if both are not available, the Presidency of the Republic shall be temporarily exercised by the Prime Minister.

A person exercising powers of President of the Republic under this Article shall not make appointments, call a referendum, initiate or permit the amendment of the constitution, grant pardon and declare war.

Where the office of the President of the Republic becomes vacant before the end of his/her tenure, elections shall be organized within a period of ninety days.

Where the President of the Republic is absent from the territory of Rwanda due to illness or temporary impediment, the Prime Minister shall temporarily exercise the duties of the President of the Republic.

Ingingo ya 107.

Perezida wa Repubulika ashya umukono ku mategeko yatowe bitarenze iminsi cumi n'itanu uhereye ku munsu ayo mategeko yashyikirijweho Guverinoma.

Ariko, mbere yo kuyashyiraho umukono, Perezida wa Repubulika ashobora gusaba Inteko Ishinga Amategeko kuyasubiramo.

Muri icyo gihe, iyo Inteko yongeye gutora itegeko ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu ku byerekeye amategeko asanzwe cyangwa bwa bitatu bya kane ku byerekeye amategeko ngenga, Perezida wa Repubulika agomba kurishyiraho umukono mu gihe cyavuzwe mu gika cya mbere cy'iyi ingingo.

Ingingo ya 108.

Abisabwe na Guverinoma kandi amaze guhabwa inama n'Urukiko rw'Ikirenga, Perezida wa Repubulika ashobora gukoresha referendumu ku bibazo by'inyungu rusange z'Igihugu, ku mushinga w'itegeko risanzwe, w'itegeko ngenga cyangwa gushyira umukono ku masezerano mpuzamahanga atanyuranyije n'itegeko Nshinga ariko afite ingaruka ku mikorere y'inzezo za Leta.

Iyo uwo mushinga wemejwe n'itora rya referendumu, Perezida wa Repubulika awushyiraho umukono mu gihe kitarenze iminsi umunani uhereye igihe hatangajwe ibyavuye muri iryo tora.

Article 107.

Le Président de la République promulgue les lois dans les quinze jours qui suivent la transmission au Gouvernement du texte définitivement adopté.

Toutefois, avant la promulgation des lois, le Président de la République peut demander au Parlement de procéder à une deuxième lecture.

Dans ce cas, si le Parlement vote la même loi à la majorité des deux tiers pour les lois ordinaires et des trois quarts pour les lois organiques, le Président de la République doit la promulguer dans le délai prévu à l'alinéa premier de cet article.

Article 108.

Le Président de la République, sur proposition du Gouvernement et après avis de la Cour Suprême, peut soumettre au referendum toute question d'intérêt national ou tout projet de loi ordinaire ou organique ou tendant à autoriser la ratification d'un traité qui, sans être contraire à la Constitution, aurait des incidences sur le fonctionnement des institutions.

Lorsque le référendum a conclu à l'adoption du projet, le Président de la République le promulgue dans le délai de huit jours à compter de la proclamation des résultats.

Article 107.

The President of the Republic shall promulgate the laws within fifteen days after the final adopted text has been submitted to the Government.

The President of the Republic may, however, before the promulgation of a law, request Parliament to reconsider the law.

Where in such case, the Parliament votes on the same law with a two thirds vote for ordinary laws and three quarter vote for organic laws, the President of the Republic shall promulgate the law within the period stipulated in the first paragraph of this Article.

Article 108.

The President of the Republic, on proposal by the Government and after considering the advice of the Supreme Court on the matter, may put to referendum any issue that is of national interest, any bill of the ordinary or organic law or the ratification of an international treaty which does not contravene the Constitution but affects the functioning of State institutions.

In case the referendum adopts the bill, the President of the Republic shall promulgate it within a period of eight days from the day of proclamation of results of the referendum.

Ingingo ya 109.

Perezida wa Repubulika ni umugaba w'ikirenga w'Ingabo.

Ashoza intambara bibanje kwemezwa n'Inteko Ishinga Amategeko nk'uko biteganywa mu ngingo ya 136.

Atangaza ibihe by'amage n'ibihe by'imidugararo mu buryo buteganywa n'Itegeko Nshinga n'andi mategeko.

Ingingo ya 110.

Perezida wa Repubulika afite ububasha bwo gutanga imbabazi ku baciriwe urubanza n'urukiko, mu buryo buteganywa n'amategeko kandi amaze kubigishamo inama Urukiko rw'Ikirenga.

Afite ububasha bwo gushyiraho ifaranga ry'Igihugu mu buryo buteganywa n'amategeko.

Ingingo ya 111.

Perezida wa Repubulika ashyira umukono ku mateka ya Perezida yemejwe mu Nama y'Abaminisitiri, ayo mateka agashyirwaho umukono na none na Minisitiri w'Intebe n'Abaminisitiri bashinzwe kuyashyira mu bikorwa.

Ashyiraho abakozi bakuru ku mirimo ya gisiviri n'iya gisirikare iteganywa n'Itegeko Nshinga n'andi mategeko.

Article 109.

Le Président de la République est le Chef Suprême des armées.

Il déclare la guerre sur autorisation du Parlement statuant conformément à l'article 136.

Il déclare l'état de siège et l'état d'urgence dans les conditions fixées par la Constitution et la loi.

Article 110.

Le Président de la République exerce le droit de grâce dans les conditions définies par la loi et après avis de la Cour Suprême.

Il a le droit de battre la monnaie dans les conditions déterminées par la loi.

Article 111.

Le Président de la République signe les arrêtés présidentiels délibérés en Conseil des Ministres et contresignés par le Premier Ministre et, le cas échéant, par les ministres chargés de leur exécution.

Il nomme aux emplois civils et militaires supérieurs déterminés par la Constitution et la loi.

Article 109.

The President of the Republic shall be Supreme Commander of the Armed Forces.

He or she may declare war after authorisation of the parliament as stipulated in article 136 of the present Constitution.

He or she may declare a state of siege or a state of emergency in conditions prescribed by the Constitution and the law.

Article 110.

The President of the Republic exercises the prerogative of mercy subject to conditions defined by law.

He or she has the right to authorise the minting of money under conditions prescribed by the law.

Article 111.

The President of the Republic shall sign Presidential orders discussed at Cabinet meetings and countersigned by the Prime Minister, and where necessary by the Ministers responsible for their implementation.

He or she shall appoint senior civil and military officers as determined by the Constitution and the law.

Ingingo ya 112.

Perezida wa Repubulika ashya umukono ku mateka ya Perezida yemejwe n'Inama y'Abaminisitiri yerekeye :

1. gutanga imbabazi ku baciriwe imanza n'urukiko;
2. gushyiraho ifaranga ry'Igihugu ;
3. gutanga imidari y'ishimwe;
4. gushyira mu bikorwa amategeko iyo biri mu nshingano ze;
5. gushyira ku mirimo no kuyivanaho abakozi bakuru b'abasiviri bakurikira:
 - Perezida na Visi Perezida b'Urukiko rw'Ikirenga ;
 - Umushinjacyaha Mukuru wa Repubulika n'Umushinjacyaha Mukuru wa Repubulika wungirije ;
 - Umuyobozi w'Ibiro bya Perezida wa Repubulika ;
 - Umukuru w'Urwego rushinzwe gutanga Imidari y'Ishimwe ;
 - Umuyobozi wa Banki Nkuru y'Igihugu ;
 - Umuyobozi wa Kaminuza y'u Rwanda ;
 - Abahagarariye u Rwanda mu bihugu by'amahanga no mu miryango mpuzamahanga ;
 - Umunyamabanga Mukuru wa Guverinoma ;

Article 112.

Le Président de la République signe les arrêtés présidentiels délibérés en Conseil des Ministres concernant :

1. le droit de grâce ;
2. la frappe de la monnaie ;
3. les décorations dans les Ordres Nationaux ;
4. l'exécution des lois lorsqu'il en est chargé ;
5. la nomination et la cessation de fonction des hauts fonctionnaires civils suivants :
 - le Président et le Vice-Président de la Cour Suprême ;
 - le Procureur Général de la République et le Procureur Général de la République adjoint ;
 - le Directeur de Cabinet du Président de la République ;
 - le Gouverneur de la Banque Nationale ;
 - le Recteur de l'Université Nationale du Rwanda ;
 - le Chancelier des ordres Nationaux ;
 - les Ambassadeurs et Représentants permanents auprès des organisations internationales ;
 - le Secrétaire Général du Gouvernement ;

Article 112.

The President of the Republic shall sign Presidential orders deliberated upon at Cabinet meetings regarding:

1. the prerogative of mercy;
2. the minting of money;
3. Award of National Orders;
4. implementation of laws when it is his or her responsibility;
5. appointment and termination of services of the following senior civil servants :
 - the President and Vice President of the Supreme Court
 - the Prosecutor-General of the Republic and his or her Deputy.
 - the Director of the Cabinet in the Office of the President of the Republic;
 - the Governor of the Central Bank;
 - the Rector of the National University of Rwanda;
 - the Chancellor of National Orders;
 - Ambassadors and Representatives to international organizations;
 - the Secretary General of the Cabinet;

- Umunyamabanga wihariye wa Perezida wa Repubilika ;
- Abajyanama muri Perezidansi ya Repubilika ;
- Abandi bakozi bakuru ba Leta igihe bibaye ngombwa hakoreshejwe itegeko ngenga.

Ingingo ya 113.

Perezida wa Repubilika aha uburenganzira abahagararira u Rwanda mu bihugu by'amahanga n'Intumwa zidasanzwe muri ibyo bihugu.

Abaje guhagararira ibihugu byabo mu Rwanda n'Intumwa zidasanzwe z'amahanga zimushyikiriza inyandiko zibibahera uburenganzira.

Perezida wa Repubilika ahagararira u Rwanda mu mibanire yarwo n'amahanga ; ashobora kandi kugena umuhagararira.

Ingingo ya 114.

Itegeko ngenga riteganywa ibigenerwa Perezida wa Repubilika rikanagenda ibyo ahabwa mu kiruhuko cy'izabukuru, ndetse n'ibigenerwa Abakuru b'Igihugu bacyuye igihe.

Ariko iyo Perezida wa Repubilika yaciriwe igihano n'inkiko kubera kugambanira igihugu cyangwa kwica bikomeye kandi nkana Itegeko Nshinga, ntashobora guhabwa ibigenerwa abacyuye igihe.

- le Secrétaire Particulier du Président de la République ;
- Les Conseillers à la Présidence de la République ;
- Les autres hauts fonctionnaires qu'une loi organique déterminera en cas de besoin.

Article 113.

Le Président de la République accrédite les Ambassadeurs et les envoyés extraordinaires auprès des puissances étrangères.

Les Ambassadeurs et les envoyés extraordinaires étrangers sont accrédités auprès de lui.

Il représente l'Etat rwandais dans ses rapports avec l'étranger et peut se faire représenter.

Article 114.

Une loi organique fixe les avantages accordés au Président de la République et organise les modalités d'octroi d'une pension et autres avantages aux anciens Chefs d'Etat.

Toutefois, le Président de la République qui a été condamné pour haute trahison ou violation sérieuse et délibérée de la Constitution, n'aura droit à aucun avantage lié à la cessation des fonctions.

- The Principal Private Secretary to the President of the Republic;
- Advisers in the Office of the President of the Republic;
- Other senior civil servants as the law may.

Article 113.

The President of the Republic shall accredit ambassadors and special envoys to foreign countries.

The President of the Republic receives ambassadors accredited to Rwanda and special envoys.

The President of the Republic shall represent the State of Rwanda in its relations with foreign countries and may be represented.

Article 114.

An organic law shall determine the privileges accorded to the President of the Republic and shall specify modalities for the granting of pension and other benefits to former Heads of State.

A President who has been condemned for high treason or serious and deliberate violation of the Constitution shall not be entitled to any benefits of office.

Icyiciro cya 2 : Guverinoma

Ingingo ya 115.

Guverinoma igizwe na Minisitiri w'Intebe, abaminisitiri, n'abandi baba bayirimo.

Bitabangamiye ibiteganywa n'ingingo ya 59 y'iri Tegeko Nshinga, Minisitiri w'Intebe atoranywa, ashwirwaho kandi avanwaho na Perezida wa Repubulika.

Abandi bagize Guverinoma bashwirwaho na Perezida wa Repubulika ashirikirijwe amazina yabo na Minisitiri w'Intebe.

Abagize Guverinoma batoranywa mu mashyaka ya politiki hakurikijwe imyanya yayo mu Mutwe w'abadebite ariko bitabujije ko n'abafite ubushobozi batari mu mashyaka bashwirwa muri Guverinoma.

Cyakora ishyaka ryabonye amajwi menshi mu matora y'abadebite ntirishobora kurenza 50 ku ijana by'abagize Guverinoma.

Perezida wa Repubulika asezerera Guverinoma iyo Minisitiri w'Intebe amushyikirije iyegura ryayo.

Section 2 Le Gouvernement

Article 115.

Le Gouvernement se compose du Premier Ministre, des ministres et, le cas échéant, d'autres membres du Gouvernement.

Sans préjudice à l'article 59, le Premier Ministre est choisi, nommé et démis de ses fonctions par le Président de la République.

Les autres membres du Gouvernement sont nommés par le Président de la République sur proposition du Premier Ministre.

Les membres du Gouvernement sont choisis au sein des partis politiques en tenant compte de la répartition des sièges à la Chambre des Députés sans pour autant exclure la possibilité de choisir d'autres personnes capables qui ne proviennent pas des partis politiques.

Toutefois, le parti politique majoritaire à la Chambre des députés ne peut pas dépasser 50% de tous les membres du Gouvernement.

Le Président de la République met fin aux fonctions du Premier Ministre sur présentation par celui-ci de la démission du Gouvernement.

Section 2 : The Government

Article 115.

The Government comprises the Prime Minister, Cabinet Ministers and other members who may be determined if necessary.

Without prejudice to Article 59, the Prime Minister shall be chosen, appointed and dismissed by the President of the Republic.

Other members of Government are appointed by the President of the Republic upon the proposition of the Prime Minister.

The members of Government are selected from political parties, taking into account the distribution of seats in the Chamber of Deputies, without excluding the possibility of appointing other competent persons who do not belong to any political parties.

The party holding the majority of seats in the Chamber of Deputies shall not exceed 50 % of all the members of the Government.

The President of the Republic relieves the Prime Minister of his duties upon presentation by the latter of the resignation of the Government.

Ingingo ya 116.

Guverinoma iyobora politiki y'Igihugu Perezida wa Repubulika yumvikanyeho n'Inama y'Abaminisitiri.

Guverinoma ikoresha inzego z'imirimo ya Leta, ingabo z'Igihugu n'inzego z'umutekano.

Ibazwa Ibyo ikora na Perezida wa Repubulika n'Inteko Ishinga Amategeko mu buryo buteganywa n'iri Tegeko Nshinga.

Ingingo ya 117.

Minisitiri w'Intebe :

1. Ayobora imikorere ya Guverinoma akurikije imirongo mikuru yatanze na Perezida wa Repubulika, akanakurikirana iyubahirizwa ry'amategeko;
2. Ategura gahunda ya Guverinoma abigiyeho inama n'abandi bagize Guverinoma;
3. Ashyikiriza Inteko Ishinga Amategeko gahunda ya Guverinoma bitarenze iminsi mirongo itatu uherye igihe yatangiye imirimo ye ;
4. Agena inshingano z'abaminisitiri n'abandi bagize Guverinoma;

Article 116.

Le Gouvernement conduit la politique de la Nation déterminée par le Président de la République en Conseil des Ministres.

Il dispose de l'administration et des forces de défense et de sécurité.

Il est responsable devant le Président de la République et devant le Parlement dans les conditions et suivant les procédures prévues par la présente Constitution.

Article 117.

Le Premier Ministre :

1. Dirige l'action du Gouvernement dans le cadre des grandes orientations définies par le Président de la République et assure l'exécution des lois ;
2. Elabore le programme du Gouvernement en concertation avec les autres membres du Gouvernement ;
3. Présente au Parlement le programme du Gouvernement dans les trente jours de son entrée en fonction ;
4. Fixe les attributions des ministres et autres membres du Gouvernement ;

Article 116.

The Government shall implement the policy of the nation determined by the President of the Republic and the Council of Ministers.

It has at its disposal, the administration, defence and security forces.

It is accountable to the President of the Republic and Parliament in accordance with conditions and procedures provided for by the present Constitution.

Article 117.

The Prime Minister :

1. Coordinates the functioning of the Government within the framework of major guidelines specified by the President of the Republic, and shall ensure the implementation of laws;
2. Formulates the Government programme in consultation with other members of the Cabinet;
3. Presents the Government programme to Parliament within thirty days of his or her assumption of office;
4. Assigns the duties and functions of the Ministers and other members of the Government;

- | | | |
|---|---|--|
| <p>5. Ahamagaza Inama y'Abaminisitiri, ashiraho urutonde rw'ibigwa agishije inama abandi bagize guverinoma, akabishyikiriza Perezida wa Repubulika n'abandi bagize Guverinoma nibura iminsi itatu mbere y'uko inama iba, usibye ibibazo byihutirwa bisuzumwa n'inama zidasanzwe;</p> <p>6. Ayobora Inama y'Abaminisitiri; ariko iyo Perezida wa Repubulika yayijemo ni we uyiyobora;</p> <p>7. Ashiraho na we umukono w'ingereka ku mategeko yemejwe n'Inteko Ishinga Amategeko kandi yatangajwe na Perezida wa Repubulika;</p> <p>8. Ashiraho abakozi ba gisiviri n'aba gisirikare, uretse abashyirwaho na Perezida wa Repubulika;</p> <p>9. Ashyira umukono ku mateka ya Minisitiri w'Intebe yerekeye ishyirwa ku mirimo n'ivanwaho ry'abakozi bakuru bakurikira :</p> <ul style="list-style-type: none"> - Umuyobozi w'Iburo bya Minisitiri w'Intebe; - Abayobozi Bungirije ba Banki Nkuru y'Igihugu; - Abayobozi Bungirije ba Kaminuza y'u Rwanda; | <p>5. Convoque le Conseil des Ministres, établit son ordre du jour en consultation avec les autres membres du Gouvernement et le communique au Président de la République et aux autres membres du Gouvernement au moins trois jours avant la tenue du Conseil, sauf en cas d'urgence pour les Conseils extraordinaires ;</p> <p>6. Préside le Conseil des Ministres ; toutefois, lorsque le Président de la République est présent, il en assure la présidence ;</p> <p>7. Contresigne les lois adoptées par le Parlement et promulguées par le Président de la République ;</p> <p>8. Nomme aux emplois civils et militaires sauf ce qui est réservé au Président de la République ;</p> <p>9. Signe les arrêtés du Premier Ministre concernant la nomination et la cessation de fonction des hauts fonctionnaires suivants :</p> <ul style="list-style-type: none"> - le Directeur de Cabinet du Premier Ministre ; - les Vice-Gouverneurs de la Banque Nationale ; - les Vice-Recteurs de l'Université Nationale du Rwanda ; | <p>5. Convenes the Cabinet meeting, draws up its agenda in consultation with other members of the Cabinet and communicates it to the President of the Republic and to other members of the Cabinet at least three days before the session of the Cabinet, except in emergency cases of extraordinary cabinet meetings;</p> <p>6. Chairs the Cabinet meeting; however, where the President of the Republic participates in the meeting, he or she chairs it;</p> <p>7. Countersigns the laws enacted by Parliament and signed by the President of the Republic before they are promulgated;</p> <p>8. Without prejudice to the duties of the President of the Republic, he or she appoints civil and military officers;</p> <p>9. Signs orders of the Prime Minister regarding the appointment and termination of service of the following senior public servants :</p> <ul style="list-style-type: none"> - The Director of Cabinet in the Prime Minister's Office; - The Vice-Governors of the Central Bank; - Deputy Vice-Rectors of the National University of Rwanda; |
|---|---|--|

- Abajyanama n'Abakuru b'imirimo mu Biro bya Minisitiri w'Intebe ;
-
- Abanyamabanga Bakuru muri za Minisitiri;
- Abakuru b'Intara;
- Abayobozi b'ibigo bya Leta n'abandi bakozi bakuru muri ibyo bigo;
- Abagize Inama y'Ubuyobozi mu bigo bya Leta n'abahagarariye Leta mu bigo ifitemo imigabane;
- Abayobozi n'Abakuru b'Amashami muri za minisitiri;
- Abashinjacyaha bafite ububasha mu gihugu cyose n'abashinjacyaha b'intara n'Umujyi wa Kigali;
- Abandi bakozi bakuru iyo bibaye ngombwa hakoreshejwe itegeko ngenga.

Ingingo ya 118.

Amateka ya Minisitiri w'Intebe ashirwaho na none umukono n'Abaminisitiri bashinzwe kuyashyira mu bikorwa.

Ingingo ya 119.

Abaminisitiri n'abandi bagize Guverinoma bashyira mu bikorwa amategeko n'amateka rusange bakoresheje amateka igihe biri mu nshingano zabo.

- les Conseillers et Chefs de Service dans les services du Premier Ministre ;
- Les secrétaires généraux des ministères ;
- les Préfets de Province ;
- les Directeurs des Etablissements publics et les cadres des catégories de conception dans les Etablissements publics ;
- les Administrateurs dans les Etablissements publics et les Représentants de l'Etat dans les sociétés mixtes ;
- les Directeurs et Chefs de division dans les ministères ;
- les Officiers du Ministère Public à compétence nationale et provinciale et compétent pour la Ville de Kigali ;
- les autres hauts fonctionnaires qu'une loi organique déterminera en cas de besoin.

Article 118.

Les actes du Premier Ministre sont contresignés par les Ministres chargés de leur exécution.

Article 119.

Les Ministres et les autres membres du Gouvernement exécutent, par voie d'arrêtés, les lois et les règlements lorsqu'ils en sont chargés.

- Advisors and Heads of Service in the Office of the Prime Minister;
- Secretary generals in Ministries;
- Provincial Governors;
- Directors of Public Establishments and senior cadres in those establishments;
- Members of the Board of Directors in Public Establishments and Government Representatives in parastatals;
- Directors and Heads of Divisions in Ministries;
- National prosecutors, provincial and City of Kigali prosecutors;
- Other senior civil servant as may be required by law.

Article 118.

The orders of the Prime Minister shall be countersigned by the Ministers responsible for their implementation.

Article 119.

Ministers and other members of Government shall implement, by means of orders, the laws and regulations for which they are responsible.

Inama y'abaminisitiri igendera ku ihame ry'uko abayigize bagomba gukorera hamwe.

Ingingo ya 120.

Inama y'Abaminisitiri isuzuma :

- Imishinga y'amategeko n'amategeko teka;
- Imishinga y'amateka ya Perezida, aya Minisitiri w'Intebe n'ay'abaminisitiri;
- Ibindi byose iherwa ububasha n'Itegeko Nshinga n'andi mategeko.

Ingingo ya 121.

Abagize Guverinoma baryozwa ibyo bakoze mu mirimo yabo iyo amategeko yabifataga nk'ibyaha igihe byakorwaga.

Ingingo ya 122.

Imirimo y'abagize Guverinoma ntibangikana n'umurimo uwo ari wo wose w'umwuga cyangwa n'uwo kuba mu bagize Inteko Ishinga Amategeko.

Itegeko ngenga rigena umushahara n'ibindi bihabwa abagize Guverinoma.

Le conseil des Ministres fonctionne sur base du principe de la solidarité gouvernementale¹.

Article 120.

Le Conseil des Ministres délibère sur :

- les projets de lois et décrets-lois ;
- les projets d'arrêtés présidentiels, du Premier Ministre et des Ministres ;
- toutes les questions de sa compétence aux termes de la Constitution et des lois.

Article 121.

Les membres du Gouvernement sont pénalement responsables des actes accomplis dans l'exercice de leurs fonctions et qualifiés crimes ou délits au moment où ils ont été commis.

Article 122.

Les fonctions de membre du Gouvernement sont incompatibles avec l'exercice de toute autre activité professionnelle ou d'un mandat Parlementaire.

Une loi organique fixe les traitements et avantages accordés aux membres du Gouvernement.

¹ - En règle générale, les Constitutions ne prévoient pas le mode de prise de décision du Conseil des Ministres. La politique gouvernementale étant définie par le Président de la République et le Gouvernement étant dirigé par le Premier Ministre sur base de la politique ainsi définie, il ne se conçoit pas que les décisions soient prises au sein du Conseil à la suite d'un vote : le Ministre qui n'est pas d'accord avec le Président ou le Premier Ministre doit démissionner.

The council of ministers functions on the basis of the principle of the governmental solidarity.

Article 120.

The Council of ministers meeting deliberates upon:

- Bills and draft decrees;
- Drafts of Presidential orders, the Prime Minister's and Ministerial orders;
- Any other issue within its competence as may be specified by the Constitution and other laws.

Article 121.

Members of the Cabinet shall be legally accountable for acts committed during the execution of their duties which were classified as crimes or offences at the time they were committed.

Article 122.

The duties and responsibilities of Cabinet members shall be incompatible with any other professional activity or with membership of parliament.

An organic law determines the emoluments and privileges accorded to members of the Cabinet.

Ingingo ya 123.

Mbere yo gutangira imirimo, Minisitiri w'Intebe, abaminisitiri n'abandi bagize Guverinoma barahirira imbere ya Perezida wa Repubulika, Inteko Ishinga Amategeko n'Urukiko rw'Ikirenga bihari, mu magambo akurikira, ariko umurongo wa nyuma ukavugwa n'ubishaka :

"Jyewe,ndahiriye u Rwanda ku mugaragaro :

1. ko nzakorana umurava imirimo nshinzwe ;
2. ko ntazahemukira Repubulika y'u Rwanda ;
3. ko nzubaha Itegeko Nshinga n'andi mategeko;
4. ko nzaharanira amahoro no guteza imbere ubumwe bw'Abanyarwanda;
5. ko nzubahiriza mbikuye ku mutima inshingano zanjye ntitaye ku bwoko cyangwa ku karere;
6. ko ntazigera nkoresha ububasha nahawe mu nyungu zanjye bwite;
7. ko nzaharanira iyubahirizwa ry'ubwigenge n'uburenganzira bw'ibanze bwa muntu n'ibyagirira akamaro Abanyarwanda bose.

Nintatira iyi ndahiro, nzabihanirwe n'amategeko.

Ntanze Imana ho umugabo".

Article 123.

Avant d'entrer en fonction, le Premier Ministre, les ministres et les autres membres du Gouvernement prêtent serment devant le Président de la République et en présence du Parlement et de la Cour Suprême dans les termes suivants, le dernier alinéa étant facultatif :

« *Moi,.....Je jure solennellement à la Nation :*

1. *de remplir fidèlement les fonctions qui me sont confiées ;*
2. *de garder fidélité à la République du Rwanda ;*
3. *d'observer la Constitution et les autres lois ;*
4. *de préserver la paix et de promouvoir l'Unité Nationale ;*
5. *de remplir consciencieusement les devoirs de ma charge sans aucune considération d'ordre ethnique ou régional ;*
6. *de ne jamais exercer les pouvoirs qui me sont dévolus à des fins personnelles ;*
7. *de garantir le respect des libertés et des droits fondamentaux de la personne et de veiller aux intérêts du peuple rwandais.*

En cas de parjure, que je subisse les rigueurs de la loi.

Que Dieu soit témoin de mes propos. »

Article 123.

Before assuming their duties, the Prime Minister, Ministers and other members of Government shall take the oath of allegiance before the President of the Republic and in the presence of the members of Parliament and of President of the Supreme Court in the following words, however the last sentence is not obligatory:

« *I,..... solemnly swear to the Nation that I shall:*

1. *diligently fulfil the responsibilities entrusted to me;*
2. *remain loyal to the Republic of Rwanda ;*
3. *observe the Constitution and the other laws;*
4. *preserve peace and promote national unity;*
5. *conscientiously fulfil my duties without ethnic or regional consideration;*
6. *never use the powers conferred on me for personal ends;*
7. *promote respect for the freedoms and fundamental rights of the human being and safeguard the interests of the Rwandan people.*

In case of perjury, may I face the rigours of the law..

May God be witness to my oath.»

Ingingo ya 124.

Iyo Minisitiri w'Intebe yeguye cyangwa avuyeho ku mpamvu iyo ari yo yose, bituma n'abandi bagize Guverinoma begura.

Muri icyo gihe Guverinoma ikora gusa imirimo ya buri muni kugeza igihe hashyirweho indi Guverinoma, ariko ntiyemerewe gufata ibyemezo bishya.

Ingingo ya 125.

Buri minisitiri cyangwa undi wese mu bagize Guverinoma ashobora kwegura ku bwende bwe; abishyikiriza Perezida wa Repubulika abinyujije kuri Minisitiri w'Intebe.

Uko kwegura kwemerwa iyo mu gihe cy'iminsi itanu nyir'ubwite atisubiyeho cyangwa se ngo Perezida wa Repubulika amuhakanire.

Icyiciro cya 3 : Ubuyobozi bw'ibikorwa bya Leta

Ingingo ya 126.

Abakozi ba Leta bahabwa akazi, bashyirwa mu myanya, bazamurwa mu ntera hakurikijwe ihame ry'uko abenegihugu bose bangana, nta kugendera ku marangamutima, nta kubogama kandi binyuze mu mucyo hashingiwe ku bushobozi n'ubudakemwa bw'abasaba akazi b'inyangamugayo b'ibitsina byombi.

Article 124.

La démission ou la cessation de fonctions du Premier Ministre entraîne la démission de l'ensemble des membres du Gouvernement.

Dans ce cas, le Gouvernement assure l'expédition des affaires courantes jusqu'à la formation d'un nouveau Gouvernement.

Article 125.

Chaque Ministre ou membre du Gouvernement peut, à titre personnel, présenter sa démission au Président de la République par l'intermédiaire du Premier Ministre.

Cette démission n'est définitive que si, dans un délai de cinq jours, elle n'est ni retirée ni refusée par le Président de la République.

Section 3 : L'Administration Publique

Article 126.

Les agents de l'Etat sont recrutés, affectés et promus conformément au principe d'égalité des citoyens suivant un système objectif, impartial et transparent basé sur la compétence de candidats intègres des deux sexes.

Article 124.

The resignation or the termination of the duties of the Prime Minister shall lead to dissolution of the Cabinet.

In this case, the Government shall ensure continuity of the functions of the cabinet pending establishment of a new cabinet.

Article 125.

Each Minister or member of Cabinet may individually tender in his or her resignation to the President of the Republic through the Prime Minister.

Such a resignation shall become effective only if, within a period of five days, it is neither withdrawn nor rejected by the President of the Republic.

Section 3 : Public Administration

Article 126.

Public servants shall be recruited, posted and promoted in conformity with the principle of equality of citizens through an objective, impartial and transparent system based on the competence and merit of men and women of integrity.

Leta yishingira ukutabogama kw'abayobozi b'ibikorwa bya Leta, kw'ingabo z'Igihugu, kw'abapolisi n'ukw'abashinzwe umutekano. Bose bagomba buri gihe kutagira aho babogamira no gukorera abaturatione nta vangura.

**UMUTWE WA III : IBYEREKEYE
IMIKORANIRE Y'UBUTEGETSI
NSHINGAMATEGEKO
N'UBUTEGETSI
NYUBAHIRIZATEGEKO**

Ingingo ya 127.

Perezida wa Repubulika na Minisitiri w'Intebe bagomba kumenyeshwa ibiri ku murongo w'ibigwira mu nama za buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko n'iza komisiyo zawo.

Minisitiri w'Intebe n'abandi bagize Guverinoma bashobora kujya mu nama za buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko iyo babishatse. Bahabwa ijamba buri gihe iyo barisabye.

Iyo bibaye ngombwa bashobora guherekezwa n'abafasha bihitiyemo.

Ingingo ya 128.

Uburyo Umutwe w'Abadepite umenya ukanagenzura ibikorwa bya Guverinoma ni ubu bukurikira :

L'Etat garantit la neutralité de l'administration, des forces armées, de police et des services de renseignements qui doivent en toutes circonstances garder l'impartialité et être au service de tous les citoyens.

**CHAPITRE III : DES RAPPORTS ENTRE LE
POUVOIR LEGISLATIF ET
LE POUVOIR EXECUTIF**

Article 127.

Le Président de la République et le Premier Ministre doivent être informés de l'ordre du jour des séances de chaque Chambre du Parlement et de ses Commissions.

Le Premier Ministre et les autres membres du Gouvernement peuvent, s'ils le désirent, assister aux séances de chaque Chambre du Parlement. Ils y prennent la parole chaque fois qu'ils en expriment le désir.

Ils peuvent, le cas échéant, se faire accompagner des techniciens de leur choix.

Article 128.

Les moyens d'information et de contrôle de la Chambre des députés à l'égard de l'action gouvernementale sont :

The State shall guarantee the neutrality of the administration, the Armed Forces, the Police and the National Security Service, which must in all circumstances ensure the impartiality and be at the service of all citizens.

**CHAPTER III : RELATIONSHIP BETWEEN
THE LEGISLATIVE AND
EXECUTIVE POWERS**

Article 127.

The President of the Republic and the Prime Minister shall be informed of the agenda of the sessions of each Chamber of Parliament and of its Committees.

The Prime Minister and other members of the Cabinet may, attend the sessions of each Chamber of Parliament. They take the floor whenever they express the wish to do so.

They may, if need be, be accompanied by technical advisers of their choice.

Article 128.

The Chamber of Deputies may use one or more of the following methods to solicit information from Members of the Council of Ministers :

- Kubaza mu magambo ;
- Kubaza mu nyandiko ;
- Kubaza muri komisiyo ;
- Gushyiraho Komisiyo y'igenzura ;
- Kubarizwa mu ruhame rw'Inteko.

- la question orale ;
- la question écrite ;
- l'audition en commission ;
- la commission d'enquête ;
- l'interpellation.

- Putting of oral questions;
- Submission of written questions;
- Commission hearing;
- Commission of inquiry;
- Interpellation.

Itegeko ngenga rigena ibigomba gukurikizwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'iyi ngingo.

Une loi organique fixe les conditions et la procédure d'application de cet article.

An organic law shall fix the conditions and application procedure of this article.

Ingingo ya 129.

Article 129.

Article 129.

Abasenateri bashobora kubaza Minisitiri w'Intebe mu magambo cyangwa mu nyandiko agasubiza ubwe, iyo ari ibibazo byerekeye Guverinoma yose cyangwa minisitiri nyinshi icyarimwe, cyangwa agasubirizwa n'Abaminisitiri ba za minisitiri bireba.

Les membres du Sénat peuvent adresser au Premier Ministre des questions orales ou des questions écrites auxquelles il répond soit lui-même, s'il s'agit de questions concernant l'ensemble du Gouvernement ou plusieurs ministères à la fois, soit par l'intermédiaire des Ministres concernés s'il s'agit de questions concernant leurs départements ministériels.

Members of the Senate may address the Prime Minister with oral or written questions to which he or she may answer, where the questions are related to the Government or several ministries, or through the intermediary of concerned ministers should the issue concern their ministerial departments.

Abasenateri bashobora na none gushyiraho za komisiyo zishinzwe kugenzura ibikorwa bya Guverinoma.

Le Sénat peut également constituer des commissions d'enquête pour le contrôle de l'action gouvernementale.

The Senate may, in addition, constitute commissions of enquiry for the purpose of checking Government actions.

Ariko ntibashobora kubariza mu ruhame abagize Guverinoma cyangwa ngo batangize ibyerekeye kubavanaho icyizere.

Toutefois, le Sénat ne peut procéder à l'interpellation ni engager la procédure de censure.

The Senate may not proceed to interpellation or initiate a motion of no confidence.

Ingingo ya 130.

Article 130.

Article 130.

Umutwe w'abadepite ushobora kugaya imikorere ya Guverinoma, iy'umwe cyangwa benshi mu bagize Guverinoma ukoresheje itora ry'icyemezo cyo kubavanaho icyizere.

La Chambre des députés peut mettre en cause la responsabilité du Gouvernement ou celle d'un ou plusieurs membres du Gouvernement par le vote d'une motion de censure.

The Chamber of Deputies may challenge the performance of the Government or of one or several members of the Government through a motion of no confidence.

Icyifuzo cyo gukuraho icyizere cyakirwa gusa nyuma yo kubarizwa mu ruhame rw'Inteko kandi kigashyirwaho umukono nibura na kimwe cya gatanu cy'abagize umutwe w'abadebite iyo bireba umwe mu bagize Guverinoma, cyangwa kimwe cya gatatu nibura iyo bireba Guverinoma yose.

Icyemezo cyo kvanaho icyizere ntigishobora gutorwa hadashize nibura amasaha mirongo ine n'umunani kuva itora ry'icyo cyemezo risabwe, cyemezwa gusa kandi n'itora ribereye mu ibanga ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu by'amajwi by'abagize umutwe w'abadebite.

Isoza ry'ibihembwe bisanzwe cyangwa bidasanzwe rigomba gusubikwa kugira ngo hakorwe ibiteganywa n'iyi ngingo.

Ingingo ya 131.

Umwe mu bagize Guverinoma wakuweho icyizere agomba gushyikiriza Perezida wa Repubulika ukwegura kwe abinyujije kuri Minisitiri w'Intebe.

Iyo ari Guverinoma yose yakuweho icyizere, Minisitiri w'Intebe ashikiriza Perezida wa Repubulika ukwegura kwa Guverinoma.

Iyo gukurwaho icyizere bidatowe, abashyize umukono ku nyandiko ibisaba ntibemerewe kongera kubisaba muri icyo gihembwe.

Une telle motion n'est recevable qu'après une interpellation et que si cette motion est signée par un cinquième au moins des membres de la Chambre des députés pour le cas d'un membre du Gouvernement ou par un tiers au moins s'il s'agit du Gouvernement.

Le vote ne peut avoir lieu que quarante huit heures au moins après le dépôt de la motion, et celle-ci ne peut être adoptée qu'au scrutin secret et à la majorité des deux tiers des membres de la Chambre des députés.

La clôture des sessions ordinaires ou extraordinaires est de droit retardée pour permettre, le cas échéant, l'application des dispositions du présent article.

Article 131.

A member of the Cabinet against whom a vote of no confidence is adopted is obliged to tender his or her resignation to the President of the Republic through the Prime Minister.

Lorsque la motion de censure est adoptée contre le Gouvernement, le Premier Ministre présente la démission du Gouvernement au Président de la République.

Si la motion de censure est rejetée, ses signataires ne peuvent en présenter une nouvelle au cours de la même session.

A motion of no confidence may only be accepted after interpellation and if the motion is signed by at least a fifth of the members of the Chamber of Deputies in the case of a member of the Cabinet, or by at least a third if it concerns the Government.

A vote on a motion of no confidence may not take place before at least forty-eight hours have elapsed after the submission of the motion and the latter may only be adopted through a secret ballot and with a supporting majority of at least two-thirds of the members of the Chamber of Deputies.

The closing of the ordinary or extraordinary sessions shall be automatically delayed in order to enable, if need be, the application of the provisions of the present Article.

Article 131.

A member of the Cabinet against whom a vote of no confidence is adopted is obliged to tender his or her resignation to the President of the Republic through the Prime Minister.

When the vote of no confidence is adopted against the Government, the Prime Minister shall tender the resignation of the Government to the President of the Republic.

Where the vote of no confidence is rejected, its signatories may not present a new one during the same session.

Ingingo ya 132.

Bimaze kwemezwa n'Inama y'Abaminisitiri, Minisitiri w'Intebe ashobora gusaba abagize umutwe w'abadepite kumugaragariza icyizere haba mu kwemeza gahunda y'ibikorwa bya Guverinoma cyangwa mu gutora umushinga w'itegeko.

Impaka ku kibazo cyo kugaragaza icyizere ntizishobora kugibwa mbere y'iminsi itatu yuzuye uherye igihe icyo kibazo cyabagereyeho.

Kutagaragariza Minisitiri w'Intebe icyizere ntibishobora gukorwa bitanyuze mu itora rikozwe mu ibanga kandi ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu by'amajwi y'abagize umutwe w'abadepite.

Iyo Minisitiri w'Intebe bamwimye icyizere, agomba gushyikiriza Perezida wa Repubulika ukwegura kwa Guverinoma.

Ingingo ya 133.

Perezida wa Repubulika, amaze kugisha inama Minisitiri w'Intebe, ba Perezida b'imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko na Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, ashobora gusesa umutwe w'abadepite.

Itora ry'abadepite rikorwa mu mezi atatu akurikira iryo seswa.

Article 132.

Le premier Ministre peut, après délibération du Conseil des Ministres, engager la responsabilité du Gouvernement devant la Chambre des députés en posant la question de confiance, soit sur l'approbation du programme du gouvernement, soit sur le vote d'un texte de loi.

Le débat sur la question de confiance ne peut avoir lieu que trois jours francs après qu'elle a été posée.

La confiance ne peut être refusée que par vote au scrutin secret à la majorité des deux tiers des membres de la Chambre des députés.

Si la confiance est refusée, le Premier Ministre doit remettre au Président de la République la démission du Gouvernement.

Article 133.

Le Président de la République peut, après consultation du Premier Ministre, des Présidents des deux Chambres du Parlement et du Président de la Cour Suprême, prononcer la dissolution de la Chambre des députés.

Les élections des députés ont lieu dans les trois mois qui suivent la dissolution.

Article 132.

The Prime Minister may, following the deliberation by the Council of ministers, request the Chamber of Deputies for a vote of confidence based either on the approval of the government programme or a vote on a text of a law.

The debate on the request for a vote of confidence may only take place three full days following its submission.

A vote of confidence may only be rejected through a secret ballot by a two-thirds majority of the members of the Chamber of Deputies.

If a vote of confidence is rejected, the Prime Minister must tender in the resignation of the Government to the President of the Republic.

Article 133.

The President of the Republic, after consultation with the Prime Minister, the Presidents of both Chambers of Parliament and the President of the Supreme Court, may declare the dissolution of the Chamber of Deputies.

The elections of Deputies shall take place within three months after the dissolution.

Perezida wa Repubulika ntashobora gusesa umutwe w'abadebite inshuro zirenze imwe muri manda ye.

Umutwe w'abadebite ntashobora guseswa mu gihe hakorehwa ububasha budasanze buvugwa mu ngingo ya 137 kugeza ku ya 139, no mu gihe cy'isimburwa rya Perezida wa Repubulika by'agateganyo.

Sena ntashobora guseswa.

Ingingo ya 134.

Minisitiri w'Intebe agomba kumenyesha Imitwe y'Inteko Ishinga Amategeko ibikorwa bya Guverinoma igihe cyose bishoboka.

Na none mu gihe cy'ibihembwe by'Inteko, inama imwe buri cyumweru ihariwa ibabazo abagize Inteko Ishinga Amategeko babaza Guverinoma n'ibisubizo ibaha.

Guverinoma igomba guha imitwe y'Inteko Ishinga Amategeko ibisobanuro byose isabwe ku micungire n'ibikorwa byayo.

Ingingo ya 135.

Perezida wa Repubulika avugana n'Inteko Ishinga Amategeko yose cyangwa n'Umutwe umwe yiyiziye ubwe cyangwa ahaye Minisitiri w'Intebe ubutumwa asomera imbere y'Inteko. Nta mpaka zigibwa muri icyo gihe.

Il ne peut être procédé à une nouvelle dissolution au cours du même mandat Présidentiel.

La Chambre des députés ne peut être dissoute pendant l'exercice des pouvoirs exceptionnels cités aux articles 137 à 139 ni pendant l'intérim du Président de la République.

Le Sénat ne peut pas être dissout.

Article 134.

Les Chambres du Parlement ont le droit d'être informées sur l'action du Gouvernement par le Premier Ministre aussi régulièrement que possible.

En outre, durant les sessions, une séance par semaine est réservée en priorité aux questions des membres du Parlement et aux réponses du Gouvernement.

Le Gouvernement est tenu de fournir aux Chambres du Parlement toutes les explications qui lui sont demandées sur sa gestion et sur ses actes.

Article 135.

Le Président de la République communique avec le Parlement par des messages qu'il prononce devant l'une des Chambres ou les Chambres réunies ou qu'il fait lire par le Premier Ministre et qui ne donnent lieu à aucun débat.

The President of the Republic may not dissolve the Chamber of Deputies more than once in the same presidential term of office.

The Chamber of Deputies cannot be dissolved during the exercise of exceptional powers stipulated in Articles 137 to 139, or during the interim Presidency of the Republic.

The Senate may not be dissolved.

Article 134.

The Chambers of Parliament have the right to be informed on the course of the Government action as frequently as possible, by the Prime Minister.

One session per week shall be reserved as a matter of priority, to the questions from the members of Parliament and to the answers by the Government.

The Government is obliged to provide the Chambers of Parliament with regular and with explanations on questions posed concerning the running and actions of the Government.

Article 135.

The President of the Republic communicates with the Parliament through messages that he or she reads before one or both chambers convened together, or delegates the Prime Minister. These messages are not subject to any debate.

Iyo atari igihe cy'ibihembwe, Inteko Ishinga Amategeko cyangwa umwe mu Mitwe yayo, iterana by'umwihariko kubera iyo mpamvu.

Ingingo ya 136.

Gushoza intambara bitangirwa uburenganzira n'Inteko Ishinga Amategeko bikemezwa ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu by'amajwi y'abagize buri Mutwe.

Ingingo ya 137.

Ibihe by'amage n'ibihe by'imidugararo biteganywa n'itegeko kandi bitangazwa na Perezida wa Repubulika bimaze kwemezwa n'Inama y'Abaminisitiri.

Kwemeza ibihe by'amage cyangwa ibihe by'imidugararo bigomba gutangirwa impamvu zumvikana bikagaragaza igice cy'Igihugu icyo cyemezo kireba, n'ingaruka zacyo, bikagaragaza kandi uburenganzira, ubwigenge n'iby'umuntu yemererwa n'amategeko bihagarikwa ndetse n'igihe bigomba kumara; icyo gihe ntigishobora kurenga iminsi cumi n'itanu.

Icyo gihe ntigishobora kongerwa birenze iminsi cumi n'itanu keretse iyo bitangiwe uburenganzira n'Inteko Ishinga Amategeko ibyemeza ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu by'amajwi y'abagize buri Mutwe.

Hors session, le Parlement ou une Chambre, selon le cas, est réuni spécialement à cet effet.

Article 136.

La déclaration de guerre est autorisée par le Parlement, statuant à la majorité des deux-tiers des membres de chaque Chambre.

Article 137.

L'état de siège et l'état d'urgence sont régis par la loi et sont proclamés par le Président de la République après décision du Conseil des Ministres.

La déclaration de l'état de siège ou d'urgence doit être dûment motivée et spécifier l'étendue du territoire concerné, ses effets, les droits, les libertés et les garanties suspendus de ce fait et sa durée qui ne peut être supérieure à quinze jours.

Sa prolongation au-delà de quinze jours ne peut être autorisée que par le Parlement statuant à la majorité des deux tiers de chaque Chambre.

As the case may be, Parliament or one chamber may be specially convened for the purpose when parliament is not in session.

Article 136.

A declaration of war shall be authorized by Parliament at joint session with a supporting vote of two thirds of the members of each chamber.

Article 137.

A state of emergency and a state of siege shall be governed by the law and shall be declared by the President of the Republic, following a decision of the Council of ministers.

The declaration of the state of siege or of the state emergency must be duly justified and must specify the area or territory affected, its effects, the rights and liberties suspended by that decision and its duration, which may not exceed fifteen days.

Prolongation of a state of siege or a state of emergency beyond fifteen days can be authorized by Parliament only by a two-thirds majority vote of the members of each chamber.

Mu ntambara, iyo ibihe by'amage byatangajwe, itegeko rishobora kugena igihe gisumbaye igiteganywa mu gika kibanziriza iki.

Ibihe by'amage bigomba kugenerwa igihe ntarengwa cyo kugira ngo hagaruke ibihe bisanzwe birangwa na demokarasi.

Kwemeza ibihe by'amage cyangwa ibihe by'imidugararo ntibishobora na rimwe kubangamira uburenganzira bwo kubaho, kudahungabanywa ku mubiri, uburenganzira abantu bahabwa n'amategeko ku miterere n'ububasha bwabo, ku bwenegihugu, ihame ry'uko itegeko mpanabyaha ridahana icyaha cyakozwe mbere y'uko rijyaho, uburenganzira bwo kwiregura n'ubwisanzure ku mitekerezwe no ku idini.

Kwemeza ibihe by'amage cyangwa ibihe by'imidugararo ntibishobora na rimwe kubangamira ububasha bwa Perezida wa Repubulika, bw'Inteko Ishinga Amategeko, bw'Urukiko rw'Ikirenga n'ubwa Minisitiri w'Intebe cyangwa guhindura amahame yerekeye ibyo leta n'abakozi bayo bashobora kuryozwa hakurikijwe iri Tegeko Nshinga.

Mu bihe by'amage cyangwa mu bihe by'imidugararo kugeza ku minsi mirongo itatu bivanyweho, nta gikorwa na kimwe cy'itora gishobora gukorwa.

En cas de guerre, si l'état de siège a été déclaré, la loi peut fixer une durée supérieure à celle prévue dans le paragraphe précédent.

L'état de siège doit se limiter à la durée strictement nécessaire pour rétablir rapidement la situation démocratique normale.

La déclaration de l'état de siège ou de l'état d'urgence ne peut en aucun cas porter atteinte au droit à la vie, à l'intégrité physique, à l'état et à la capacité des personnes, à la citoyenneté, à la non rétroactivité de la loi pénale, au droit de la défense ni à la liberté de conscience et de religion.

La déclaration de l'état de siège ou de l'état d'urgence ne peut en aucun cas affecter les compétences du Président de la République, du Premier Ministre, du Parlement et de la Cour Suprême; ni modifier les principes de responsabilité de l'Etat et de ses agents consacrés par la présente Constitution.

Pendant l'état de siège ou d'urgence et jusqu'au trentième jour après sa levée, aucune opération électorale ne peut avoir lieu.

In case of war, if a state of siege has been declared, the law may determine a duration that exceeds that provided for in the previous paragraph.

A state of siege must be limited to the duration that is strictly necessary for the rapid re-establishment of the normal democratic situation.

A declaration of a state of siege or of a state of emergency shall not under any circumstances infringe on the right to life, to physical integrity, to the citizenship, to the non retroactivity of criminal law, to the right to legal defence or to the liberty of conscience and religion.

A declaration of the state of siege or of the state of emergency shall not under any circumstance affect the competence of the President of the Republic, Prime Minister, Parliament and the Supreme Court nor modify the principles of the responsibility of the State, or of its officers empowered by the present Constitution.

No electoral activities shall take place during a state of siege or of emergency until thirty days have elapsed after it has been lifted.

Ingingo ya 138.

Ibihe by'amage ntibishobora gutangazwa mu gihugu cyose cyangwa mu gice cyacyo, keretse iyo Igihugu cyatewe cyangwa kiri hafi guterwa n'amahanga, cyagirijwe cyangwa se iyo inzego zashyizweho n'itegeko Nshinga zahungabanye.

Ibihe by'imidugararo byemezwa mu Gihugu hose cyangwa mu gice cyacyo, iyo Igihugu kiri mu byago cyangwa iyo inzego zashyizweho n'itegeko Nshinga zahungabanye ariko uburemere bwabyo butageze ku rugero rwatuma hatangazwa ibihe by'amage.

Ingingo ya 139.

Mu bihe by'amage cyangwa mu bihe by'imidugararo, umutwe w'abadebite ntushobora guseswa kandi imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko ihita ihamagazwa iyo itari iri mu bihembwe.

Iyo ku itariki yatangarijweho ibihe by'amage cyangwa ibihe by'imidugararo, umutwe w'abadebite wari warasheshwe cyangwa manda y'abadebite yararangiyeye, ububasha bw'Inteko Ishinga Amategeko bwerekeye ibihe by'amage cyangwa ibihe by'imidugararo bushyirwa mu ngiro na Sena.

Article 138.

L'état de siège ne peut être déclaré, sur la totalité ou une partie du territoire national, qu'en cas d'agression effective ou imminente du territoire national par des forces étrangères, ou en cas de menace grave ou de trouble de l'ordre Constitutionnel.

L'état d'urgence est déclaré, sur la totalité ou une partie du territoire national, en cas de calamité publique ou de trouble de l'ordre Constitutionnel dont la gravité ne justifie pas la déclaration de l'état de siège.

Article 139.

Pendant la durée de l'état de siège ou de l'état d'urgence, la Chambre des députés ne peut être dissoute et les Chambres du Parlement sont automatiquement convoquées si elles ne siègent pas.

Si à la date de la déclaration de l'état de siège ou d'urgence la Chambre des députés avait été dissoute ou si la législature avait pris fin, les compétences du Parlement concernant l'état de siège ou d'urgence sont exercées par le Sénat.

Article 138.

A state of siege may be declared on the entirety or on part of the national territory only in case of effective or eminent aggression of the national territory by foreign forces, or in case of serious threat or trouble to institutions.

A state of emergency may be declared on the entirety or part of the national territory in case of public disaster or constitutional crisis whose gravity does not warrant the declaration of a state of siege.

Article 139.

During the period of a state of siege or of a state of emergency, the Chamber of Deputies may not be dissolved and the chambers of Parliament shall be automatically convened if they are in recess.

If at the time of a declaration of a state of siege or of emergency the Chamber of Deputies has been dissolved or the parliamentary term has ended, the powers of Parliament concerning a state of siege or a state of emergency shall be exercised by the Senate.

**UMUTWE WA IV : IBYEREKEYE
UBUTEGETSI
BW'UBUCAMANZA**

Icyiciro cya 1 : Ingingo rusange

Ingingo ya 140.

Ubutegetsi bw'Ubucamanza bushinzwe Urukiko rw'Ikirenga n'izindi nkiko zishyirwaho n'Itegeko Nshinga n'andi mategeko.

Ubutegetsi bw'Ubucamanza burigenga kandi butandukanye n'Ubutegetsi Nshingamategeko n'Ubutegetsi Nyubahirizategeko.

Bufite ubwigenge mu micungire y'abakozi n'imari.

Imanza zicibwa mu izina ry'abaturage kandi nta wushobora kwicira urubanza ubwe.

Ibyemezo by'ubucamanza bigomba gukurikizwa n'abaturanyi bireba, zaba inzego z'ubutegetsi bwa Leta cyangwa abantu ku giti cyabo. Ntibishobora kuvuguruzwa keretse binyuze mu nzira no mu buryo buteganywa n'amategeko.

Ingingo ya 141.

Imanza ziburanishirizwa mu ruhamwe keretse iyo urukiko rwemeje ko habaho umuhezo mu gihe kuburanishiriza mu ruhamwe byagira ingaruka mbi ku ituze rusange rya rubanda cyangwa bigatera urukozasoni.

CHAPITRE IV : DU POUVOIR JUDICIAIRE

Section 1 : Dispositions générales

Article 140.

Le pouvoir judiciaire est exercé par la Cour Suprême et les autres cours et tribunaux institués par la Constitution et d'autres lois.

Le Pouvoir Judiciaire est indépendant et séparé du Pouvoir Législatif et du Pouvoir Exécutif.

Il jouit de l'autonomie de gestion administrative et financière.

La justice est rendue au nom du peuple et nul ne peut se rendre justice à soi-même.

Les décisions de justice s'imposent à tous ceux qui y sont parties, que ce soit les pouvoirs publics ou les particuliers. Elles ne peuvent être remises en cause que par les voies et sous les formes prévues par la loi.

Article 141.

Les audiences des juridictions sont publiques sauf le huis clos prononcé par jugement lorsque cette publicité est dangereuse pour l'ordre public ou les bonnes mœurs.

CHAPTER IV : THE JUDICIARY

Section 1 : General Provisions

Article 140.

Judicial power shall be exercised by the Supreme Court and such other subordinate courts as shall be established by the Constitution or by other laws.

The courts shall be independent and shall be separate from the Legislature and the Executive.

The judiciary shall enjoy financial and administrative autonomy.

Justice shall be rendered in the name of the people and nobody may be a judge in his or her own case.

Decisions of courts shall not be challenged except as provided by law and they shall be respected by all, be they public authorities or individuals.

Article 141.

Court hearings shall be conducted in public unless a court determines that such public hearing is injurious to public order or good morals.

Urubanza rwose rwaciwe rugomba kugaragaza impamvu rusingiyeho kandi rukandikwa mu ngingo zarwo zose; rugomba gusomerwa mu ruhamwe hamwe n'impamvu zose uko zakabayeho n'icyemezo cyafashwe.

Inkiko zikurikiza gusa amateka rusange n'amateka iyo atanyuranyije n'Itegeko Nshinga n'andi mategeko.

Bitabangamiye uburenganzira bw'ababuranyi bwo kureshya imbere y'ubucamanza, itegeko ngenga ryerekeye imiterere n'ububasha by'inkiko rishobora guteganywa, mu birebana n'imanza mbonezamubano n'ubucuruzi, ishyirwaho ry'inteko y'ubucamanza umwe mu nkiko zisanzwe ziburanisha ku rwego rwa mbere uretse mu Rukiko rw'Ikirenga. Iryo tegeko riteganywa uburyo iki gika gishyirwa mu bikorwa.

Ingingo ya 142.

Abacamanza bashyizweho burundu ntibashobora kuvanwa mu rukiko barimo; ntibashobora guhagarikwa by'agateganyo, kwimurirwa ahandi, kwimurirwa ahandi n'ubwo byaba ari ukubazamura mu ntera, gushyirwa mu kiruhuko cy'izabukuru cyangwa kuvanwa ku murimo keretse mu buryo buteganywa n'amategeko.

Mu mirimo yabo, Abacamanza nta kindi bumvira uretse amategeko.

Umushahara n'ibindi bigenerwa abacamanza bishyirwaho n'itegeko.

Tout jugement ou arrêt doit être motivé et entièrement rédigé ; il doit être prononcé avec ses motifs et son dispositif en audience publique.

Les juridictions n'appliquent les règlements et arrêtés que pour autant qu'ils sont conformes à la Constitution et aux lois.

Sans préjudice à l'égalité des justiciables devant la justice, la loi organique portant organisation et compétence judiciaires peut prévoir, en matière civile et commerciale, l'institution du juge unique dans les juridictions ordinaires de premier degré excepté à la Cour Suprême. La même loi prévoit les modalités d'application de cette disposition.

Article 142.

Les juges nommés à titre définitif sont inamovibles ; ils ne peuvent être suspendus, mutés même en avancement, mis à la retraite ou démis de leurs fonctions sauf dans les cas prévus par la loi.

Les juges ne sont soumis, dans l'exercice de leurs fonctions, qu'à l'autorité de la loi.

La rémunération et les autres avantages des juges sont fixés par la loi.

Court decisions of whatever nature shall show the reasoning of the court shall be written in their entirety and shall be delivered in open court.

Courts shall apply rules, regulations and subsidiary legislation where these do not conflict with the Constitution or with other laws.

Without prejudice to the principle of equality of all before the law, the organic law governing the organisation and competence of courts may make provisions of institution of a single judge in ordinary jurisdiction in first instance trials with the exception of the Supreme Court in civil and commercial matters. The same law shall provide for the procedure of application of this provision.

Article 142.

Judges shall hold their tenure for life; they shall not be suspended, transferred, retired or dismissed from their duties save as provided for by law.

Judges shall be subject only to the authority of the Constitution and the law in the execution of their duties.

The terms, conditions and other benefits of judges shall be prescribed by an organic law.

Icyiciro cya 2 : Ibyerekeye inkiko

Ingingo ya 143.

Itegeko Nshinga rishyizeho inkiko zisanzwe n'inkiko zihariye.

Inkiko zisanzwe ni Urukiko rw'Ikirenga, Urukiko Rukuru rwa Repubulika, inkiko z'intara n'urw'Umujyi wa Kigali; inkiko z'uturere n'imijyi.

Inkiko zihariye ni inkiko Gacaca n'inkiko za gisirikare.

Nta rukiko rushya rushobora gushyirwaho keretse biteganyijwe n'itegeko ngenga.

Uretse Urukiko rw'Ikirenga, inkiko zisanzwe zishobora kugira ingereko zihariye cyangwa ingereko zikorera ahandi byemejwe n'iteka rya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga abisabwe n'Inama Nkuru y'Ubucamanza.

Inkiko zishobora gukorera aho ari ho hose mu ifasi yazo iyo bituma imirimo yazo igenda neza, ariko bitabangamiye imanza zicibwa ku cyicaro cyazo gisanzwe.

Ariko ntihazobora gushyirwaho inkiko zidasanzwe.

Itegeko ngenga rigena imiterere, ububasha n'imikorere y'inkiko rikanashyiraho amategeko agenga abacamanza n'abakozi b'inkiko.

Section 2 : Des juridictions

Article 143.

Il est institué par la présente Constitution des juridictions ordinaires et des juridictions spécialisées.

Les juridictions ordinaires sont la Cour Suprême, la Haute Cour de la République, les Tribunaux de Province et de la Ville de Kigali, les Tribunaux de District et de Ville.

Les juridictions spécialisées sont les Juridictions-Gacaca et les juridictions militaires.

Il ne peut être créé de juridiction nouvelle que par une loi organique.

A l'exception de la Cour Suprême, les juridictions ordinaires peuvent être dotées de Chambres spécialisées ou de Chambres détachées, par ordonnance du Président de la Cour Suprême sur proposition du Conseil Supérieur de la Magistrature.

Les Cours et Tribunaux peuvent siéger en n'importe quelle localité de leur ressort si la bonne administration de la justice le requiert sans nuire au jugement des affaires à leur siège ordinaire.

Toutefois, il ne peut être créé de juridiction d'exception.

Une loi organique détermine l'organisation, la compétence et la procédure des cours et tribunaux et définit le statut des juges et du personnel judiciaire.

Section 2 : Jurisdictions

Article 143.

Under this Constitution, ordinary and specialised courts are hereby established.

Ordinary Courts are the Supreme Court, the High Court of the Republic, the provincial courts and the court of the City of Kigali, the district courts and the town courts.

Specialised jurisdictions are the Gacaca Jurisdiction and Military Jurisdictions.

Other jurisdictions may be established by an organic law.

With the exception of the Supreme Court, the ordinary courts may have specialised and/or itinerant chambers, by order of the President of the Supreme Court on proposal of the Supreme Council of Magistrates.

Courts may sit in any locality within their territorial jurisdiction if efficient administration of justice so necessitates, without prejudice to the execution of their normal business at their usual locations.

No special court shall be created.

An organic law determines the organisation, competence and the procedures of courts and defines the rules governing the conduct of judges and other judicial personnel.

§ 1: Inkiko zisanzwe

1. Ibyerekeye Urukiko rw'Ikirenga

Ingingo ya 144.

Urukiko rw'Ikirenga ni rwo rukiko rkuriye izindi mu gihugu. Ibyemezo byarwo ntibijurirwa uretse ibyerekeye imbabazi n'isubirwamo ry'urubanza. Byubahirizwa n'inzego za Leta, abayobozi bose b'imirimo ya Leta, aba gisiviri, aba gisirikare, abo mu rwego rw'ubucamanza n'abantu ku giti cyabo.

Ingingo ya 145.

Urukiko rw'Ikirenga ruyoborwa na Perezida wungirijwe na Visi Perezida n'abacamanza cumi na babiri.

Bose ni abacamanza b'umwuga.

Bibaye ngombwa itegeko ngenga rishobora kongera umubare w'abacamanza b'Urukiko rw'Ikirenga.

Ingingo ya 146.

Inshingano z'Urukiko rw'Ikirenga ziteganywa n'iri Tegeko Nshinga n'andi mategeko ; muri zo hari :

1. Gukurikirana ko inkiko zikurikiza amategeko, guhuza no kugenzura ibikorwa byazo ;

§ 1 : Les juridictions ordinaires

1. De la Cour Suprême

Article 144.

La Cour Suprême est la plus haute juridiction du pays. Ses décisions ne sont susceptibles d'aucun recours si ce n'est en grâce ou en révision. Elles s'imposent aux pouvoirs publics et à toutes les autorités administratives, civiles, militaires et juridictionnelles ainsi qu'aux particuliers.

Article 145.

La Cour Suprême est dirigée par un Président, assisté d'un Vice-Président et de douze juges.

Ils sont tous juges de carrière.

Une loi organique peut, en cas de besoin, augmenter le nombre des juges de la Cour Suprême.

Article 146.

La Cour Suprême exerce les attributions lui conférées par la présente Constitution et les lois dont notamment les suivantes :

1. Elle est chargée de veiller à l'application de la loi par les Cours et Tribunaux, de coordonner et de contrôler leurs activités ;

§1 Ordinary Jurisdictions

1. The Supreme Court

Article 144.

The Supreme Court is the highest jurisdiction in the country. There is no recourse against decisions of the Supreme Court except in terms of petitions for the exercise of the prerogative of mercy or revision. Decisions of the Supreme Court shall be binding on organs of state, public officials, whether civil, military or judicial as well as on individuals.

Article 145.

The Supreme Court is headed by a President, assisted by a Vice President and at least twelve judges.

They are all judges by profession.

An organic law may, in case of need increase the number of judges of the Supreme Court.

Article 146.

The Supreme Court carries out duties assigned to it by the present Constitution and laws, among which are the following :

1. It is responsible for ensuring the application of the law by courts and tribunals, for coordinating and supervising their activities;

- | | | |
|--|--|--|
| <p>2. Kugenzura ko amategeko ngenga n'amategeko ngenga-mikorere ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko atanyuranyije n'Itegeko Nshinga mbere y'uko ashwirwaho umukono na Perezida wa Repubulika;</p> | <p>2. Elle contrôle la constitutionnalité des lois organiques et des règlements intérieurs de chacune des Chambres du Parlement avant leur promulgation.</p> | <p>2. It rules on the constitutionality of organic laws and internal rules regulating arrangements, proceedings and procedures of the chambers of Parliament;</p> |
| <p>3. Iyo bisabwe na Perezida wa Repubulika cyangwa kimwe cya gatanu cy'abagize Umutwe w'abadebite cyangwa cy'abagize Sena, Urukiko rw'Ikirenga rugenzura niba amategeko n'amategeko teka atanyuranyije n'Itegeko Nshinga mbere y'uko Perezida wa Repubulika ayashyiraho umukono;</p> | <p>3. A la demande du Président de la République ou d'un cinquième des membres de la Chambre des députés ou du Sénat, elle contrôle également la constitutionnalité des lois et des décrets-lois avant leur promulgation ;</p> | <p>3. At the request of the President of the Republic or one fifth of members of the Chamber of Deputies or of the Senate, the Supreme Court rules on the constitutionality of laws and decrees before they are assented to and signed. If the Supreme Court decides that the law or decree is constitutional, the President must assent to and sign it;</p> |
| <p>4. Umuburanyi ndetse n'umucamanza ubwe, ashobora gutambamira ko itegeko cyangwa iteka rusange rinyuranyije n'Itegeko Nshinga rikoresha mu rubanza. Icyo gihe Urukiko ruhita ruhagarika isuzuma ry'urubanza, rukohereza inyandiko z'urwo rubanza mu Rukiko rw'Ikirenga. Urukiko rw'Ikirenga rumaze gusuzuma imyanzuro y'abaturanyi kuri icyo kibazo, rugomba gufata icyemezo mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu uherye ku muni rwakiriyeho ikirego ;</p> | <p>4. Toute partie à un procès, ou le juge d'office, peut soulever l'exception d'inconstitutionnalité à l'application d'une loi ou d'un règlement par la juridiction saisie.
Celle-ci doit surseoir à statuer sur l'affaire et transmettre le dossier de la procédure à la Cour Suprême qui doit, les parties entendues en leurs conclusions sur cette exception, se prononcer dans un délai de trente jours à dater de sa saisine ;</p> | <p>4. Any party to a case or a judge may raise the exception of unconstitutionality in order to prevent the application of a law or of a regulation by the court to which the case has been submitted. In such a case, the court must stay the ruling on the case and forward the file of the proceedings to the Supreme Court, which, after listening to both parties, must pronounce itself on the exception within a period of thirty days from the date the case, will have been submitted to the court. It rules, on request, on the conflicts opposing different state institutions;</p> |
| <p>5. Gukemura rubisabwe, impaka zerekeye inshingano zivutse hagati y'inzego za Leta ;</p> | <p>5. Elle tranche, sur demande, les conflits d'attributions opposant les différentes institutions de l'Etat ;</p> | <p>5. It rules, on request, on the conflicts of competence opposing different state institutions;</p> |

- | | | |
|--|---|--|
| 6. Guca imanza zerekeye amatora ya referendum, aya Perezida wa Repubulika n'ay'abagize Inteko Ishinga Amategeko ; | 6. Elle est juge du contentieux électoral relatif au référendum et aux élections présidentielles et législatives ; | 6. It decides disputes relating to referendum, presidential and legislative elections; |
| 7. Kuburanisha mu manza z'inshinjabyaha mu rwego rwa mbere n'urwa nyuma Perezida wa Repubulika, Perezida wa Sena, Perezida w'Umutwe w'abadebite, Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga na Minisitiri w'Intebe; | 7. Elle juge au pénal, en premier et dernier ressort, le Président de la République, le Président du Sénat, le Président de la Chambre des Députés, le Président de la Cour Suprême et le Premier Ministre ; | 7. It decides criminal cases, at first instance, in which the President of the Republic, the President of the Senate, the President of the Chamber of Deputies, the President of the Supreme Court or the Prime Minister is the accused person; |
| 8. Gukemura imanza zerekeye kwica ingingo za 53, 54 na 55 bikozwe n'amashyaka ya politiki; | 8. Elle statue sur les violations des articles 53, 54 et 55 de la Constitution commises par les partis politiques ; | 8. It rules on the violations stipulated in Articles 53,54 and 55 of the Constitution committed by political parties; |
| 9. Kwakira indahiro ya Perezida wa Repubulika, iya Perezida wa Sena, iya Perezida w'Umutwe w'abadebite, iya Minisitiri w'Intebe n'iy'abandi bagize Guverinoma, iy'abasenateri n'iy'abadebite mbere y'uko batangira imirimo yabo ; | 9. Elle reçoit le serment du Président de la République, du Président du Sénat, du Président de la Chambre des Députés, du Premier Ministre et des autres membres du Gouvernement, des Sénateurs et des Députés, avant leur entrée en fonction ; | 9. It administers oaths taken by the President of the Republic, the President of the Senate, of the President of the Chamber of Deputies, of the Prime Minister and other members of the Government, senators and deputies before assumption of their duties; |
| 10. Mbere y'uko barahira batangira imirimo n'yo bayivuyeho, Urukiko rw'Ikirenga rwakira inyandiko ya Perezida wa Repubulika, iya Perezida wa Sena, iya Perezida w'Umutwe w'abadebite, iya Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, iya Minisitiri w'Intebe n'iz'abandi bagize Guverinoma barahiriyeho ko ari zo zigaragaza umutungo wabo nyakuri; | 10. Elle reçoit la déclaration sur l'honneur des biens et patrimoine du Président de la République, du Président du Sénat, du Président de la Chambre des Députés, du Président de la Cour Suprême, du Premier Ministre et des autres membres du Gouvernement avant leur prestation de serment et lors de leur cessation de fonctions ; | 10. It receives the declaration on honour of assets by the President of the Republic, the President of the Senate, the President of the Chamber of Deputies, the Prime Minister and the President of the Supreme Court before their taking of oath and at the termination of their duties; |

- | | | |
|--|---|--|
| <p>11. Kuburanisha Perezida wa Repubulika kubera icyaha kugambanira igihugu cyangwa kwica Itegeko Nshinga bikomeye kandi nkana. Muri icyo gihe, icyemezo cyo kumuregera Urukiko gifatwa n'abagize Umutwe w'Abadepite na Sena bateraniye hamwe binyuze mu matora ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu by'amajwi y'abagize buri Mutwe ;</p> | <p>11. Elle juge le Président de la République en cas de haute trahison ou de violation grave et délibérée de la Constitution. Dans ce cas, la décision de mise en accusation est votée par le Sénat et la Chambre des Députés réunis en commun, à la majorité des deux tiers de chaque Chambre ;</p> | <p>11. It tries the President of the Republic when charges of high treason or serious deliberate violation of the Constitution are brought against him or her. In these cases, the decision to accuse the President of the Republic is made by both chambers of the Parliament convened in a joint session, by a vote supported by a two-thirds majority of each Chamber ;</p> |
| <p>12. Kwemeza ko umwanya wa Perezida wa Repubulika nta wuwuriho igihe yapfuye, yeguye, yaciriwe igihano n'urukiko kubera icyaha cyo kugambanira igihugu cyangwa kwica Itegeko Nshinga bikomeye kandi nkana ;</p> | <p>12. Elle constate la vacance du poste du Président de la République en cas de décès, de démission, de condamnation pour haute trahison ou violation grave et délibérée de la Constitution ;</p> | <p>12. It declares the vacancy of the post of the President of the Republic in case of death, resignation, condemnation for high treason or serious and deliberate violation of the Constitution ;</p> |
| <p>13. Ku birebana n'imiterere y'inzeho z'ubucamanza, Urukiko rw'Ikirenga rushobora kugeza kuri Guverinoma umushinga wose w'ivugurura rigamije inyungu rusange ;</p> | <p>13. En matière d'organisation du pouvoir judiciaire, elle peut proposer au Gouvernement toute réforme qui lui paraît conforme à l'intérêt général.</p> | <p>13. Concerning the organization of the Judiciary, the Supreme Court may propose to the Government, any reform project that it deems to be of general public interest ;</p> |
| <p>14. Gusobanura ingingo z'Itegeko Nshinga rubisabwe na Perezida wa Repubulika, Perezida wa Sena, Perezida w'Umutwe w'abadepite cyangwa kimwe cya kane cy'abagize Sena cyangwa Umutwe w'abadepite;</p> | <p>14. Elle interprète les dispositions de la Constitution sur demande du Président de la République, du Président du Sénat, du Président de la Chambre des Députés ou d'un quart des Sénateurs ou des Députés ;</p> | <p>14. The President of the Republic, the President of the Senate, the President of the Chamber of Deputies or a quarter of Senators or Deputies may request the Supreme Court to interpret the provisions of the Constitution;</p> |
| <p>15. Gutanga ibisobanuro mpamo ku mategeko gakondo atanditse mu gihe amategeko yanditse nta cyo abivugaho.</p> | <p>15. Elle donne l'interprétation authentique de la coutume en cas de silence de la loi écrite.</p> | <p>15. It offers an authentic interpretation on custom, in case it is not provided for by the written law.</p> |

Ingingo ya 147.

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga agabanya abakozi imirimo akanagena abagomba kuba bagize inteko mu manza zicibwa n'urwo rukiko.

Inteko y'Urukiko rw'Ikirenga igirwa nibura n'abacamanza batatu. Ariko, iyo ruburanisha mu mizi imanza z'inshinjabyaha, izerekeye amatora n'izerekeye Itegeko Nshinga cyangwa izirimo ibibazo by'amategeko bishya cyangwa by'urusobe, inteko iba igizwe nibura n'abacamanza batanu.

Inteko y'Urukiko rw'Ikirenga igirwa n'abacamanza barindwi nibura iyo ruburanisha Perezida wa Repubulika ku kirego icyo ari cyo cyose n'iyiyo ruburanisha amashyaka ya politiki yishe ingingo za 53, 54 na 55 z'iri Tegeko Nshinga.

Buri mwaka Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akora raporo ku miterere y'inkiko akanayitangaza. Kopi y'iyiyo raporo igenerwa Inama Nkuru y'Ubucamanza, Perezida wa Repubulika, Minisitiri w'Intebe na Perezida wa buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko.

Ingingo ya 148.

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, uretse igihe atabonetse, ni we uyobora inteko iburanisha, akayobora inama rusange zarwo akanahagararira Urukiko mu zindi nzego ndetse no mu mihango rufitemo uruhare cyangwa rwatumiwemo.

Article 147.

Le Président de la Cour Suprême répartit le service et fixe la composition du siège pour les affaires portées devant la Cour.

La Cour Suprême siège au nombre de trois juges au moins. Toutefois, en matière pénale, électorale et constitutionnelle, ou dans des affaires comportant des questions juridiques nouvelles ou complexes, la cour statuant au fond, siège au nombre de 5 juges au moins.

Elle siège au nombre de sept juges au moins pour le jugement du Président de la République quelle que soit la matière et pour le jugement des partis politiques en cas de violation des articles 53, 54 et 55 de la présente Constitution.

Le Président de la Cour Suprême publie chaque année et diffuse un rapport sur l'état des Cours et Tribunaux. Une copie du rapport est adressée au Conseil Supérieur de la Magistrature, au Président de la République, au Premier Ministre et aux Présidents des Chambres du Parlement.

Article 148.

Le Président de la Cour Suprême préside, sauf s'il n'est pas disponible, les audiences de la Cour et ses assemblées générales, et représente la Cour vis-à-vis de l'extérieur ainsi qu'aux cérémonies auxquelles la Cour participe ou est invitée.

Article 147.

The President of the Supreme Court distributes the duties and determines the composition of the bench for the trial of cases brought before the Court.

A matter before The Supreme Court must be heard by at least three judges. In criminal cases, litigation concerning elections and constitutionality, or in cases dealing with new or complex legal issues, the bench is composed of at least five judges.

The bench is composed of at least seven judges when it concerns the trial of the President of the Republic whatever the nature of the case and when trying political parties and political formations for alleged violation of Articles 53,54 and 55 of the this Constitution.

The President of the Supreme Court shall publish annually a report on the state of affairs of courts and tribunals. A copy of the report shall be forwarded to the Supreme Council of Magistrates, the President of the Republic, the Prime Minister and to the Presidents of the Chambers of Parliament.

Article 148.

The President of the Supreme Court, except when absent, presides over proceedings before the Court and chairs its general assemblies; He or she represents the Court vis-à-vis the outside world and in official ceremonies in which the Court participates or is invited.

Ashinzwe by'umwihariko kugena imirimo, kuyobora Urukiko, gukurikirana imikorere n'imyitwarire y'abakozi barwo.

Iyo adahari cyangwa afite impamvu zimubuza gukora, asimburwa na Visi Perezida, nawe ataboneka agasimburwa n'umucamanza urusha abandi uburambe mu mirimo y'urwo Rukiko; iyo abacamanza banganya uburambe asimburwa n'uruta abandi mu myaka y'amavuko.

Ingingo ya 149.

Perezida na Visi Perezida b'Urukiko rw'Urukiko batorerwa manda imwe y'imyaka umunani, bagatorwa na Sena ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu by'amajwi y'abayigize mu bakandida babiri kuri buri mwanya batanzwe na Perezida wa Repubulika amaze kubyumvikanaho n'izindi nzego zirimo Inama Nkuru y'Ubucamanza.

Bashyirwa ku mirimo n'iteka rya Perezida wa Repubulika mu minsi umunani ikurikira itora rya Sena.

Bagomba kuba bafite nibura impamyabumenyi ihanitse mu by'amategeko n'uburambe bw'imyaka cumi n'itanu mu kazi k'ubucamanza cyangwa k'ubw'avoka, bakaba kandi baragara-gayeho ubushobozi mu miyoborere y'inzego nkuru z'ubuyobozi. Abafite impamyabumenyi y'ikirenga mu mategeko, bagomba kuba bafite uburambe bw'imyaka irindwi nibura mu mirimo yerekeye amategeko.

Il est chargé en particulier de l'organisation, de l'administration, du fonctionnement et de la discipline intérieure de la Cour.

En cas d'absence ou d'empêchement, il est remplacé par le Vice-Président et, à défaut de celui-ci, par le juge le plus ancien à la Cour et, à ancienneté égale, par le juge le plus âgé.

Article 149.

Le Président et le Vice-Président de la Cour Suprême sont élus pour un mandat unique de huit ans par le Sénat, à la majorité des deux tiers de ses membres sur proposition du Président de la République à raison de deux candidats par poste et après consultation d'autres organes dont le Conseil Supérieur de la Magistrature.

Ils sont nommés par arrêté du Président de la République dans les huit jours du vote du Sénat.

Ils doivent avoir au moins un diplôme de Licence en Droit et une expérience professionnelle de quinze ans au moins dans une profession juridique et avoir fait preuve d'aptitude dans l'administration d'institutions au plus haut niveau. Pour les détenteurs d'un diplôme de Doctorat en Droit l'expérience professionnelle requise est de sept ans au moins dans une profession juridique.

The President of the Supreme Court is responsible for the organization, administration and the functioning as well as for the internal discipline of the Court.

In case of absence or impediment, the Vice-President replaces him or her and in case the latter is not available, the most senior judge at the Supreme Court takes charge.

Article 149.

The President and Vice-President of the Supreme Court are appointed by a majority vote of the senate for a single term of eight years on the proposal of the President of the Republic from two candidates per post and after consultation with other organs including the superior council of magistrate.

They must be holders of at least a university degree of Bachelor of Laws with professional experience of fifteen years in the legal profession.

They must have proven competence in high-level institutional administration management. For holders of a PHD degree in law, the minimum professional experience required is seven years in the legal profession.

Bashobora kuvanwa ku mirimo yabo kubera kudashobora akazi cyangwa gukora ikosa rikomeye ku kazi, bisabwe n'Umutwe w'abadebite cyangwa w'abasenateri ku bwiganze bw'amajwi bwa bitatu bya gatanu, bakavanwaho n'Inteko Ishinga Amategeko ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu by'amajwi y'abagize buri Mutwe.

Ingingo ya 150.

Perezida wa Repuburika amaze kubyumvikanaho n'izindi nzego zirimo Inama Nkuru y'Ubucamanza, ashyikiriza Sena ilisiti y'abakandida bifuzako kuba abacamanza mu Rukiko rw'Ikirenga; iyo lisiti igomba kuba iriho abakandida barengaho batatu ku myanya iteganyijwe.

2. Ibyerekeye Urukiko Rukuru rwa Repubulika

Ingingo ya 151.

Hashyizweho Urukiko Rukuru rwa Repubulika; ifasi yarwo ni igihugu cyose.

Rushinzwe kuburanisha mu rwego rwa mbere bimwe mu byaha bikomeye kimwe n'ibyaha byo mu rwego mpuzamahanga byihariye biteganywa n'itegeko.

Ils peuvent être relevés de leurs fonctions pour incompétence ou faute professionnelle grave par le Parlement statuant à la majorité des deux tiers des membres de chaque Chambre et à l'initiative de la Chambre des Députés ou du Sénat par vote à la majorité des trois cinquièmes.

Article 150.

